Wowe Munyarwandakazi, gira ishyushyu lyo gusoma, kunda gusoma. Soma cyngwa usomerwe. Byakugilira akamaro n'ubwo ngo "Akabugira kabuzi kalya imboga kalitse umutsima." Ntibivunagye komera ubwo ali wowe.

Igice cya mbere: UMUKOBWA.

1.- Mukobwa urashakwa.

Ubungubu mu gihugu cyacu hali indwara cyane cyane aho nakwita mu giturage "Kurongora". Bamwe babyumva ukwabo abandi ni uko, aliko abenshi babyumva nabi ubwo bikabatera inzozi bikaba indwara batabiketse. Dufatanye kubyumva. Turumvisha iki? Tubyumvishe amaso n'amatwi. Tubyumvishe amaso tureba uko abandi babikoresha, tunasoma ibyo abandi balivuzeho bisesangura uko lyimviswe. Tubyumvishe amatwi twumva hose ibyo liganirwaho. Numara kubigenza kuliya, ahasigaye hazaba ahawe urobanura icyiza muli byo. Nanjye ngufitiye akabanga: nahereye ahakikije iwacu, henavukiye uko nkura nitegereza, numva nsesangura ndeba ibikorwa maze amaso ampishulira ibisobanuro bitatu bihalirwa ijambo "Kurongora"; nibyo by'ibi:

__ABAHARAYE__: nasanze abenshi mu bahungu barabonye ko kurongora ali ukugira ngo banezeze umubili wabo. Ni amafuti kandi byatumye batora kurongorana-kuko na none ntavuga gusambana- ufite imyaka myinshi afite nka cumi n'itandatu. Waba uyirengeje, rero ntube wabona umukobwa cyangwa umusore ngo urakuze.
Uwo musore n'iyo nkumi bararongoranye. Ndahije ukuli ko urwo rukundo rwabo akenshi rukomoka ku gakungu rushaka ruyoyoka. Uwo mwana ngo si umugabo, yakubaka rugo ki nta bitekerezo bihamye yigilira? Iyo banjwe ngo bararushinze, na none ntibibagendekera kimwe ku mpamvu z'ibi bikulikira: -Iyo nta rukundo badafite agatima ko gukora, usanga igitsure n'ubwimalinzi ali byo bibitungiye. N'utazi kureba nabi, akabifatira isomo; akirebesha igitsure agafata indorerwamo akareba ko mu ~~git~~ mwanya nk'uwo aba afite igitinyiro. Baba ali abana nyine nta gitangaza kili nk'aho. Umugore ati: "Jye niba utagiye guhinga ngo nsigare nteka sinzabyemera; ndetse no guteka ni ukubura uko ngira. Nagiraga ngo nindongorwa nzaba ntagipfuye; nzaba nkizex kutikoza ruvuga ya yindi rukobora kubera guhinduka nk'igikoba, nzagira amahoro ntazavunika none iliya mfunya ngo ni umugabo reba ibyo ishaka kunyigiraho! Umugabo we ati: "Ndi umugabo nazanye umugore ndakize. Kuwa ubu sinzavoma sinzatashya; sinzatonora kandi nimbona akana sinzakikiza hato katazanyanduza..." Biragaragara ko ibi ntaho byabageza, bitabarenza umutaru. Ku bw'igitsina umwe agiye agira imilimo imugenewe, aliko kubera ko ali abakene, umwe yagombye kureba icyo yafasha undi batagize batya ngo bi bitere hejuru.

Biratangaje kumva nyamugabo avuga biliya. Umugore wese s'isoko y'ubukungu n'ubuherwe. Aha rero, nta mugabo nta mugore.

-Iyo nta rukundo bakanatekereza gukora, bigera iwa Ndabaga. Umugabo yaba agize ati: "Tujye guhinga- Umugore ati: Ndagacibwa ibere da! Tujyane se niduhingura uze kumfasha gutashya, umugore se ayangwa unyogereze iyo nkono, undahulire, ungire ute? Mbwira ko uli bubimfashemo, maze mugabo mwiza umva data ko wahize, unshorere tugende." Ngo ubu bali mu rwabo da! Nk'aho bakoze ikibagomba, umva ibyo bibereyemo. Baraburana bagasigana rukabura gica. Iyo nteko, ni iy'iki? Nali n'ubwo bacyocyorana; umugabo ati: "Dore uko gisa." Ubusanswe ibyo bivuga abana b'ibitambambuga, Umugore ati: "Cyo se kirasa gite, ko mpumutse ubu ngubu!

Umugabo ati: "Wahora n'iki! Sinamenye

Umugore ati: "Immana igira amaboko! Iyo uza kurongora undi utali jye ngo agutamaze wumve.

Umugabo ati: "Nta nkumi yagaya babivuze ukuli. N'irwaye umufunzo iwa inzaratsi! Wa mucanka we uyicira ubusa. Bahu! N'aho ndetse nali amabuye.

Nali kugucishaho agapanga ntibazamenye iyo warengeye

Umugore: "Ishime rero warekuye amaka. Akamasa ngaka karwaye nyamukuka! Sinamenye. Uwarushye abungira umusazi."

Umugabo akungute agatoki: "Nd'umusazi shahu ntubeshye kuko nashatse wowe."

Mbega agasusuguro! Mwene aba uzitonde urebe, uzasanga ntawe ushebora kugira undi inama, bikeza hilya no hino boshye bwa bunyugunyugu maze ntibagire icyo bageraho, barakaswa n'ubusa bahindagura udutekerezo twabo. Eje rero ukumva ngo nyiranaka yahukanye! Ubwiza bwamurangaga akili umukobwa ntabuteze ukundi. Ye! Ntazanaburabukwa. Azabwifuza yicuze kugeza ugupfa kwe. Ntawe uzamupfapfanyiliza. Nagira Imana azabona agasaza kamwireherereza. Naheba azafasha imikenyero hasi, yegure amagutiya, n'uko. Nayabura ya mikenyero ayicemo amajipo n'amashati, afate inzira nta gakoni agane izindi prefegitura. Nagira ya Mana noneho bamurebe kuko azaba yihinduye umukobwa. Wowe mukobwa? Dore ingaruka y'ibi ndabana ali wowe izonga. Nusabwa udakuze ngo na none usabwe n'ugaragara ndavuga ukuze nawe, uzahakanire mu maguru mashya. Abakuze bazahanwa bakumva, ndetse bakabyigerorera ubwabo. Uramenye ntuzahakane wageseyo.

-Iyo bagize tombora bakagira urukundo ntibatekereze gukora , ibibi birarutana aliko na none baba bataragera ku cyifuzwa. Urukundo rugira rutya rugatwikira neza neza ibibi umwe akora undi ntabibone. Hali nk'umugabo- nk'uko hali umupadiri wigeze kubyigisha, yaba yagulishije tuvuge igitungwa, ati: "Ubwo urugo ali urwanjye, n'igitungwa ni icyanjye. None, kiragurwe kandi ngikiliya barakibaze. Ngiye kulyaho." Akagenda akalyaho ku mugani we/ Nta cyaha umugore azafinduramo; Nyamara se, yagiye mu ihoteli ajyane n' abe? Yashyiliye nde mu nda? Ubundi yagombye kugira ati: "Ndakigulishije yego; si icyanjye ni icy'urugo, kandi urugo si jye;ibivuyemo nabyo n'iby'urugo.

None rero, uwaliwe wese agomba kubonaho. Ninjye mu ihoteli yego, aliko se n'abandi babe babonaho ikindi kintu cy'indishyi ya byo: umwambaro, icyo kwisiga..."
Umugore ashobora kuba we ate umugabo yifitiye inyumba aliko akabura aho ataha? Muti bishoboka bite? Agize atya inzu ayigira itongo: maze ingarani ye ikibera umwo, isahani yabuze ibyo ilya ngo ntikozwe; ibyo wahanura ko ali iki? Abongaba usanga bameze nk'abitungiwe n'Immana, barahagijwe n'umwuka, bitungiwe n'imiadi. Ni abanebwe cyane aliko umutima wabo uli hamwe. Bagacishamo bakalilimba, ntibiguse kuba batandukana.
-Abarongoranye bafite gukora n'urukundo, usanga babaye umwe kandi ali babili. Ni abasangirangendo: bakora kimwe bagatekereza bimwe. Ntacyo bakennye. Bafite gukora bakagira n'urukundo. Ni abana baranakennye, aliko bali imbere y'abandi. Mwebwe, twebwe, bo, n'awe muntu wa mu giturage? Umutima mwiza wizuye urukundo mbere ya byose. Wowe wahalilisaga, jye ndabona hano hali urufunguzo rwo kurongora icyo ali cyo: murongorane muli bakuru kugira ngo mugire ibitekerezo byinshi mukoresha, mukunde gukora, noneho byose bigengwe n'urukundo.
Mushobora kwibaza icyatumye nibasira giturage simvuge kig gikire. Icyambere n'uko byihanganirwa. Bilihanganirwa kuko urukundo rudakunda kubura. Ntirukunda kubura kuko ubusanzwe umukobwa abanza kwirebera ubukire bw'umusore; ngira ngo aho nta mpaka zihali. Abanza kwirebera ubukire bw'umusaba, ubwo urukundo ntirukunde kubura, kandi rukarama nk'ubwo bukire. Bagira ibyago bagakena, ubwo bakamera nka baliya bo muli giturage: urukundo ku rukabura bagakora cyangwa se ntibakore, rugakomeza kubabamo bakanebwa cyangwa bakagira ubwira. Bakora, batakora, ni hahandi habo.

N'abahungu ubwabo, babyirukana igitekerezo cyo gukora. Uko gukora rero kwabahira, bisa ngo niwe urukundo, ubwo bibereho. Ibi byose, biragengwa n'urukundo, aho wanyuza hose usanga ko urukundo rubuze mwaba mukora ubusa.
Dore uko abaharaye bibagendekera, bagakubukira kubana umugore ngo ubwo bararongoye, ngo ibye gusa birahagije.

<u>BATERELIYO</u>: abo nabo babona ko hilya yo kurarana n'umugore nta kindi kindi gihali gisobanura kurongora. Akivugira ati: "Gusambana ni ibyanjye, naho ngo kanaka yarongoye! Yammsanye ndabyumva. Bali burarane yego aliko nanjye simbura uwo nsambanya; nta n'umunsi ntarongora. Ntibinanamare ntacyo andushije."
Abandi ni inyema zabiciye. Bali ukwabo kuko haruguru basambana,kuko uwiba wese ntasambana, kandi usambana si ngombwa ko aba yiba. Aravuga ati: "Ntuza yarongoye. Ali inzara isa n'iteye akajya kwiba, yagira umugore gusa cyangwa akagira n'abana, ntakabuza agomba gufatwa akabohwa hafi no kubambwa, ugasanga ata ibitabapfu boshye hali uwamuraguliye ngo naramuka atazanye umugore azapfa."
Uwakulikiza ibi yasanga bifuza kuba ukwabo kwa bonyine.
Abandi bandi ni abo numva ngo badafite umubili umeze neza bitwa IBIREMBA. Kulibo, kuvuga umugore, mbese igitsina gore ni nko kuvuga igiti cyangwa

ikindi kibonetse cyose.

**ABIHEBYE**: usasanga umusore yivugira ati: "Kandi njye sinzazana umugore."
Abivugiye iki? Tubyumve tubicengere.
Uwa mbere abivugiye ko ali umukene, umukene uyu bita umukene, wawundi ukiagisha akabando. Amaze kubona ko nta n'inzu ashobora kugira amwegekamo, ngo byibuze bizamuhe kugira ati: "Mfuye kubona museseranamo. Nacana rugaeuml mba- kuko afa kubona rucumba, abali ku musozi ndikumwe nabo, basi ko nta n'umuboyi nabonera ayo muhemba, bazavuga bati dore umwotsi, kandi ngirayo nguyu, haliya hali umugore." Uyu aho ali hose usasanga asebya umugore, alicyo kiganiro yigilira, amuvuga nabi cyane rwose ngo: Umugore! Ibi n'ibi, ibi n'ibi.. nuko. Uyu nawe ashobora guharara aliko ubutindi bukamubuza intama n'ibyuma. Uwa kabili ashobora kubona atabasha na busa gutunga umugore. Akabona ko kumuzana al'ukwikorera umusaraba, ali ukwigeresaho. Yabona atabaga ngo yifashe, yamara kumuzana akaba amumyagiye ubusa ubukobwa bwe, amabonye ko ibyo aba amukoreye ibyo aba amugeretse hejuru atabibonera igihano cyaba indishyi uyavye ku Mana cyangwa ku butegetsi, agahitamo kwifata. Ubwo akiheba aliko yishimiye ko atahemukiye uwamuvuye mu rubavu. Jye nd'umushima cyane. Uwa gatatu nawe yihebera ubukene nk'uwa mbere, aliko afite gutsinda agahararo katuma azana umugore imburagihe. Kuko na none umwe aba atazatungwa n'ubwiza bw'undi, bigatuma noneho abanzilisa ku gutsinda ubukene agakora amaze gukura, afite n'ubukire, yazanye n'uwo akunda cyane, azanezerwe mu rwe abona rutsuka neza rutamunyeganyeza rugana isoko y'amahirwe n'ubukire. Akamuzana amuzanye N'ubwo badakunda gusazana, afite ubukire yizeye kuzongera bidatinze.
Ubundi kuko yali umutindi nyakujya, bibuze akamuzana amaze kubona ifatizo ly'ubukire, ifatizo azongera ali mu rwe s'umugore, kuko azaba azi icyo agamije mbere, azi n'ako afite aho kamugejeje agashaka. Ubwo rero akiheba agira ati: "None ntashira hasi ubu bukene, maze nkazapfa ntabaye!
Uyu, we akivugira ati: "Kandi sinzazana umugore vuba." Kuba kuki? Kuko kuba umutindi byamubujije kuzana umugore vuba aliko ntibyasibanganije icyo gitekerezo.

N'ahandi narabisanze. Uyi wa nyuma ameze nk'umusore Sebuto. Yabwiye se Kabibi ati: "Dawe, nashakaga umugore, none nta kuntu." Bali batuye i Rwesero ho i Nyanza muli Komine Nyabisindu ya Butare. Arongera ati: "Ngiye guhaha amafaranga- Se amera nk'ukubiswe n'inkuba: ego mafaranga we! Bamara akanya bacecetse, Sebuto arongera: byaba byagutangaje se dawe?- Undi yivugisha gahoro: ayo mabura gasani! Yongera ijwi aramubaza ati: amafaranga agenda ate? -ati: yo kuzanisha umugore nk'uko byavuzwe haruguru Aho si byo byagushyize mu kantu? -Se amusubiza avuna ijosi avuguta intoki: aliko se wowe, ntatangara rwose umwana w'ejo ngo ngiye guhaha amafaranga! Yego ndabyumva ngo s'ayo kugura umwambaro ni umugore ushaka. Ali se kandi... Njye ndi so, nkubwiye ngo "Yihorere uzaba uyashaka ntugejeje igihe cyo kurongora"- Nanjye nzayabona bishyize kera. Mbonye n'aho nkorera igihumbi ku munsi, nareka bigatinda nkagwiza n'ubwo ntaw'uyagwiza, nyina m mbonye umubare wegeyeyo ngo hato ntazasukanwa n'ubukene-

Erega mwana wanjye sinzi! Bajya baca umugani ngo "akabuza umukobwa inzu baragendana" Ngirango wa wumvise. Jye rero ndabona nta mahirwe, nta no kuronka ufite- Ibyo ni Immana ibigira, niyo ibigena. Narabatijwe nitwa Yohana umubatiza. N'ubwo ali wowe ali na mama Mukarukaka Xmutabatijwe, ngira ngo nta uyobewe ko Rugira ibaho- Ibyo simbirwanya bati! Niba wumva ukuse, uli umusore uhamye, ul'igikoko wabaye ubaye ubukombe, bijyemo. Urabizi ntaho nagukinga mwana, uzi kandi ko nta wifuza kutabyara. Ndabizi ibyo birasanswe. Birasanswe byibuze na banyarwanda kuko ntamahanga nakandagiye ko kubaho al'ukubyara, ko upfuye atabyaye aba agiye nk'amahembe y'imbwe- Cyo se mwana wanjye- Naho ibyerekeye gukura ndabiguhakaniye. Busa simshaka kwitera akasana ntazi akasaba kaliho ejo. Ndashaka kwitega iminsi- Rwose kumuzana ukuse nawe akuze ni byiza ureka kwandavufa utararenga umutaru ngo urashaka umugore; aho nshoboye kuguhagalika. Ndetse unapfuye uyabonye na barumunab bawe balimo Seromba bayenderaho bakazamuka- Nkunze ko duhuje ibitekerezo- Se yivugishe: ubu kwabaye kubinyuzaho. Aliko se... amubwire ati: nta dufaranga tw'impamba nakubonera. Gusa umugisha nguhaye ukubere impamba. Nta kindi nakwifuliza uretse uliya mugisha.

Yongeza ijwi ati: aho ntuzaba nka Sebwugugu sha? -Jye mfite iki cyanshika nshaka kucyongera? -Utwo uzaronka uzashaka kutwongeza imbuto z'akazi, mbese z'akalimo- Siko? -Ndabyumva; None se waramuka uzanye ukulira yieaye byakugendekera bite? Utwo naba nali mfite twaligita- Ni aho rero- Ibyo umuntu arabyiyibagiza. Ko mbatije nkaba ntaterera inzuzi uwo nzashaka ngo ndebe uko azaza ameze! Niseye ko uwo nzashaka azaza ali isoko y'ubukire. Nashize iminsi abibwira na nyina Mukarukaka. Biramutangaza aliko ntiyabyerura. Ashatse kwanga yibuka ijwi lyinginga Kabibi yamubwiragaga bakili bato ngo aramushakaho umufasha; nubwo n'ubu atali yemera ko yali amufitiye inyota koko, dore ko abakobwa baruhanya cyane: Umubwira umwinginga, ati: "buliya aranyinja biragaragara ko alyalya, wamubwira nk'uko usanzwe mb wivugira ati: "nta kwilirwa nshakira kure dore ntibinamushishikaje"; ubwo ukabura uko ubyifatamo, wenda agapfa kwemera kubera abona uje wese niba atavuze nk'uwa mbere avuga nk'uwa kabili, ati: "Genda Immana ikugeze ku cyifuzo." Bukeye Sebuto, arahambira. Abe baramuherekeza bamugeza i Nyanza aho ategera imodoka. Kabibi: "Yeweee Sebuto we?- Karame- Rama nawe mwana wa- Ndakumva- Ko ugiye tukaba tuzi ikikujyanye, ugannye mu ruhe Rwanda?

-Ngiye i Burundi- Se akuka umutima, amubaza bwangu "ngo ugiye iki?

-Ngiye i Burundi- Aliruhutsa cyane ati: nagize ngo ugiye burundu- cya nawe ngiye i Burundi- Mukarukaka: nangwa namwe muracyalimo akuka ko kuvuga. Jye ibitekerezo by'ugutandukana n'uliya mwana sinabona uko mbirenza akanwa." Ako kanya aho hagera itagisi, Sebuto ayibaza aho ijya bamusubiza ko ali i Butare. Ahamagaza umuntu we. Mukarukaka; "Ngo ni he? -i Butare+ Jye nali nagize ngo ni i Burundi- Sebuto ahindukiye kumusubiza aramuheba alivugira ati: n'ubundi- ubwo undi yali yamumye ajya gusoma ku milyango kandi atabizi! Abuze icyo atora ati: mu bigenze bite se kandi?

-Ni yo nzira yawe nimpagera ndafata indi." Abasezeraho yinjirana n'abandi batanze amafaranga nkâwe.

Iragenda. Bayikulikiza amaso, ikubanuka i bumoso, igana i bulyo yamuka. Abandi barahindura. Kabibi: "Urabizi Mukaruka? -Ibiki? -Sinalinzi ko uliya mwana yagira ibitekerezo nka biliya -E! Ibyo se? Jye byarantangaje cyane. Yansanze aha nicaye mboha umuce, abinkojeje nibuka ibintu bya kera cyane mfite imyaka cumi n'umunani ahali. -Yee! E eee. Niba ukibyibuka byaragutangaje cyane. Aho ntiwal'ugiye kumuhakanira kandi nyine uzi neza ko (...) -Byali byabaye nyuma nzakwibaza icyo naba mbishakira kiranyobera kuko niba ufatanyije impamba y'amafaranga n'urya itabi utalinywa, utazamubuza kuligura." Abana bo kwabaye kuyavundura gusa.

Sebuto yageze i Butare ahita abona indi imugeza iyo ajya. Ilyo joro arateseka arabwerabwera abura aho acumbika. Aragendagenda yikandagira ahura n'abantu batatu, ubwoba buramutaha ashaka asubiza ntacyo abajijwe: "Mvuye mu Rwanda." Bigize icyo bamubwira ntiyagira icyo atoramo, agirango bamubwiye gusabiramo, ati: "Mvuye mu Rwanda." Yongeraho ibindi ati: "Ngeze ino nijoro, naje mu modoka". Bajya kugira icyo bamubwira bagasanga aliyo aravuga ibidasobanuye by'ibitabapfu, bagira batya baligendera. Igitima kiradihagusa akumva gisimbuka gishaka kujya i bulyo. Ubwoba bugira nabi ubundi ikirundi cyegeranye n'ikinyarwanda. Arabahengereza, abonye barenze agana mu nsi y'umuhanda, yikuba mu kaniro ati: "Ubu se mbaye uwa nde? Basumva ngo naheneye umugina! Halya ngo ushaka inka alyama nkaso? Ubu bwatsi natemye nzabwikorera? Tuvuge ko Immana igize iti: "Byose bizakubera bihire" Yali asigaranye amafaranga makumyabyili. Arayapfana arapfuka, utwambaro twe tumera nk'utw'umucuraguzi, yicalira agatinsino ashinga amagofe mu nda ngo arebe ko yakomera. Ahunyiza nk'ibihunyira abumba amaso yongera ayabumbura, agacishamo akiha akanyabugabo agahengeza hanze. Inyota iramukuba yambaza Lyangombe lya nyina. Arebye hasi abona utisi turanyonyomba. Aratureba ashaka kutunywa, bigeze aho arabuyora ati: "N'utu ngutu ntacyo natuguze nawe Mana, aliko kandi ndagushimye ubuntu bwawe buratangaje." Adusubiza hasi, dutemba aturuzi turaminuka. Hali saa kumi n'ebyili n'igice kirenga kandi inzu ye irarangaye. Hali hakimabona gahoro agira n'Immana ntihagira uca hepfo ngo amubone. Arara yicaye buracya. Mu gitondo asohokamo. Mu gihe agihingutsa igihimba imodoka, iba itungutse nk'iliya halimo umuzungu. Arabukwa icyo kintu ahagalika imodoka. Aza asanga Sebuto yanga kwiruka ati: "Nihahandi ha Yohana, aho nagana hose ni uburundi:" Umuzungu amubwirana ijwi likanika amurembuza ati: We! we! we! Undi arazamuka- Abwirwa igiswahili reka da (ku muntu utuliye umugi!" Umuzungu avuga igifaransa bibia iby'ubusa. Bigeze aho, umuzungu n'umujinya wose amufata ukuboko arakugonyoza basigara bareba epfo bose. Hashize umwanya amubwira ikirundi bibia hahandi. Yumva noneho yamushinga n'amenyo, aramuhindukiza amusingira amashati n'imitsi yose aramukunkumura. Uwacu yaraye inkanda itagira umweko, none n'akabaraga kamushizemo. Arembye agiye guhwera avuvura ikinyarwanda, aragisuka, sinakubwira: "Nje gusaba akazi, none nabuze icumbi, mbabalira." Umuzungu yali yaranyuze mu Rwanda ava iwabo yiga ikinyarwanda amezi icyenda. Ibyo bigambo bigira icyo bimubwira nubwo avuga kubura icumbi kandi ali mu gitondo nta ulisaba ku manywa avuga ko byabaye ku ijoro ly'ejo.

Yumva ibambe liramusaze aliko ntiyabimwereka. Aroroshya ati: "Urava he? -Mu Rwanda- Mu kahe gace? -Nyanza- avuga amwereka umuhanda: feuille ya rute ili he? -Agira ngo abajijwe icyali cyo ati: Umuhanda- Umuzungu avuga cyane rwose ati: feuille nyine umuhanda w'inzira ulihe? -E! Ntawo- Aramurekura yifata mumanyankinya, azunguza umutwe: kuki rero. Wageze ino uśiye he?
-ka...li...ku... kuli gasutamo. -Amuhilika amusubira mu kanwa: ugomba kuba uli igisambo- Sebuto amugurra yabaye inkwi kandi akabeho ka mugitàndo kamuliho, n'iminywa yafatanye ati: oo oya!!
-Waciye ute kuli gasutamo rero, mbwira se? Naje mu modoka y'ino, igeze kuli gasutamo- Yee! Aho niho nifuza- Babona ifite icyemezo, igomba gutambuka- Icyemezo kisha? Cyogucuruza abantu? Niko we! Basi zana icyemezo ko ul'umunyarwanda- Akura irangamuntu ye mumpaga: nushyikire- Ayakira amure ba ikijisho, arasoma: "Sebuto nyina: Mukarukaka, se : Kabibi, Komine Nyabie sindu, Prefe.. Butare". Kugira ngo amwereke ko muli ako kanya amwifitiye arayimuterera ati: "Fata niwowe uzi uko ulibubisobanure." Yumva ababaye cyane. Agwa mu kayubi, agaranzura amaso, akamwira karahoboba atangira gushoreza. N'aho ndetse byali byashyize kera! Ati: "Karabaye ntabwo kambereyeho ntikigeze kaba." Ashimira uwo muzungu, arayitora arabika. Umuzungu ati: "Nagiraga ngo menye ko utambeshya- Undi yumva akatima karasa n'akagarutse. Agiye kugira icyo avuga umuzungu aramucebekesha ati: "Reka se kandi utansakuliza. Aho ntiwagize ngo byarangiye?" Uruhago rw'ijuru rwali rwuzuye, bigiye kubanyara hejuru. Umuzungu alibaza ati: "Aliko ko atambeshya, namuhaye amahoro? Amurekuye abona imvura iratonyanze. Amugarura atekereza ati: "Amaraso y'uyu muntu yoye kuzambarwaho, reka byibuze mukize iyi mvura." Amwicaza inyuma y'iyo modoka y'ivatili. Aramujyanye ga! Bageze imuhira amwinjira mu iyo nzu nziza cyane, batera intebe balicara. Sebuto mu mutima ati: "Nkoze hano nkakorera n'icumi ntacyo byaba bintwaye." Umuzungu abaza neza Sebuto ikimugenza. Amusibiza uko bimeze n'icyo anambira. Umuzungu abonamo uwo mwana umwana utakwimwa n'uwaliwe wese. Aramubwira ati: "Nta kindi ntumva mu nzara. Nkaguha akazi- Yikiliza vuba n'ikinyabupfura cyinshi: waba ukoze ukoze urakoze ndagushimye Yoo! s'aho waba unkuye- Ukajya umesa imyambara ugatera ipasi-
-Yee! -Biracyaza, ukajya unansigira inkweto sirajo. Urabyemeye
-Ndabyemeye- Ku munsi nimakumyabili- Rwose- Abonye ko abyemeye nta gushidikanya, ati: nzaguha makumyabili n'atanu." Ahamagaza amafunguro. Bose baza kureba ufungulirwa. Mu kanya abakobwa bahungu ndetse na nyina baba busuye aho. Baramuramutsa. Aralya aranywa aliko biramutonda. Bigeze aho umuzungu: ati: "Nyabusa nali nasindutse njya gucuruza nyura mu nzira yo hakulya ya halya nagusanze, ho nagarukanye mu igaruka njya kureba urufunguzo nali nibagiwe. Nkubonye nshaka mvuga ko uli ibandi, mbigenza kwa kundi utali wibagirwa, rero uli hano- Mbonye n'akazi- Ni ugupfa na gupfa nta kazi kalimo- Nako sinakigeraga- Ndagiye rero sigara wiruhikira. N'ay'uyu munsi ndayandika ndetse wahamenekeye wivuganira." Sebuto asigara aganira n'abandi.

Mu gitindo Sebuto atangira akazi. Ashimishwa no kubona uwo muzungu, uko bahuye amusuhuza. Akazi agakorana umwete n'ibyishimo. Buli munsi akongeswa anahindulirwa akazi, aza kuba na shoferi.
Hashize imyaka arababwira ati: ndatashye. Bumva ayo matage abateye agahinda nk'aho al'umwe mu babo ubavuyemo, cyane cyane abo bakobwa. Bamubwiye ko agamba kujyana n'umuzungu ajya kureba i wabo. Undi aragononwa ati: "Ubu se kandi mbigenje nte? Ndamuhingutsa he? Ubonye iyo aza kubimbwira kera nkaba narerebye muli bene wacu utuye ahabona nazamujya mubeshya ko aliko iwacu." Babonye atinze gusubiza bashaka basbeka ba bikenga madamu ati: "Wivunika. Kuhagera si ngombwa wahamutungira urutoki:" Byo ahita abyemera. Sebuto afata utwe n'umuzungu icyuma gifotora bikuba mu modoka. Sebuto yongera gusezera ku basigaye. Imodoka iva aha ili bakimufite mu maboko, bamubwira ashatse yazagarukana na madamu w'iwe. Abagiye baza kugera hejuru y'igikenya cy'inzu ya Sebuto itasenyuka, umuzungu ahatungakmm urutoki. "Haliya ntacyo hakwibutsa? -Sebuto ashaka kubyiyibagiza no gutangara kubyumva ati: have se udatuma mbura umutwe rwose mbabalira- Birashoboka ko nguhemukiye. Bagera no kuli gasutamo berekana ibya ngombwa barahita. Mu gace ka Nyansa Sebuto aba ali we uyitwara. Ayiganisha inzira ijya i Nyabisindu. Ageze ahateganye n'iwabo, bavamo amutungira urutoki ati: "Nihaliya ku nzu ebyili z'ibyatsi- Mutuye agasozi keza cyane. Kitwa ngo iki? -Rwesero- Hamwe hali inkiko zikomeye? -Yee, nk'urw'Ikirenga hafi no kujya za Kanto- Kanto ntizikomeye. Ahubwo urw'Iremezo- Urabeho neza? -Ngaho ubeho kandi ubukwe bwiza- Namwe ubuzima bwiza." Umuzungu arafatora, anaboneraho kujya gusuhuza abandi bazungu bene wabo. Umusore n'isakoshi mu kwaha agenda aramukanya inzira yose. Inkuru sinzi uko yihuta! Abakobwa b'ako karere, hafi bose bali baramenye ko Sebuto yagiye mu Burundi, akazatahuka arongora. We yali azimo nka babili gusa kuko atigeraga abishishikaramo, aliko bose bali bamuzi. Baramugaragira yewe n'imuhira! Nyina Mukarukaka aramuhobera cyane, we amatage yagabye umutima we mo indi igihumbi n'umwe, wasigaye alira ku mpebyi bidashyika mu nda. Amuhereza umuce, azana n'indi ayiha aba bakobwa, amuzanira ibijumba ku mbehe n'amazi mu ruho. Umusore arakaraba, afatamo bitatu abilya imitima, asunika n'intama ebyili kw'iyo nzoga y'abakene ahasigaye batora ibyabo. Mukarukaka amuhata ibibazo. Undi akamusubiza igice, avuga ibifite akamaro, ibimusebya arenzaho- Nyina arabimenya amubaza utubazo tworoshyé. Aho bigeze abakobwa batangira kwongorerana. Halimo umeze nk'aho al'umutegeka wabo witwaga Gatarina, aratobora ati: "Yoha?- Undi aramureba mama we- Turagiye- E! Oroha nze mbaherekeze. Aliko ubundi ko mwihuse mushikuwe n'iki ra? Amayira y'aha mwarayasibye?- Aliko yewe ko tuli bubiguhe neza ulivumira iki...di- Byihorere Gatari. Byihorere ubu nanjye mbilimo kuko ngize amatsiko." Arahaguruka amufata ukuboko noneho kugira ngo hadakekwa byinshi areba n'undi afata ukwe maze batera intambwe. Gatarina at: "Murabeho nimumuhebe, ndamujyanye- Kbbibi: mugire urugendo ruhire."

Bararenga. Mukarukaka abwira Kabibi ati: "Umukobwa w'umujyambere wa-Wahora ni iki! Kuba umusaza birakamburwa yewe (alimyoza) se icyangira umusore nakigororeka iki? (alivugisha) Aliko ubundi (ashikura umusatsi) ndebera nawe. Hali imvi uruzi? -Imvi nizo zerekana ko umuntu ashaje? -None se. -Nyereka rero ikindi cyerekana ko nshaje. Ngilira vuba kandi ndihuta- Abuze igisubizo ati: "uwakugira umusore?- Yegowa- Maze? -Maze se nk'uliya mukobwa.... Halya ngo ni Gatarina?-Wabimenye- Umva ko bavuga ngo iki! Namurongora nta shiti- Nakubwira iki. Uzinyare mu isunzu upfe kubimuko za wumve- Ntawazarubara. Erega yamufashe ukuboko asetse! Ni ipata n'urugi buliya nta ushobora kubanyura hagati- Wowe ho urateta." Hilya Gatarina afata ukuboko kwa Sebuto nk'ufata igitiyo agikoresha, ati: "Wabaye umusore cyane. Simvuze igisore utabyumva nabi, aliko ubundi uli igisore- Nawe kandi wabaye igikobwa kandi igikumi cyahwana n'igisore- Abandi bavugira limwe nk'ababiseseranye: reka se kandi! Twese hano tuli ibikumi- Gatarina: ibyo tubihigike. (akomanga Sebuto) Halya ngo kuki dushigutse iwanyu? -Niko se- Karame- Kuki mutanganilije? -Ndagusubiza kugiti cyanjye. Halya hantu mbwira ukuntu twali kuganira byimazeyo- Ubisobanuye neza cyane. Jye ngiye kukubaza: icyo tutahagigiye twavuze tuhavuye ni nk'ikihe? Nsubiza aho- Ibyalibyo byose, ntibwaje nk'ibiragi. Ntuyobewe kandi ko nta kantu twavugiyeyo keretse niba uhakana ko utal'igisore." Aho hali n'uwitwaga Polina wasaga nk'aho ali we ukulikira Gatarina ati: "Kuki mwumvise ntavuga mugira ngo ntacyo mfite navuga cyangwa nasubiza? -Gatarina: menya ko umuntu wese afite uburenganzira bwo kuvuga. Ubwo utavuze rero ntiwabiramutse. Ubundi niba hali aho bikulya, bishake noneho ugire icyo utubalira -Reka se kandi! Mwanyimiliye. Aho wavugiye wiyongeza (yimyoza) icyo uzabyishyura ni wowe ukizi. Umuntu avuga icyo azasubiramo, kandi agakunze ababili karabateranya- Ndabizi -menya ko ntalira inyama gutukura nkawe. Ndibaza niba twe tunuka bikanyobera. Mutatwibetanye igipar[e] di! -Se i yo ubona uvuga wenyine ntacyo bikubwira? (amutumgaurutoki) kandi urandurawya! Nanjye ndibaza niba twaje twongorerana bikanyobera. Uragira ng[o] ngo tubwire n'abo hakurya? Niba utavuze n'uko nta kigushimishije cyalimo. Ibyo gusa kandi.Turapfa iki ko bitezera!" Abandi batalimo Polina banumye kuva kare barasezera. Polina abonye ko asigaye, nawe aboma inyuma atazi icyabajyanye. Agenda yitota ati: "Gatarina uliya kuntambamira buli gihe, ni ishyano!" Mubagiye bali imbere umwe aramwumva, ati: "Nka buliya wali kumwihorera, noneho wazahura n'uliya muharanira, ni ukubeshya na kubeshya, ukamubwira amagambo asanasannye nduzi nta jambo, maze ukamwigarulira. Mbabalira ngusenye. Wabyishe kare, kandi n'ubundi ntacyo nkubwira, byaravuswe koko kugendana nawe agenda useba nta utarabihaze ku bulyo no muli Kapitali walihataye. Uliha ibyo udashoboye kandi uli imfubyi. Ubu nyoko ali he se di? Nyamara igihe uta iyo ugita utwoma inyuma muli foyer utazany[e] we no kutubwira ubusa. Reka nkwihe: umuhungu ararwanirwa boshye ikijumba mwagabana! Nabwo ntimushobora kunganya nk'uko na Gatarina amufiteho uruhali runini.

Cyangwa haliya mu mugi si bo basa! Aho si we wabonye wishyikiraho? Iyo ubuze icyo ukora ntunasiguza abandi cyangwa ngo ubigane, aliko utasigara uhagaze! Dore ntiyali akuzi none arakumenye nawe hose hose. Agahenge uzagakura he? Iby'isi biraruhanyije biragoye kandi biremereye bene nkamwe njye nkubwire;
-Alitsibatura agenda agira ati: ntacyo cy'ibyo uvuze kuko umuntu wese agira igihe cyo guseba- Uragaseba yego nta udacikwa, aliko usebere n'abandi! Lite wagombaga kulijugunya ni ukuvuga byakugwiliye wibe ko usasekwa. Mbega ra! "Polina arenze, abandi basigara biganilira ibindi.

Gatarina aho yasigaranye na Sebuto ati: "Polina uliya uko wamubonye! Uliya usakuliya, uliya udasa n'abandi ni indaya mwilinde- Aho rubanda nabibonye kare yajya azamura amagutiya (abivuga aliko na Gatarina atamushilira amakeke, yibaza iby'uwo muntu uvuga ugasanga nta soni ali ku maso, ku munwa no mu magambo) ni bwo abwiwe ati: dore nagese mu muhanda, igikenya turahura kirankulikira nshaka nshavura, nshika intege! Ngira ngo wabonye nkomeza kuvuga. Bulya namubuzaga ijambo. (aculika icumu ati:) Nanze ko akwinja mbigenza kuliya kuko nsi ko akunda kuvuga wenyine ntakamuvugiramo, mbere nk'uhawe ijambo. Naho ubundi agira ngo ~~l~~atiyumwva ggaceceka- Ibi bihuje n'ibisubizo cy'ibyo yatekerezaga yumva umutima n'amaso biratwawe, arabyirengagiza ati: reka uliya ntiyanyinja ngo anshobore- Yagushobora ye! Maze mbe ntumuzi? -Sinabihamya- aba ino niba yarabatijwe sina- Akora iki? -Banza umbwire niba umuzi- Naramurabutswe- -Polina rero wowe uhakana, yabashije kumwinja kandi ali ibandi -Nyuliramo- Biratangaje ntiwabyemera- Nyabuneka mbwira ntazamugwamo akanyifatira. Gatarina aba~~xmbx~~ uw'ejo aba amasonisoni gusa, alya intoki araruca. Sebuto arongera ati: "Bite?? -Ce. Yiyabikira amaso- Undi amwegera umutwe ati: wabyumvise ute? -Yoroshya akajwi: sinabashije kubifindura- Nkulikije uko namwumvise namugize umutego. None rero atazanshibukana- Yihindura umuntu ati: ibyo ntacyo! Kiliya gikonya cyiibereye n'amaraso mabi- Ate? Nyine yahuye na Mazembe, baraganira bya cyane... bigeze aho Mazembe amubwira ati: "Tujye kurarana- undi ati: ukampa angahe? Uwacu ati: nzaguha makumyabili- Uzampa cyangwa urampa- Nzaguha
-Polina mu mutima ati: uyu mukene. Ndetse n'imbeshyerwe yali make. Ati: singukundire- Umusore ati: bite se disi we- Polina yumva kumwangira bimuli kure, aliko abanza kumunaniza: ni make, kandi nzaguha yawe ntinogeye amatwi- Avuga yinginga: nzayaguha rwose ahubwo nongereho atanu- (atega amashyi akomeje) yampe- undi yumva bimushyuhije umutwe, arateshaguzwa ati: iba~~l~~ ndi mkanjye Mazembe ngo sinayabona! Ni wowe ubashije kubambwira bwa mbere."
-Ibyo bitangaza Sebuto ati: Yooo! -Gatarina ishyushyu ntilyakunda: Oroha se. Ibyo byatumye amwerulira ububandi bwe kandi nta wali ubizi. Yiviliye i Kigali aciye ibintu, agira Nyanza ho ubwu~~u~~gamo. Yee! N'ubu bali bakimubalilisa- Noneho avuga ibyo ngo yemererwe- (alikiliza) Nyine ngo yumvise agiye kuvamo umwuka ateshaguzwa kuliya- Baralyamye rere! Birumvikanayaje kuyamuha se? Yamusunikiye cumi n'atanu undi arayanena- aho- Abonye yare~~n~~gwa agatahurwa ndetse akaba yananyongwa ahitamo kumwibira udukama-

na- Koko se? -Neza da- Bwoko ki se kandi- Nta𝑘 kajipo k'umuhondo n'agashati ka bururu wamubonanye- Yee! Bimwe yarunzemo none- Bilya biranajyana yabyemeye bwangu- Nyusa aza no gukeka ko Mazembe yabitanze yikiza iby'uwo munsi, ko ashobora kuzamutesa amabandi. Ashȷa ubwoba, aradagadwa ashaka guhungira i Kigali, ha Mazembe yavuye yibye atazasubirayo. Abuze icyamugurukana ararorera! Noneho abantu bose baza kumenya ko yageragejo kwigira indaya y'akataraboneka asa kwa kundi, abasore baramwigurutsa bavuga, bati ibisa birasabirana sanga Paulo- Paulo nde? -Kazigashya- w'i Nyamagana? -Utyo- na se Kabwa? -Yu- Kazigashya ka Kabwa niwe musambane we? -Nesȧ! Abonye ko rubanda rukabije kuryota, umunsi n'ijoro akiretera Kigali. Sinzi aho yayagobotoye aratumuka. Kubera kubura uko yifata asanga ni hanyuma y'aho avuye. None usanze aliho akivayo yakomeye ku izima

-Yooo.! Yahungiye ubwayi mu kigunda- Jye aliko arambabaje- Ntuli muzima wowe ubabazwa na bene baliya! -Kuki? -Namwangiye yaza kunyoshya ngo mbe imalaya nkawe- Sebuto yûmva byali kuzamushavuza koko ati: "oh! Disi we. Ko wali kuba umbabaje di! oh! Ndagushimye di. (aramukurura aramwiyegereza) Ubu rwose ub'ulihe Gatari? Amukorakora mu bitugu hose undi ashinyikira hilya nduzi harasetse Kabibi- Amurambikaho umusaya aramusubiza ati: mba ndi mu mwobo." Sebuto amwikura atabishaka kubera urukundo, undi amurebera mu bihenehene nduzi haba haligeze kurora Mukarukaka: arahindura noneho amurebera ku rutugu. Sebuto yitegereza indoro ye ntiyagira icyo amenya, ahitamo kumusezeraho.

Gatarina agenda avuga ati: "Icyali cyaragimiye kirabonetse. Sebuto uliya ubu mufite mu kwaha nk'akana kanjye- Bajya bavuga uburozi; buranjwa buliya mukwitse nibwo bwo. Ndamuhinze koko azarara hashi iminsi. Umuliro wa rugi nsize mucaniye mu mutima, waka urukundo, nimbona ugiye gucogora nzajya gukoranya.

Sebuto we ahaga ibitekerezo, biramusindisha biramuzengereza, biramuganza bimwicaza ahagana haruguru mu gacaca: "Ubu mbigenje nte? Uliya mukobwa ko ali mwiza, akankunda nkamukunda, nkamunyura akanyura, akambwiza ukuli nkamubwiza ukundi, nkamřizera akanyizera (alimyoza) Uzamushaka we, uli we koko ntaho babeshye, izina nilyo muntu. Ndagushatse yewe nzakuzindukira- azunguza umutwe yifata ku mpanga) Bulya kurambagiza bilizana. Nkabona ngiye kusongwa! Isaha imwe nganira n'umukobwa ikangira itya! Nshobora kurahira ko ntazasubira! N'uko nta wizera ak'ejo kandi hakaba haguma ubuzima, nali kwizera Gatarina uliya. Ashobora ndetse agomba kubasoko ye kujya mbere. Amaso arampaye, jye azanshyikiliza. Ntazanshika nzamuzingira. Urukundo rugira nabi! Arankabilije aranzonze. (ashinga inkokora ku kaguru afata ku munwa) Uzamusha? Uzamushaka we? Wongere uti "Uzamushaka?" Gerageza kunyumva unyitabe n'ikinyabupfura cyinshi, umaze gusuzuma uko naba narakunambiye, mbese ukuntu waba warampang ngayitse byonyine, unyemerere icyo. Winyereka umugongo hindukira undebe, tuyahangane tuyavunduye uko dushoboye, hato utazasanga tuvuga ngo icyo gihe ntitusi ibitotsi byali byatugiye mu maso. Uzamusha? Ndagushatse mu nzira z'uwakwise agira ati: "Sinshaka ko Uzamushaka

umutima we ukagira intimba. Akaba amunyase ugushakwa yali yisanganiwe, hato bacana batanye ugasanga yabaye nk'icyondo cyali kigenewe guhoma inzu bakakibuza ubulyo gihura n'izuba kiruma bakibuliye n'amazi, yo kukigira nka mbere. Uwo munyazi ngo ni umugabo umeze nk'uliya mwubatsi waponze kiliya cyonso, atacyifuza cyane, ntagire icyo akimaza nk'uko Gatarina yabura kugirwa umugore nyawe, akagiterera̲na nk'uko Uzamushaka yasasendwa akakibulira amazi yo kukigira nka mbere nk'uko Uzamushaka atabona icyamugira Gatarina wa kera." Ahonda agatoki arahaguruka abona Gatarina nguwo ararambagira umuhanda.Arebye ingendo asanga ngo ni isugi. Amaso ye yo ngo asanzwe aranygwa n'urukundo. Asa n'uwivuguruza ati: "Aliko ubugambo bw'uliya muntu bwo si amahoro? Haba hal'icyo ankinze nazabikika nte? Bigeze aho ati: "Pu! Ubu nkomeje kwibaza byinshi nanamubura"." Ubusanzwe koko, ushatse inshuti itagira inenge yazapfa ntayo abonye. Sebuto uyu aliba byinshi k'uliya mukobwa: arashaka kuzamurongora; agomba kumumenya bihagije. Yagerereza yego, aliko abuze ibisubizo ntiyatimiza; arahebye atangiye kureba ingendo. Ubwo bukolikoli bwo kwitegereza ingendo akamenya umuntu yaburaruje he, yabutoraguye he, yabukuye kwa nde umuntu utaravaga imuhira?

~~Aragendaagera~~

Aragenda agera imuhira mu ma saa kumi n'ebyili! Nyina ati: "Ko watinze shebu? -Nali nkiganira- Bali~~bi~~ bagukumbuye shenge. Bamwe banazaga kugusura bakakubura- Kabibi ahamagara Mbarubukeye, undi mu bakulikira Sebuto) Mbarubuke? Yewe sha? -Rama- Enda ntekerera agatabi. None se mwana wanjye kuko wowe utaganira- Buba bulije, Mukarukaka yanura ibintu, n'ihene zali zatashye. Ahasigaye ati: maze tujye mu nzu- Sebuto: na lindi lihe ra? Njye kwicaliza inkono! -Kabibi: s'aho unkuye rata. Akabeho kali kamaze kungilira nkana- Mukarukaka: ngwino nawe uhicara byibuze ilyamone utuganilize." Basanga Kabibi yahageze kare, yashinze ku giteboli cye akunda~~bi~~ byasaze. Abandi bafata imice. Bakomeza guterana amagambo, noneho umutware w'urugo afata ijambo ati: "Maze Sebuto Yohana mwa mwana wanjye, jye ndagushima. Ujya kugenda wabinyi̲jijeho uti: "dawe ndagiye ku mpamvu izi n'izi. Haba impaka zoroshye z'ingirakamaro. Mutieumugambi unadusezeraho ugenda turanaguherekeza. I Nyanza tukubaza agace ugana, uradusubiza mbyumva nabi. Umpumuliza ugira uti "Oya dawe, ngiye~~i~~ i Burundi. Haza kugendoka imodoka bamwe turasoma, utubwira ko Butare igana ali na yo nzira. Cya nyo kirajunjama. Yehehe! Ibyo yalimo ntiyakubwiramo na kimwe. Mu yaho magambo se da! -Ukwo~~ki~~ kugenda ko kwaranyumije. Koko bulya iyo umwana ateretse ababyeyi be ko akuze akomeza agafatwa nk'akana, aho anyarukiye, akaba yakwabizwa anatukwa ategekwa imilimo, akanabuzwa kuganira n'abo banagana. Kabib i avugana ijwi lininì: nakuretse uravuga se waba warangije? -Narangije- Wavuze iby'ukuli twashimye aliko si byo siko bigenda. Ngaho re, wamvugiyemo. Ubu se nongere ntangire?

Mukarukaka abura igisubizo akurwamo na Sebuto: ibyabanje ~~nĭÁ~~ turacyabyibuka komeza- Yee, icyuma kirakunyarukana dusigara tukigutangalira watabarutse utubwira iby'iyo nzira ifunganye, y'amahwa masa, idafungura nticumbikire. Imvaho nziza iba iy'uko uli amahoro kandi waronse. Ul'umugabo biragaragaye, uracakura bitagira nabi, ulihangana nozgeye kugushima. Uhawe uburenganzira ~~mama~~ rongora (yivugisha gahoro) Nk'uliya Gatarina (alikoroza) "Mukarukaka yibuka ibyam~~/~~uwuzweho kare araseka yenda gutulika. Sebuto asa n'uwirakaje, aramwenyura, ahasigaye asekesha ubwonko yibuka uko kare yasekaga. Abasigaye bo kuba gupfa gutatamura batazi icyo banaseka." Kabibi arakomeza reba rwose uko wamugenzereza. Maze numara kumubona, ali byo nk'ibyo wamukuye mu gitugu, umukuye mu bandi nka Sakabaka ikura agakoko mu tundi, mutagiye kulyana ahubwo mugiye kugirana mutavuga ngo n'iye ntilirwa ngusanga nali nihagije, uzaje wiruhutsa cyane uhore kureta uko wakongera ubukungu bwawe. Mudatenguha we? Nzagufasha mu gusaba n'iM ndi ku bulyo butegeyeyo cyane hato ntazanacikwa nkanashaka kugufasha mu bitagenewe babili bigenewe gusa uwo byatumye arara mukanive! Baraseka. Ahindukilira ubundi bwana, ati: "Nkamwe mwa bushwilili mwe ninde wiyemeje kuzajya guca hagati? Ko njye byandense se. Rere ubanza bitakibaho- Umwe ati: "ni njye" undi n'uko- Kabibi ati: uwaboneka wese yajyayo. Nka Mbarubukeye uliya hali icyo yahungabanya- Mukarukaka: ni uko muvasuzugura ejo ugasanga mutangara- Kabibi: aho ho. Ubundi amagambo yanjye akaba ali ayo." Bakoma amashyi. Sebuto ati:-Ngiye kugusubiza aliko kuvuga umuntu atabobeje umuhogo biliea -Kabibi: ashyu! Wal'utegereje se ko mbikubwira ka ndi nzi akalimo ugomba gukora uko kareshya? Sebuto aheresa Mbarubukeye igicuma cy'amacupa yaba nk'alindwi n'amafaranga ijana na mirongo. Agiye Sebuto ati: "Sinategerza igihe agarukira, none ngiye kugeragesa -Mukarukaka: reba reba nta umenya byose- Sebuto: ni koko mubyeyi -Kabibi: Ni koko babyeyi- Sebuto: Ni mubyeyi kuko nsubiza uwavuze -Kabibi: noneho vuga "babyeyi kuko, navugiye mu nyoko- -Sebuto asubiramo: ni koko babyeyi natekereje ikintu (yumva nta kindi yakongeraho, areba hasi no hejuru, yishimagura umubili wose, ateshwa ibyo yavugaga ati:) Ninshaka kubura ijambo ndakorora lize, alikoroza cyane abura ijambo maze baratulika baraseka. Bahugira muli ibyo, bagiye kumva bumva umuntu arakinguye ati: ndabasanze -Mukarukaka: mwebwe mwavugaga! Biliya arabihambye? Kali uwali uziko abizi? -Kabibi: jye namufatirag a mu rwara da! Musanganywe sha- Mukarukaka: naho rero yibitse azi gusaya- Kabibi amwaka inzoga ngo arebe ko ayimuhereza nta muheha: nyihera i n inzoga rata iby'amagambo ya Sebuto byatuyobeye- Mbarubukeye: ba uretse mbone umuheha- Kabibi yifata ku munywa: ni igitangaza ye! Inkumi isuzumwa n'inkanda koko! -Mbarubukeye: none se udahawe ikizami ngo bamenye ko ul'umuhanga bazabibwirwa n'iki? Kabibi: yampaye inka data dutaramye! Ye! Azi n'icyo bisobanuye- -Mbarubukeye aheresa se inzoga amaze no gusomaho: shyikira

-Se ati: Soma sha, soma! Wowe untangaje kare (arangije aramuhereza) -Ntasomyeho! Ati: mbega insoga ilyoshye! Enda Sebu, umva- Mugize neza (arasema) Irabyoshye bya (barakomeza barayibisikana) -Kabibi: Sebuto kuki wacumbikiye amagambo yawe? -Insoga ikora ibyayo, ndumva ngiye kuvuga ibintu -Kabibi buhoro: ni ibintu nyine- Sebuto: natekereje ikintu, none Immana yaramfashije ndakijyanye. Ntuzamfasha byegeyeyo, none ngusabye ikibanza- Ni n'ijambo lyo ra! Uzajye aho ushaka: hepfo aha cyangwa ku Gakenyeli- -Nzafata Gakenyeli ho hanegereye ishyamba -Imilima yanjye n'urutoki biliyo uzabikame kugeza ubwo tuzatanga iminani.-Urakoze cyane (amuhereza intoki). Nzitwereza nishuti zanjye, none ngaho nyibutsa n'abo twagiye dutwerera, nabo nzababwire -Uwambere ni Bukikaweho, inshuti yacu magara ituye Gakenyeli itulimo ebyili: iy'urwagwa niy'amarwa mu bibindi by'intango; n'abandi (...)" Igihe eyo kulyama kigeze bajya ku malili.

Sebuto ageze ku bulili asubiza amaso inyuma areba uwo yazarongora, agasanga agwa kuli Gatarina gusa. Arashakisha asanga mu bakobwa halimo babili mu ako karere kose bataje kumusura- Alibaza ati: "Abaje ni ukuvuga ko bankunda? Cyangwa abo bataje ubwo baranyanga? Ndetse have ~~ńkŕŕęk~~ nkwereke: nzafata umwe muli abo babili: Beyatrisa Nyinawumuntu na murumuna we Sipesiyoza Mujawabera.

Tombora rero yaje kugwa kuli Beyatrisa. We n'uwo murumuna we bali bafite imico imwe nk'amaraso yabo, gusa ni uko atali kubarongora bombi. Mu gitondo, abibwira se, Kabibi ati: "Shahu rero nali naguteranyilije. Iyo haba kera wali kumurongora nta kabuza." Umukwe mukuru bamugira Butitaweho. Inzu y'ibati yali yaruzuye yaranatatswe. ~~Arahamurongorera~~

Arahamurongorera aliko ubukire burarama.

Nashize iminsi Sebuto aza kumenya ko Gatarina yali indaya. Yubakaga urugo, alicara hafi no kulira ati: "Sebuto nagira impanga nagira impanga! Umuntu wal'ugiye kwizanira Gatarina bikaba byarapfuye! Mbega Immana ngo irakinga ukuboko, mbega amahane! Mana yanjye nzagukorera ndinde ngera i kuzimu wowe watumye ntekereza bilya mu bigezo. Kuko habaye ahawe Mana, nzajya ngutura ibyishimo n'imibabaro byanjye". Gatarina aza kumenya nawe ko Sebuto yarongoye kera ati: "Koko kandi Icyizere kiraza amasinde ndetse ntigishishwa kikabigilira n'intabire. Kiliya cyago ngo ni Sebuto cyakabura ubuto bwacyo rwose ibikenya yantahuye ate? Aho ntiyahuye na Polina? Aliko umugambanyi wambujije Sebuto narushaga, imilya nali kuzajya nitegekera yavuga ngashyira hasi ni nde? Kurushywa n'ubusa we (alimyoza) ubu rero nali niteguye kujya gukoranya! Arabeshya ntacyo nzakena mfite imali idakama. Nzakomeza mbike minshaka nzagure umugabo.

Ngo tureba ubukungu da! Bo ntibabuteraho imboni. Se nzaba ngura uw'iki? Ashyiga we! Ntacyo amaze aliko ~~xxx~~ nka Sebuto nali kuzakalya iyo nda namara kuyegura n'iyo myenda myishyikiliye nkagasiga aho iheruheru gasambagulika kashaka kakazaharuruka kagana umugi wa Bujumbura.

Aho imbwa yarenkeye nâihacika! Kakajyayo wenda kakazagwayo."
Beyatrisa amenye uko Sebuto yarushye ati: "Kuva ubu, nakira nakena niyemije kumwumvira. Iteka nzagerageza kumukorera icyamunezeza cyose. Nzamufasha kujya inama zazamura urugo rwacu, kandi icyo umwe avuze tugishyire hagati turebe ibib n'ibyiza bikilimo.

Mukobwa urahamagarwa, uguhamagaye atakumva ijwi lyawe akakubalilisa. Kukubalilisa bitagira icyo bigeraho agahitamo kukwishakira, akemera akanyura inzira yusute amahwa, idacumbika ntigabure; mukobwa urashakwa, geragesa urebe urugero Beyatrisa aguha. Niba uramutse witabye itaba nka we. Bamwe rero ingeso mbi zirabubikira zikabigarulira, zikagarukiliza ubugingo bwabo kuli zo, zikabokama ntibabe bareba kure.

2. UBURATA.-

Sipesiyoza nawe ni inkumi. Afite imyaka cumi n'ilindwi. Mukanya yali ali imuhira na mukuru we, nyina Marigarita Nyirabundi na se Bibutsuhose. Nta bandi bana bahali! Bagiye bapfa inkulikirane; na Beyatrisa sêimfura. Gusa; basigaye ali babili kandi bakulikirana. None Marigarita alitabye. Hali hashize ukwezi Beyatrisa ashyingiwe. Sipesiyoza yibazaga ukuntu azakorera urwo rugo wenyine, none na nyina ntawe. Ntacyo yamûfashaga aliko byibuze yapfaga ku murora iruhande rwe,, yumva n'ibyo bihimbaso yamuturaga, ndetse n'Inama nyinshi yamugiraga, none arapfuye. Alitanywe n'iki? Ni mwambi? Sipesiôyaza yaramurwasaga, byageraho akamureba mu maso agira ati! "Aho ni mama ndwajije?" Agasanga ni we ati: "Twali kuzajyana hehe na he byashoboka tukagerana kure mu mva." Aliraze ~~by~~ ajyanye n'ubukungu bapfaga kugira; nk'inka, ihene, urutoki ruli mu rugero, ~~k~~utulimo n'utundi. Wagiraga ngo yali agashumi kanBibiranyije i nkombe ebyili ~~n~~ n'urusi, kaliho ibyo byose none kakaba kacitse, byose bikisukamo bikaba bijyanye nako. Koko kandi, urutoki ruracitse hasigayemo insina ibihanda nka cumi na bitanu gusa! Bya ruvuvu kandi! Inka zshwidata, imilima nticyera. Abantu batakigira n'ihene mu rugo! Inkumi yacu rero iherutse akenda yabatiranywe none nako kajangaye nta sabune gaheruka kuva icyo gihe. Umubili we wabengeranaga ntukibona twa tuvuta. Yarahindutse ku bulyo usa nk'umuheruka nyina akiliho utamumenya n'iyo washishoza ute; imisatsi ye yareshyaga nawe yabuze ivuta isigara ntaho ihuliye n'injwili ali mu bwiza ali no mu ndeshyo. Ibyo byose biramusitira yewe bimubuza na Misa. Agacishamo ako mu minsi mikuru nyine mitagatifu akanyarukirayo. Nabwo ntagereyo ku gihe, yasamutse umugi wose areba abasilimukazi nk'abalimukazi n'abandi. Kuli Kligiya, yakundaga inguni y'ibulyo, ho yarebaga uwali we wese aho yaba aturutse hose. Yabona iyo nkweto, icyo gitambaro, iyo saha, akumva yabisingira. Ndetse igitangaje akifuza n'imisatsi yabo, hafi no kureba ibyo baba bambaye imbere.

Ntiyinjiye! Bose bakamuhulisaho amaso. Hali abambara neza ngo base kur kurebwa, aliko niba baba bashaka kurebwa gusa bajye bambara nabi. Uwambaye nabi n'uwambaye neza bapiganwa mu kurebwa. Ubwo rero bayamuhu lisaho nk'uko, hakaba n'ubwo asitara ku ntebe; ali nako kumucenga. Yi Yajya kwicara bakenda kumwinuba, Immana bajye kwegerayo bagasanga haruzuye. Siwe wabonaga Misa ihumuza. Icya mbere yabaga yábereye mu Yi bitekerezo byinshi. Icya kabili yahugiraga gushoreza ako gahumuro keza abandi bakobwa barekura. Ubwo rero ntiyalilimbaga, nta n'ubwo yumvaga icyo padiri avuga, ntikwabaga kumva Misa. Yamara kubona ke al'igitotsi mu bandi akifuza gutaha. Misa yaba irangiye, hanze bakamuseka bakongera bakamushengerera. Baba barambiwe bagataha, nawe agafata iye nzira. Akibaza ati: "Ko ibintu bivugwa bigasubirwa, abandi amafaranga adashira bayakura mu yihe soko?" Limwe abwira se ati: "Nta dufaranga wagira twacuruzwa ngo ndebe ko nazunguka? -Ni umusaza wawe rero ati: umwanya uzawukura he ko bigira ukunda kubonека?

~~Nixxxxxxxxxxxxxxxxxxxxxxxx~~

Nibamara kumenyera bazajya bansanga hano." Amuha tungahe, undi utugura ikilo cy'umunyu. Birumvikana ko atalya ibitarunze avufite. Na se yarashaje aba nk'umwana buli kanya "ngo ako kulya" Umukobwa akamuhereza agira, ati: "Iyo umugabo ajya kumera nk'umugore uli kunda biba byakomeye. Ubundi singugumiliza ntacyo nbigilira. Umva uliya ni data n'uwabimbalisha umuhoro namusubiliramo ijambo ku ijambo. Uko mama yangiliraga neza kandi uko mukuru wanjye uliya uko ntacyo yansigisha ni nako nzemera ahubwo mukikire azangwe mu ntoki. Noneho se nzajye ngura ik nkuhishe ni byo byazatuma nunguka? Reka da. Umunyu ukishwe inyama uratabwa. Ngomba kukora uko nshobo nka nwereka ko ali data mu gihe akiliho aliko ntiteranyije ngo asigarane imivumo, ngo abambonye bose bajye bakomera igikobwa cyaliye se." Umusaza arararuka ntiyaba yarota arenza akanwa ibitagira umunyu, kandi agakunda uw'urusolyo, Umukobwa rero akamuhereza ati: "Ishyili-remo." Umusaza yaramuka aliyemo urubuye rw'umunyu rutashonze ati: "N'uko noneho." Ushira yungutse abizi. Asubirayo kurangura. Mu mataha arasitara arawumena wose wose. Waraguye igipapuro ulimo kirasha nyuka urasandara. Arahagarara yikorera amaboko. Arawureba bishyize kera aratulika aralira, aralira rwose arashoka. Ararangurura, ati: Yekoye we! Ubu se mbigize nte bigenze bite mbigize nte kandi we! Uhu hu navugaga ntaronana." Ayora akishashe ku gipapuro kaba imiteko ine. Yali asigaranye amafaranga atanu ayaseseka hilya cyane mu muguno wo hakuguru w'ingutiya. Ingutiya ki! Mbere yali iy'Amerikani, iza kuba kaki hataho umukara. Imyanda, imbyiro, ibyondo, byose bikagenda bika-yikoranirahо. Maze imvura yaba igitonyangiye bikeguka bikamera nk' insara za Sakabaka. Akayimesa yatijwe isabune n'abandi bakobwa bajyanye ku mugezi. Baba batagiyeyo akegura intobo akotsa cyangwa agateka nuko akaba abonye isabune. Yaba nta nkwi akareba ikindi cyamubera isabune, yakibura akajya gucundagura icyo gikoba. Hali n'agapira yambaraga kabaye ipata y'iyo ngutiya.

Aragenda agese imuhira asuhuzwa yakwa umunyu. Ntibyamukanga aramuha. afashe imilimo! Aciye imyeyo arakubuye ararangije. Nguwo gutashya, arasituye. Kuvoma ni nde? Ni uwarushye. Ngicyo ikivomesho ku mutwe nguwe kuli kano. Yuzuye araterura atereka ahitaruye. Yumva akagongo karagudutde, alicara ati: "Yekoyo kuvuna umuheto we! Nta kibi nko kubura kirengera. Aliko Nyagasani! Muntu udafite nyoko menya ko uba ulihe amasi. Ubu se xxxx ali he? Ali ahagana he? Nzi alihe asi ndi he? Birababaj kulilira utakumva. Gukunda umuntu yapfa ntimujyane bilica bikazonga aliko nta bundi bukire nk'icyapfa kengera kikamunyereka. Byambere umuti bikankura umuravumba wagese ku mutima. Byaba umuti sinasubira kuba umugata rubanda runerega ngo ni ubukire bwangize ko. Byanyurura agahinda kagahosha Najyaga kuvoma agashima, nasana igishilira agakoma yombi. Nibasa icyo nshimiwe kikanyobera, hakaba ubwo nagiraga ngo baba badashaka ko nsibuka nkigendera cyangwa ngo ni ubulyalya bundi, naho ni utulimo twinshi tuba tuli imuhira tugukoza hilya no hino ukagwa agacuho ukabona akalimo kose ukerewe kagomba ishimwe. Ambwira ko kera ntakubaganye nkabona umugabo nzabimenye igihe nzaba ngbayagaya ndi ku nda nkururuka gakoko n'utusi tuli mu nsu nta twiha. Ngo nzashima n'iyo kwa kera na kare naba nali gito. xxxx anambwira ko n'imfubyi imera ibyo. Nkumva mama avuga ngo aho agese icyamuha umukorera utulimo utwo yali kulya akajya atumusunikira nkagira ati: "Ntiyalya ndeba. Nabimuteraho cyangwa ibyo ashigaje nkamuca inyuma nkabimulya simenye ko al'akaruho na gukecura bibimutera. Bakambwira umugabo, gukecura no gukubagana nkayoberwa ayo mahomvu icyo ashaka kuvuga." Yicara umwanya yiyumvira, arahaguruka ashyira igatwaro aragenda.

Bamutekereresaga uko abakobwa bajya bacikira abagabo ati: "Ese baba barambiwe iwabo, cyangwa. Insu iba ibavira ahali da cyangwa n'ikintu kiba kibajemo kigatuma bijyana." Akibaza akamaro k'umugabo kakamwihisha ntamenye akaruho nta bibik kadakurura.

Gukecura akumva ntacyo bisobanuye, uretse n'ibyo akumva no gupfa atazapfa. Ni mu gihe.

Gukubagana akabura icyabitera nyamara dore ikimenyetso cya mbere cyamugaragayeho igihe yifuza kwambara byacyane. Noneho yaranahombye.

Sinzi uko yahise ajya mu Misa arabukwa n'abakobwa babili balimo umitwaga Felisita uwamaliya habera impaka sitoreshye: "Umwe ati: "bulya n'abatwakazi basigaye bajya mu Misa- Undi ati: "bajyaga baziga da. Aliko ubundi ali he? -Bamutungira urutoki! Singuwo- Felisita ashaka kumara impaka aramuhamagara. Araza atinya kubahobera abahereza imikono bashaka bamenya atal'umutwakazi: Urajya he? -Ndagana mu misa-Ko utamesho? -Isabune ntayo -Felisita yibuka uko yigeze kuruhana ishuli ati: Nyabusa witwa nde? -Sipesiyoza Mujawabera- Kubona umeze utyo uli inkumi birambabaje nyabusa kandi atali wowe- Narabatijwe rwose ngiye mu misa. -Felisita abwira uwo bali kumwe ati: nyamara ukuntu yali fafite akazina keza- Nanjye kali keza siniyangaga -Umeze nk'uliya disi we? -Uko ameze kose. -Ameze ukwe nanjye meze ukwanjye gusa ntitumeze nka we

Polisita akurura inote ebyili s'ijana, ati: Sipesiyo? -Karame -Enda nyabusa reba uko wakwigira." Sipesiyosa aramushima cyane.

Bulya umukobwa wise atirase akigilira umutima ukunda ashobora kugilira uwaliwe wese akamaro.

Sipesiyosa ashaka aho yabika iso note arahabura. Uwa bene z ntiyaburakujya mu misà Azifata mu ntoki. Sinakubeshya noneho arayavundura cyane! ati: ni hahandi erega! Nahozwa n'ibihumbi byaba nka bine. Nsacurusa noneho amamesa." Bukeye abigenza uko. Ayajyana ku iśoko ahura n'abandibakobwa, baramenyana igipara bakagisunika umunsi ijoro. Ejo ni uko ejo ni uko, umukobwa ararauka. Atangira kuba indaya bitewe n'ibintu bibili, byamukoraniyeho: UBUKENE n'AGAKUNGU. Na kimwe muli byo kirabishboye n'imbeshyerwe yahuye n'abandi abasambanye kera nka ba Polina na Gatarina.

Polina yabigezemo ate? Polina yali inshuti magara ya Gatarina aliko yasuhuzwaga ate? "Habari gani gicicu." Ibyo kuki? Haraeyali akabazo. Limwe arabimubwira undi ati: "Kuki wowe wenyine umbwira utyo? -Ceceka. Ubwo urabona uzafatwa he? -Ndi mubi, narananiranye cyangwa. -Koko- -Ndakubaza impamvu rero -Sha, no mu Ijuru ntusageraye. Ubu mi munsi ndibujye kugatera muli bare. Ayayaya! Nk'ubwo uraba usigaye he? -Urąba wagiye gutera agaki? -Nta wakurenganya. Wamenya al'agaki se nyabu? Ni akarahure -Jye rero nta nyota mfite. Ngirango turaturanye haliya ku Gatsinsino ntuyobewe ko tutabura umusururu. Uretse n'ibyo, n'uwacu ture wuurusa. Nta kuntu rero nagira inyota. -Umusururu! Mase ntatekereze nk'abandi -Umusururu na byeli bigirana iyihe sano? -Ngo? -Noshi ~~////~~ igirayo. Kuba wenyine utagiye aho abandi bali ngo mutarame mugire n'icyo mwagereho: naho ngo mutaramira ku kigage! Ntimutarama yewe muraturama -Bagera Se bagera kuki? -(amwereka ibyo yambaye) Niho ubwenge bwawe bugeze Wewe amaso ntaguha! Iyo ubona wambaye ubusa utekereza iki? (Nyamara Polina yal'ayifite) Sinambaye rero! -Nta ugusetse shenge. Ibyo biteyiteyi biharabaze ngo biradoze. Jye ntukomeze no kumbwira amahomvu ndumva akajinya kagiye guseruka -Polina kugira ngo amuhoshe) Nanjye se nayifuza amaherezo akazaba ayahe -Dore nk'ibi bikwembe (akoraho) niba ntibeshye urabiruzi. -Ubonye aho tubyambaye tuli benshi, ducesa, wanakwitanga ngo nawe ubibone -Humura nta shyali ly'uko mubyambaye. Jye nkubwiye ko nta mwambaro w'indaya ndalikira -Uranyishekereje. Ushoboye kuba indaya aba yataye, aba ahiliwe, aba atabarukanye ibyivugo. Reka kwiruta ufashe hasi kuvuga nabi uburaya. Icya mbere wowe ugiye umeze uko ul'uko ntiwabishobora utambaye neza ukulikije amajyambere agezweho, ayamavuta utayitotobetse; unymmve neza, s'ay'inka kandi sinililiwe nkubwira impumuro yayo niba ubishaka utunganya amazuru neza uli bwumve amwe muliyo. Iyo misatsi utayirambuye neza ngo uyifatishe utwuma ntiliwe ngutakasa nkubwira amazina yatwo mase ngo ilyo fiyeli ulinambire ugana abasore ubiyereka, nibakubona bahumbye ilyo jisho bongere balifungure, umenye ikigomba gukorwa ubasange utera maremare uruhura izabo ntambwe, ubagereho utagononwa mase ngo nufurahishane ku cyali cyose ntawarota kuba indaya. Icya kabili: utasi ubugiro bwinshi bw'ubukolikoli bw'amarenga ntiwakumva

icyo ubwirwa- avugana ijwi lishaka kumenya) Ni nk'utuhe disi we? (amzereka ko uko yigize bitishimiwe) Oya! Oya Roshi genda. Genda ndetse no kuba tukivugana sinamenya icyo wanguliye cyangwa wantamitse. Gusa menya ko nuramuka uhamagawe n'umusore, cyangwa, uramutse unagiye ntukore icyo nkubwiye uzaba kinenwa hafi no gucibwa kuko uzaba uzitiye, uheza, wimira kandi ubusa abahasaga n'abatekerezaga kudusanga. Ubundi tundi nudushaka tuzakusindure(-Polina yikomeze) Erega igitsina gore kiramutse gitegetse watubera mukuru! Ndabona washobora. Gushaka kumbusa kurara mu ~~t~~ rwo data na kumpatira icyo ndashaka! Nave. -(yoye gucogora) Komeza kutumva kwawe -Immana ntiyampaye amatwi yo kumva n'ibidafashe -(Ahatilize) Nakubwiye ko Ijuru lizagerwamo ukinali ku isi. Sinzi ko unyumva. Ubwo koko urandeba ukireba ugasanga hab'amahuliro? -Nanjye mbifulije gutaha ilyo Juru lyanyu amahoro -Amahoro koko. Nkubwiye ko umukobwa utaswi n'abahungu n'Immana ntiyamumenya -Nta utaswi izina. Ubwo rero nta~~á~~ utazalishyikira. Hanyuma se umuhungu we azalishyikira yamenywe na nde? -Yumva aguyemo, gusa ati: urambabaje rwose disi weya urambabaje di. Dore n'ibye byali ibyo kuzindukirwa. Ul'inyuma cyane rwose cyane aliko ibi bya cyane. Twagutanze ubumenyi uracyakeneye byinshi byo kumenywa. Gira uve mu bujiji kandi ngusezeranyije kuzabigufashamo." Uko bahuye nuko Umva Gatarina afite ababyeyi bombi n'abarumuna be akangali. Reka yitero hejuru nta kimugomba. Yakora, atakora ni cyo kimwe imilimo ntibura gikora. Polina we ni ikinege. Ni we musa nta kandi k'epfo ka ruguru. Nta na se agira.

Limwe umusore aza gusanga Gatarina na Polina mu byerekeye ku cyuzi, igitega kinini cy'amazi wagira ngo ni ikivu. Niho boga mi ho bamesa, niho bogereza imodoka kandi ayo mazi aratemba. Kili ku muhanda ugana amashuli ya Birambo na Rubengera... Umusore ahita ajya kuramutsa Gatarina; amugwamo rwose pe pe pe! Bagahinduranya imisaya, bagakandana, maze Polina aho ali agira ubwoba, arahindagana, ati: "None yaba amufatiye ko, ku gasozi mbal'iruhande, namenya ntaka nte ntaka ngo iki? Nasanga ndabigira nte wee! Ndamuhunga da." Abonye barekuranye yumva umutwaro uroroshye. Umusore ati: "Yezu akuswe Gatari -Iteka lyose gira abakobwa -Aliko ntaburamo uwitura Gatarina Uzamushaka ra? -Yeee! Ni nk'ibyo. Gatarina Abamamushaka. Iwanjye inzugi ntizikingwa -Nuko nuko." Noneho agana Polina. Undi ati: "Ndahungira he? ko nta mbavu ~~n~~mfite nkaba ntali bunamwikure?" Koko nawe wareba ugasanga hal'icyo yaba abuze abyiresa ubwe, ukibaza icyo yaba arwaye kikakuyobera nyamara umuntu ali mutaraga. Amukora imbagara birarangira. Umusore agira umujinya. Gatarina aho ali ati: "Nanjye nzarore. Umuntu wigize Bikira Mariya! Wenda yanunyoroheresa." Bambá barayamuhanga, bageza aho banicuma baramwegera. Polina areba hasi, ar areba imbere asanga amaso ni karibu ati: "Ko aho hose nta kajyamo, mumilize? Ndebe hejuru?" Abuze icyo akora ~~yk~~ yikurugutura ugutwi. Abonye ko atali ko byakomeza atangira kwihumura amaso. Nabyo birakama afata akasi ko gufungi ibipesi by'agashati ke kandi bifunze. Biba amazi noneho yishimagura umubili wose maze abandi batulikira limwe ngo kweee! Umukobwa yumva yaba agayitse koko, biramuyobera alihangana ati: "Hal'urubanza mushaka ko nshiraho? Nategereje ngo aha hal'icyo muli bwongereho ndakibura, niko gutangira kwireba no kwisukura-

Gatarina, ati: niba wumvise ko utameze nk'abandi n'uko sinakoreye ubusa." Gatarina yali yarabwiye uwo musore, ati: "Haliya hal'umukobwa Polina wigise Umutagatifu, wigise muka Nyilijuru. Nyamara atazi ko ali ukwiyica! Baramubwira ikintu ati: kiliya kili hasi. Nta utaramutambutse n'umwe. Ejo rero, saa munani, usase urebeho nawe wowe wavugaga ngo nta mukobwa nk'uwo wali wabona." Undi ntiyapfa ku masezerano araza.

Umusore ku byo amaze kubona byose ati: "Ntabwo ni aho babuze- Gatarina: ureba ukuntu al'igikenya, aralivuze ni limwe aliko lya gahanga. Ubwo dusanswe tumusi, ibyo nta gaciro byamuhesha rwose ni ikigolyi." Umusore agenda ajya gusezera kuli Polina, undi aza n'ushaka kwanga kumuha umukono, ati: "Hal'icyo wambwiraga? -Polina cy'iki se -Gatarina aba arabyumvise, ati: aho guhana umupfu wayoby'umuvu. Ubwo iyo utaza kumubaza ngo abe aguhakaniye mu maguru mashya, wali guhita ujyayo ugasanga kirataka. Wikwimena umutwe yabigize bimugwiliye -Umusore areba Gatarina ati: nyine (atunga urutoki mu mugi, akubita intoki ku munyu wa) -Wivunika." Umusore aragenda. Ako kanya haruguru haturuka ikimodoka, umusore aragihagalika kiramujyana. -Gatarina, abwira Polina, ati: "Umva ko wahize. Wumvise iki? -Muravuze iki? -Ahamagaye! Nta matwi agira se? Tubireke tubirorere (Ubwo Umusore yatunse urutoki haruguru bihuza n'imodoka ati: niyo amwereka, ya mubwiraga ko ayijyamo nta kabuza. Igihe yakoraga ku munywa, iwacu ati: dore disi ngo kiraly'iminywa cyo gapfe. Ibyo bituma yemeza neza ati: si nk'igicucu cyo kutanumva) Aramukanilisa, ati: ibeshye ko uzi ibintu byinshi, aliko wikubitiraho no kubeshya ngo byiyongere bibie byinshi cyane. Nta kili nka haliya cyavuswe -Gatarina aligendera, ati: Jye nakugiliye akamama gira wisubireho." Agenda agira, ati: agakenya gashaka kunanira abagugunnyi! Buliya se ni umutima wo kwilinda! Ntawo ahubwo ni agacucu ntikazi ko no gusambana bibaho. Iyaba jye nal'agahungu, nagafashe ku ngufu. Nijoro Polina arara arota uwo musore, Arota balyamanye, akangutse aramubura. Yumva abaye ukundi. Ako kanya yibuka ibyamubayeho, ati: "Ubanza koko naba ntameze nk'abandi. Gatarina ni we untangaje gusa. Bega ukuntu azi kwitegereza! Yarandebye aransesangura, uwa bene aranabimbwira ntiyampisha, agira inyota yo kungira akanama ndagahigika. Ndibaza rero igituma nshaka kunanira umpana. Yifitiye umutima n'ibitekerezo bye bihamya. None rero, kuv'ubu ndageragesa ndebe uko bazanyikuramo." Kuv'ubwo ntiyongera kulyama. Yashutswe byarangiye yajya guhimbaza Gatarina mu bulyo nka buliya. Aragenda n'iwabo. Inkoko ziranaga ni mu gitondo cya kare cyane. Aragiye aliko si we! Umutima wabaye ibili; igice kimini cyamanze wa musore, akasigaye kamutanze iy'ajya: we asigalir'aho. Ageze yo ati: "Yemwe abahano? -Gatarina amubasa n'ijwi ly'ukangutse koko ati: uli nde? -Ndi Polina -Yoo! Mbe mwaba mwaramutse ra. -Twihanganye turaramuka (Gatarina ashoka afindura ko ibye byose bikulikira ikiganiro cy'ejo, atiyagira icyo amubaza ahubwo abigilira amatsiko. Yambara igaliso na sutiye arabyuka, ahulira na Polina mu gikali aho yali atangiye gusumasuma agana.

Amuha umukono aliko ibitwenge abitangilisa ukundi kuboko ku munywa) Waramutse! -Yego. Umbabalire~~n~~/ ntuseke. Wankoreye ibyiza byinshi umbyitekerereje nsa n'ukwima amatwi ntiwaoogora. Sinaba mbikubwiye ngo noneho bitume utantumikira kandi warabashije gukora biliya (Gatarina amuhamise) Ndakumva si bwo bwa mbere nkumvira. Ndabona usa n'uwibabaliye ahasigaye bimpe bigishyushye- Disi wega rero ntiliwe ntindiganya, naraye ndese ndyamanye na wa musore nkangutse ndamuheba. Bimbabaza umutima, ugira intimba wegurwa n'agahinda maze numva namena ngo musange -(Gatarina ibyo bijya bibaho yananiranywe n'abasore yemera ko Polina afite agahinda gasaga amashyi, agira n'ubwuzu. Ukwemera n'ubwuzu bituma atarushya umwana w'abandi) None urakeka ko yaba ali hano? -Anahali wabimumenyesha bukabonana kuko mushaka, yaba adahali ukantunganyalisa intabo nge mubwire ibyago naraye ngise tugitandukana -Amusubizana ishyushyu amwenyura: icya mbere yitwa Paulo Kasigashya. Wal'umuzi? -Ashwi! -Ni mwene Kabwa rero -Icya kabili atuye haliya i Nyamagana. Ikindi cyaba icya gatatu ni uko inzu zabo nisa mugongowatumbo: zishakaje amategura kandi imin~~g~~i ifite amadilishya y'ibiyo. Ubwo ali wowe ntusi ikiyo icyo ali cyo. Dore nihilya ya foyer; uzagenda igitambitambi cyo munsi yayo." Polina wamwumvaga adakoma nk'ifuku yumvilisa imilindi y'amasuka y'irangira ashoka asubira inyuma ~~n~~ nk'u~~r~~wal'ugeze aho yahemutse. Gatarina asubira mu nzu. Afata ibya ngombwa aroga arasokokza. Arambara maze yicara umwanya. Aratekereza, ati: Imana ikora ibitangaza. Polina uliya yaba yagaruye agatima! Ubanza atali we da! Umukenya aliko ambujije udutotsi twali tugeze aho tulyoshye (Ejo bataha, yahitiye ko mu mugi guhura n'uwatutayobewe, ataha ijoro aligabyemo kabili) Umutindi ajya gushya bigeze haliya hafi no gushilira, ntazi aho frigo iba. Ikimbabaje ni uko yaba yahhililiye akanuka. Ndabona azajya yinginga abahungu! Yabaye amakara rero kuko yarengeje urugero. Nagira Imana basajya bemera, nibatemera kandi azaba~~y~~ yarashililiye akanuka. Imbwakazi gusa itazagira icyo yimalira, itagira n'ubuzayijyana ku musarane! Kw'ubu amenye ko uwejeje imyaka itabura kilibwa kuko adafataho, asunikira abalya bakalya." Yigira kubeyabeya. Polina ageze imuhira ahura na nyina avuye guca imyeyo atali ko kazi ke. Nyina ati: "Uvuye he? (n'ukulikose) Nvuye gusaba Gatarina urudodo rwo kwidodera ijipo yanjye -None? -None ngo ntarwo. Ngiye rero kuli foyer kurusaba -Upfe kwihuta umvomere utuzi. Umukeduru yalilingiye Polina; yaramukoreraga, ntiyigeze amubeshya. Umukobwa wal'umeze kuliya ngo hal'icyo abuze ra! Yal'Inyangamugayo none dore atangiye kubeshya! Niko karusho? Uyu we ndabona nta rutangira. Yagiye ntagitangiliwe. Atera ibitambwe aragenda. Aratekereza ati: "Nk'uliya mubyeyi mbeshye Imana ibimbazeho iki? Ntakundi aliko nali kubigenzea. Nabeshye byali ngombwa." Agashaka kugarura~~h~~ agatima, bikaba iby'ubusa. Aratekereza nde? Uwo amaze amasaha nk'ane akunze cyane akumva yamwimalira. Urukundo rw'impubutsi gutya! Amazi yo abira atabanje gushyuha! Uwamubaza icyo amukundiye yasubiza iki? Ntacyo. Ageze ku cy~~a~~si. Abenye umuntu umanuka hakulya mu muhanda ukikijwe n'ibiti ashya ubwoba.

Uwo muntu yali yambaye neza ngo nk'ibyo Paulo yali yambaye ejo. Uwacu agahengeka imbavu amurunguruka, ibiti bikamutambamira. Ubwo umutima ~~k~~wibereye muli yapi! yapi! Akibwira ati: "Mana yanjye aramutse abaye we! Nagenda nkamugwamo ntaseka. Nakuba inshuro cumi uko Gatarina yamuramukije, nkamumarana iminota yagera ku itanu! (ahonda agatoki) Ahirwe ntabe we. Ndasitoneka nzibabaze niliha ibyatakaye ejo. Acyibereye mu ibyo, wa muntu aba ageze kuli metero mirongo itatu. Polina asanga ni Paulo musa; imyambaro, ingendo, gusokoza....Byabindi yibeshyaga byose ngo hwiii! Biraguruka. Noneho ati: "Se ali bundebe ate? Aranshokoza ndabisi." Yumva isoni ziramumega, amaboko arahuhutwa ku bulyo atafata ikintu ngo agikomeze. Umusore yakomeje kuba Paulo ga! Yaje amugeze iruhande Polina utal'uzi guseka icyali cyo alihangana amwenyura ~~k~~amusanga aliko umutima ukidiha intoki satutubikanye. Umusore alitambukira. Nyamukobwa yumva agatuza karabyimbye, arahagarara areba inyuma, yifata ku munywa. Atekereza ko akinishijwe ali bugarukirwe, umusore yikomereza urugendo, uko ateye intambwe agahinda k'umukobwa kiyongera. Umuhungu muguhindukira abona umukobwa aracyamureba ndetse uwo Polina ashaka kongera guseka ngo akubitireho no kumurembuza. Nu gihe amasonisoni atali yabimukundira umusore aba arengeje bidasubira kurora inyuma. Ararenga ageze mu duturusu duhali umukobwa atera intambwe amuhengereza. Aranga agira ati: "Umukobwa wal'ugiye kunsekura aho ntazi akaba yashakaga kundamutsa? Kandi sinzi aho nigeze kumurabukwa. Agiye ~~et~~ ambaraho iki?" Aramushimyagu liye! Agenda ajya hehe ko yamaze kubona umusore yigendeye abura n'aho agana. Gusubirayo adashizwe byamubereye kure abura n'aho yicara. Kubeshya ni kubi yarababaye, byo guta amalira, agira ishavu limuca intege. Biramuyobera ati: "Uturuho ko tuba twinshi tukanasumbana mwakabyara mwe, nturuhire ubusa tumwe ukagira icyo udukomoraho cyiza, aka ndiho karuta ako gufata umuhini gashingiye kuki? Guhinga ni imitsi ibabara. Ahaho ni umutwe uzamba ugusobekeranya amaganya. Nzabona kavuro k ki? Nalya ni ukugira ngo badakomeza kunyita ikijibwe! Ntacyo byali binantwaye kuva ubu ninshaka mbe cyo kugeza gupfa kwanjye. Akekanya abona umusaza inyuma ye. Aliyumanganya ntiyakoma. Umusaza ati: "Waramutse muko? -Yego! (barahoberana) Ko wasaga n'uwitota? -Ni akaza nalinze mone nkaba narushye! -Nta musore wakunyuze ho? (Umukobwa alihe? Alitekereza ati: aho umutindi Paulo ntiyibye bakaba bamuliho n'agasuti? Aho si byo byatumye ambera icyo namubereye ejo?)/Adashubijwe arongera ati: "Mbe ko utanshubije ukaba unkanuliye gusa nk'utazi umuntu wabaye ute? (asa n'ukangukiye hejuru) Eh! ngo? -Mbwira- Nibagiwe musaza ntimugire ngo nabashize isoni (umusaza wal'umaze kulya karungu aligarura aliko alimyoza) Ati: nakubajije nti ese nta musore wakunyuzeho? -Arenze haliya mu duturusu musaza (Agiye gushyingura ngo yigendere, Polina amufata mu mashati, ashoka amubaza n'ijwi lyoroshye lyusuye iki nyabupfura kugira ngo adakeka ikindi cyangwa ngo arakare) uwo musore muli kumwe se? (Umusaza ahindukira aseka) Ni kuki? -Nagize ngo ntibili bubakereze ngo b bibavune munsubiza nk'uko ntabyifuliza data umbyara- Tuli kumwe rwose n' Sekuru mbyara se Kabwa -Oh! Ni mwe Kabwa numvise? (Yikubita mu mutwe

Umva kandi iby'urubyiruko rw'ubu! Ndi Sekuru naho Kabwa ni se -Murakoze kunsobanulira -(amagambo n'ijwi by'umukobwa bigiye inzira imwe bituma umusaza alyoherwa) Ndetse uwaguciyeho yitwa Bugiruwenda Matiyasi. Ni murumuna wa Paulo Kazigashya -(umukobwa yumva ibindi byavugwa hanyuma ntacyo byaba bimubwiye kuko amaze kumenya ko åwatambutse atali Paulo) Ati: mbaciye mu ijambo. Mumbabalire mubifate nk'aho mbakiliye - Nguteze amatwi Nyampi, hato ntazabura ahondabira abahungu banjye- Ndabinginze mugire mugende -Nuko mwana wa (amuhereza umukono amwitegereza cyane) Urabeho -Utuye he? -Ku Gatsinsino -(ahonda agatoki) Ndashaje nta mugabane ku by'isi ngitegereje. Nano hali ////// imyishywa kandi imseoga atisibuze. Nali kuyigucira mu maso nkaba ndakujyanye mwa. (afata inzira ye yiruka amagote amucika) Arahagarara, akenyera, avuga ati: aho ntiwagize ngo njye ndoroshye? (Byose kabyikuramo, karabyiyibagiza karagenda)" Umukobwa yumva agashema kabaye kose. Agenda atishisha. Akomeza umuhanda, hilya ayoboka akayira haruguru, kamuta mu gitambitambi cyo mu nsi ya foyer, ilyo shuli ly'igitsina gore. Bali hanze badoda, alikomereza. Ageze hilya arangaguza amaso abura kwa Kabwo. Umukobwa mu mutima ati: "Mapfa uwavutse. Nsapfa rwakomanze." Yiyibagiza ibibazo ashobora kubazwa ajya haruguru ku rugo ruhali kubaliliza. Ahasanga akana k'agakobwa kagira nk'imyaka ilindwi: "Mwaramutse? -Yego -Duhoberane di (karaza aragahobera) Hobee! Gira So- Yego -Iwanyu ntabo? -Yego Uli wenyine? -Yego ye -Nta Paulo wabanyuse hano? kiruka kajya kuzana umuee, kagarutse gasanga Polina hihebye yagiye yageze mu marembo) Ko wal'ugite utácaye? -Urakoze ahenge ndagushimye. Nta mwanya mfite - Nkoze se iki da! Ntuzi ko mu isi kubaha ali byo bil'imbere? Ko nakubashye wanga kwiyubaha? Kuko nticaye se? -None! Iwacu batubwiye ko åje hano wese agomba kubona icyi yicaraho, akaba yanasogongezwa ku nzoga iba nk'ihali -N'uko nihuta- Abubwo da! Paulo we ntiyatambuka adashuhuje. Nta wahanyuze rero uretse murumuna we na sekuru Mal'icyo mupfana? Ni kwa mukuru we- erororero! Mamashenge- Biragutangaje? -Biranshimishije Iwabo ni mu rwo rutoki rwânshi aho hepfo. Ndetse iwacu batubujije kuzimu? Icyo tubumvanye ntikigomba kunwwa ahandi, n'icyo twumvise ahandi cyose si ngombwa kukibabwira keretse udutumye, utuvuze nabi cyangwa neza (atangare) Ntiwumva se masha! (amusezeraho undi aranga) aramuherekeza amurenza irembo) Ndakugeza aha (amuha igiceli cy'atanu) Urabeho Yego (umwana aragifata, kubera ibyishimo yiruka ajya kubika. Agezeyo agira ngo ntiyasezeye aragaruka, Urabeho urakoze -Yego."Umwana aho agiye hose ajyana igiceli cye. Iwabo baje arakibaratira ababwira aho yagikuye gusa ntiyagira icyo yongeraho. Bamuha ibilyo kimubuza kulya. Kimubuza no gukora nyina aramubwira ngo akimubikire. Undi aremera noneho ibintu birashoboka. Ubwo Polina yageze hepfo aranyerera, isigutiya irazamuka agwira akabuno. Arakebaguzwa asanga nta umurusi. Arahaguruka ahanagura intoki. Aho hali agasenyi kanoze niko kalimukoze. Arakomeza ati: "Mpakana he? Ay'ubusa ngombe ngereyo."

Agezeyo abura ijwi ngo asuhuze, arakorora reka data. Yongeye kumvikana tse gusa. Umusore akaba yamwumvise kare mu igorora ly'amajwi. Yumva ngo umuntu aliyatsamuye. Yali ageze mu ruhavu aza. Ararunguruka arashishoza ayoberwa umuntu. Umukobwa ati: xxxxxxxxxxxxxxxxxxxxx mwara... akanzwe n'uwo Paulo yuvumbutse aho yali ali. Umusore biramutangaza ajya kumuhobera yanga kvuga ko alicyo kimwe. Koko kandi ingeso ibera umukobwa ibamba, amukozaho ubutoki ngo aramuramukije. Ibyo birangiye, umuhungu yihutira gutera intebe. Akingura idilishya lireba mu rugo aramurembuza. Undi aza yitega, yumva nta kajyamo amagambo yamukamanye rugikubita atali bubone n'icyo avuga. Mu cyumba cy'uruganiliro Paulo amwereka intebe. Balicara maze bose ngo ce. Umusore ati: ndaba ndetse kumuvugisha nze kurora. Umukobwa we akibaza aho yamuturuka akahabura. Bigiye kuburana neza neza umukobwa n'ijwi lititimira ati: "Iminwa yawe ko yakomeje kunyeganyega kandi nkabona usa n'uli mu bitekerezo, utekeresha iminwa? (umusore wihanganye kera araseka) Umukobwa yiha akanyabugabo, yihaga ubwoba avuga nta burakali nta ki mbese nkuko abakundanye babigenza: ko nakubajije ntunsubize? -Yee! Reka da! Ntabwo simbyumva -Hal'icyo ku mvwa kilimo? (aramwitegereza asanga undi ntagihumbaguza amaso) Bati simbyumva! Ntabwo byumvikana rwose -Icyo utumva ni ikihe? -Ndeka Imana ikora ibitangaza -Aho -Ni wowe? Nijye (amwegereza amaso) Ni we Polina (araseka) Twataramye! Nijye ye -N'iye na he se Poli? -N'iyo n'aha -Aha? -Aha -Ntabwo uje ino uje "aha" Nta handi h'epfo na ruguru ni hano nje -Murakoze neza. Niseye ko n'urugendo rwabaye ruhire. Nyuliramo neza ishyushyu lyanjye -Nkubwije ukuko ko tumaze gutandukana ntaruhije ntora agatotsi. Ndakurota inkugu ziracika. Ndota tulikumwe nzakukubura. Mu gitondo nihutira kumenya aho utuye, none nd'ukuli iruhande -Wavuye mu nzara za nyoko mu bigenze bite ra? Namubwiye ko ngiye kuli foyer gusaba urudodo -Ntabwo waje umwihishe? Oya -Reka ye si nali nabyumva! Yakwemereye? -Neza -Yaguhaye amasaha angahe? -Amenywa atarenzaho idakika na limwe -Nali ngize ngo ndi bugutinze -Humura -Nibyo niduhumure. Nda n'ugiye kubyumva. Noneho intego ni igihe? -Ejo duhura uzi uko byangendekeje- Ndabizi -Kuva ubwo kumera kwakundi numvise binyanse mu nda -None? -None ndashaka kwikosora -Keretse niba wishakiraga gukabya inzozi ma! -Uko bimeze kose napfaga kutiliga uyu munsi ntakubonye! (yifata ku munywa) Naraye nshatse kumena umwijima urangota sinasubira no kulyama -Halyamye nde se di? -Kuvuga ni ugutaruka mugensi ntubyihutane -Ndakwemereye. Ukwikosora se? -Ni ukuganira nawe kubulyo bushimishije bitali nk'iby'ejo (azunguza umutwe) Nanakuramukije ugira nk'ejo sinabikulikirana nti: ndi bubimenye uyu muntu si gusa -N'ubundi si gusa -Kuli bya bindi bya bya bindi se? -Nabyo -Buli kintu kigira irigirima yacyo. Nanatangajwe n'umuntu twahuye musa, ngiye kumuhobera aligendera (amubwira byose) -Erega ufata vuba! Ibyo si igitangaza kuko n'ikeke ifata -Sindabyumva ye -Nyine iyo nilirwa ntakubonye nali kurwara nk'uko utagira uwo atekerereza akababaro ke yicwa n'intimba.

Birumvikana ko ali urukundo rwansanye -Imana ntirenganya. Urayigise urahansanga. Nali hano ńjyenyine msinsira mpagase nk'umudeyi none irungu nayobewe aho lyarengeye -Ubwo nawe ntubuse utwo walimo -None se Nali mu by'ukuntu nagiye i Kigali mpura n'umukobwa mwiza cyane, cyane aliko mubwira akamjiza kanjye mushakaho urukundo. Igitangaza bakńobwa mwe ilye ntiyalimbwira mbansa kugira ngo n'isoni zabiteye. Sinanibajije ubwo ko bw'isoni budatinyuka kuvuga izina. Nkabona tuganira bya mfura nziza, duseka. Turakundana bitalyalya byibuze muli ako kanya. Urukundo amfitiye nkabona rukomeza gutsuka cyane, ńkayoberwa ikirutsura, aliko jye majya kugira icyo ntema ngasanga ni we ngiye gutema, gusoma nkabona ni we. Ndanabyibazaho mbura ibisubizo. Duhura bwa mbere naramuramukije, noneho twongeye guhura twahoberana, mpobera n'abandi ali kumwe nabo, nkabona asumasuma kumbwira "Yesu akuswe", jye nkamureka kubera ko n'ubusanzwe n'umwana w'imyaka ibili kubimubwira bimba kure. Ibyo ubwabyo bifite icyo bisobanuye; arabona anduta mu myaka ku bulye twongeye guhura ali kumwe n'abandi turahoberana, arandamutsa aragenda byo kwerekana ko nta na limwe ajya aganira n'ako kana. Bikongera kwerekanwa n'uko twongeye guhura mu kagoroba agaragiwe. Turaramukanya birangiye baradhingura nti "Ese ko mwihuta murataha i Nyanza? Ati: "ntubona ko bwije? Nsa n'usaza nti: "Nkamera nk'uwo mwungutse naģjye nkabaherekeza. Aho rubanda, ati: "ntitwanga abadusanga" Ngenda ubwo, nkabona batanganiliza kandi bansāga nimaniliwe. Ikinasetsa ni uko alijye watahaga kure. Mbaseseraho nditahira. Mbonye ko nta kundi guhura ndapererezа menya izina lye ndamwandikira. Ntegereza igisubizo reka data, mera nk'akarendwe kumiye ku mwite kagira ngo inka iracyalimo umwuka. Nkabona ankunda sinabi[illegible] mubasa ngira ngo yabuze umwanya. Twahura twembi gusa nkabona nta kibuze mu rukundo? Nzagufindura ko aba ashaka kwigerekana uko atali; ankunda aliko ashaka kubihisha abandi ngo batavuga ko yuzura n'akana. Afite ubwirasi nk'ubwa wa wundi wāmera Imana, aliko mu bandi, ati: "Na Yesu ntiyigeze abaho. Ni ba yaranabayeho ntiyadupfiliye nta wakwemera kubambwa Hali n'ubona akunzwe n'umuhungu, ati: "Sinzilirwa nita ku rukundo; ruransanga rwiruka. Uliya n'iyo namusuzugura ntibyatuma atanyirukanka inyuma nk'agahene mvuye gucyura kakankulikira ntiliwe nkurubana ikizililiko. Abo ni abirasi. Hali ingero nyinshi z'imico y'abali nk'ubulyalya... Gukunda umuntu nk'uko twikunda ni akahebwe kandi si ngombwa gukunda ubonetse wese aliko nyabuneka ntugashake kwereka umuntu ko umukunda ubeshya. Tuvuge nk'umuhungu; ashobora gukunda umukobwa ku bw'umubili, kubwo kumukunda gusa kuko amushimye cyangwa ku bw'uko nta kindi kindi amushakaho kital'icyo kuzamugira umufasha. Urukundo rugashobora gukura ruva ku urw'umubāli rugana urwo kubana. Reka ndekere aha. Ndavuze se noneho bose barumvise! Iyaba babakoranyaga bose ngo jyewe Paulo mbihanangilize. Ntaba umwe agatukisha bose? Ntiwumve ibyo. Hali abagira urukundo ruhamye. Uwo yagira atá ntiyatukisha abakundanye al'abanyeshuli umwe aratsindwa ntibyacogoza urukundo bafitanye cyangwa abali ku kazi ngo undi ufungwe ase gufuungurwa undi atavuga ko atakundana n'uwambaye umukara.

Ntiyanatukisha abakundanye bakarongorana na n'ubu bakili kumwe kugeza ubwo bazahenuka... Nzi aho rwangejeje ndwirukanka inyuma n'icyo rwankuruliye. Ntugomba kumbwira gukundana rero byanakuzinduye ngo nyavuniremo ibiti nk'uwashize impumu. Rwarampumagije ku bulyo ngikumagira. Aho rero ntiwavuga uti: "nta cyo mubwira yibagiwe icya mwirukanshije." Abantu badahuje igitsina iyo baganiliye cyane, umwe ashobora kwinyagambura undi akagira ngo hali ikindi bisobanuye. Paulo rero isazi yamuguye ku zuru arayiyama. Ni Polina wawe utali wabijijukamo, yibuka amagambo Gatarina yigeze kumubwira y'utumenyetso ngo bakoresha bavugana, n'iby'uko yabwiwe ngo n'abibaba umusore cyangwa ntakulikize ibye uwo musore amubwiye ko azacibwa, aratangira arahangayika. Paulo anyeganyeze undi agira ngo arahagurutse, aba yamutanze ejuru. Paulo nawe arabyumva ntiyamuhemukira. Agahungu kali gasigaye gacanye kararambirwaga kakajya gukinisha ibinyugunyugu aliko kikazira kujya mu cyumba Paulo alimo.

Ubwo n i mu ma saa Sita. Paulo abwira Polina ati: "Mbere yo kuguherekeza turabanza tujye ku meza (abonye ko abibwiwe akunzwe nawe ntiyahemuka) Keretse icyo udashaka -Inzira ni iyo nta yindi. Naho ibyo bya Matiyasi na Sekuru. hilya iyo hali hatembye inka bahurua bajya kuguraho. Jye rero nali nagize ngo wibye none bakaba bakulihe -aseka ajya gufungura radiyo. hazamo utudisike twiza) Icyaguturuka cyagututuka he? (amufata ukuboko) bajyanamo. Uwacu ntiyamenya iyo byerekera, akinyuzamo agatego, akikandagira gusa akabona al'ibintu bishekeje nyamara ngo bishimishije aremera arajandajanda ati: "Ntaho bambeshye. Natanzwe ibyiza koko." Undi ntiyamuseka ahubwo aramwigisha. Kumuhindukiza rero bikamera nko gupindura cya Gitega! Ubwo abazi gucesa bamenye ubwoko bw'indilimbo. Bananirwa vuba cyane. Paulo ahamagara ako kanaz "Yewe ntu? Niko sha nyabu? -Yee -(amwigahe) Gahahurwe! Ko ul' umugore wanjye sha watebutse -Ko mutali mwambwiye se reka nze mbijyemo -(yivugishe) ni aho babuze -(Polina bise nk'ibimunyura mu gutwi) N'ubundi da! Ibintu bilya abaramye kandi aho abakobwa bitali ibikona bikuba amaboko." Ibyokulya biba birahageze. Paulo ati: "Gira vuga ubu n'iwanyu barakwifuza (iyo ngo ni inama ra! Babyibutse se agakungu kabakundiye! Impitagihe bishe ibintu babiruzi) -Ni byo -Dusenge se? Ngo hakire iki hoye gupfa iki? -Immana iduhe umugisha -Nuko da! Woweho uracyayifitiye ubwugamo -Aliko simpamya ko iyo nzu wayubakiye itagira nahato hava. Iyo Mana yawe ivuze ngo ntiwasamanywe icyaha nasbinga nkarahira nti: "Urabeshya ngirwamana uliya muntu aho tumenyaniye makubwira ko niba yumvira menshi akulikiza umunani." Wowe ubeshya na hyoko! Hal'icyo utakora! Imigisha se data, yayiduhaye iduhusa ngo twishimane (barafungura bararangiza) Polina: uze kunsabira urudodo di -Ndabyemeye rwose." Polina asezera kuwo mwana. Baraherekeranya no kuli foyer. Paulo arazamuka undi asigara aho. Abasanga aho bicaye hanze badoda, ati: "Mwiliweho? (Bose hamwe ngo kwee! Ni uko yali umuhungu nyine yihanganira ayo maso mirongo ingahe.

-Ntibamusubiza) Ko mwanyihoreye ra? Yemwe? -Bose bamukanuliye. Yee Ko mundeba cyane? (Ni igitsina gore aho cyahuliye! Hilya hino uwali we wese arashaka gusubiza) -Halimo umugore waba ubyaye nka kane; wazamutse u udusanga tugira ishyushyu ly'icyo uli butubwire. Udushhhe duti ese ni biliya byali bimusanye? Ni ko guseka -Ibyo gusa! -Ibyo ngibyo -Reka da! Ibyo icyo gitwenge gitwikiliye ndabona kizaca imbuga (abyirenga gize) No gutukwa byaba kandi uhowe ubusa -Neza da! Ashobora kugutuka atabitekereje. Ibyo byangiyemo ku bulyo ahantutse abishaka ntamenya ko yali yabitekereje -Umva disi simenye aho abeza baba -(abandi baramutwama) Ubwo ugiye kutuyagira urukobwa. Nta wakubwiye ngo ube umugore. Wambaye ruvuga, umwana arakunyara mu mugongo akaguhindanya aho unyuze hose ngo nimubise umubyeyi ahite! -Paulo bose arabahagalika: ibyo mubivemo tugame ibyacu. Nalya ngo boye kujya babasuhuza -Wamugore ukomeza kubavugira: ngo yego ra! -Ahaa! Ngaho nitwumvikane. Ubwo ali mwe muli buseke! Imuhira mpafite imbutura yacitse- Utyo- None ndabasaba urudodo. Ndashaka runiai kandi -Bose ngo kwee! Umugore ahindukilira abandi: ngo nimutange urudodo ra (Babuse we ubwe yikuba mu ishuli azana ikidongi. Paulo aradodora arangije arasezera aramanuka, asanga Polina baragenda. Abandi baza kurunguruka na wa mugore! Bakabwirana bati: abandi bana." Nkulikije ibisubizo by'uyu mugore, nshobora guhamya nti: "Kumva neza kandi vuba biterwa n'akarere." Aho gusambana babigize agakino, usanga n'umukecuru nyaminaga ati~~ny~~ata we ku bulyo anashuhujwe byonyine agira ngo hal'ikindi bisobanura hilya yo kwakura.

Paulo abwira Polina ati: "Nka buliya nagiye gusaba urudodo, nawe wali kuza ukajya kubasuhuza -Nigiliye isoni -Ni aho rero wireze -Ibizavugwa hilya hino uzabitege amashyi. Gusa sinzabe nshinganwa yabyo uraramukeho rero." Paulo aragenda, ageze kuli foyer bashaka kumuhagalika aranangira. Polina we arumirwa asigara ahagaze.

Bulya gupfa ntikuba kure kandi amahanga abyara amahano. Yabonye uwe yasindukiye none dore yiteje abo bakobwa. Umunsi Paulo amusanganga na Gatarina ~~Abai~~ waralimukoze. Ntabwo yaruhije agoheka yaryamiye amajanja boshye wa musilikare witeguye kurwanilira igihugu. Aho nyine we afite ikimushishikaje. Undi we yashakaga kugera kuki? Ako akose kose karabyara ibibazo ngo aha arashaka ko bamwikuramo. Ubu alibaza noneho uko baliya bakobwa bazareka kumwishyiramo, mbese uko yazagenza ngo abibateshe. Nyamara ni ejobundi amakuru ye akamusanga iwabo nkaho ayayobewe. Ageze imuhira abana nyina aramureba nabi. Asanga atali nabyo gusa ahubwo halimo n'akububyeyi. Afata ikivomesho ajya kuvoma ngo amwurure. Reka amurebe igitsure ai mu gihe. Yali yaramwizeye buli gihe akamushtira igorora none yumvise ngo arashaka kuba malaya. Abona ko yakoreye ubusa nta na kumutonganya afite akamureba nabi. Nk'uko byavugwaga ba bakobwa baba bateregaranye hose. Nyina arababara ati: Ndabona kutamubwira haba havukiramo kumutinya kandi ali nta rutugu rukura ngo rusumbe ijosi.

Ni jye wamwirereye ni umwana wirerera mbabona atarakura. Ubwo aliko wenda abandi babona yarabaye inkumi. Niba atali yanakura, nzashyigashyiga,se yemwe ngo nakura noneho nzafunge amayira! Hoshi! Kuva ubu nzajya mubwira." Limwe amusanga aho ali mu gikâni acanye: "Mwana wanjye ibyo numvise bakuvuga ni ibiki? -(avugana ijwi lyoroshye) Bamvuga! -Bakuvuga -Bande? -Oya se kandi uransibizana ijwi lyiza winamvuna wa (Polina mu mutima ati: Umubyeyi aba al'umubyeyi koko. Iyi akota inshegesha amaraso akavilirana mu nda ho hatava n'isuba, atarusi aliko akanga akayabona! Arambabaje aliko kubera nta n'umutima ngifite wo kureka umwuga. Nzabigenze nte se Mama yanjye? Musubize iki? Nta kandi nzahunga rubanda mbe nkize kimwe nsigaranye icyo ntakwikuraho. Igisubiso ni ukujya i Kigali kandi rero sinabimubwira. Ntiyasubiza. Nyina abonye adashubijwe abona ko byakomeye, ishavu liliyongera, asubira ku cyo yali yanze mu mwanya atangira guhoza) Rulihose ni umwana w'umunyarwanda. Nta ukundwa na bose ubwo na ko ntibabuze icyo bagushakaho. Abanzi baragwiliye mwana, n'abo ni bo ubwo nta kundi bakuliho n'agasuti. Agahinda ntikica ngiye kwilyamira." Bulira baralya baralyama. Mu gitondo cya kare umukobwa muzima aranduruka. Nyina yumva abyutse nk'uko bisanzwe ati: ntacyo. Hashize umwanya yumva nta kantu gakoma nta tweye tuvuga nta ki. Arabyuka aragenda, akubise ku bulili abura umuntu. Aratangira aravuma sinakubwira: "Umuzaheka amaboko yakajya aho umugabo wanjye yagiye yakajya aho batamushaka anjijije iki ye? Ubu se yagakubitwa n'inkuba ankoreye byiza. Yuu! Bahungu mwe namwe bakobwa mwe nababwira iki? Babyeyi mwebwe nimujye munyegera tuganire twabonye rumwe. Ubu ndumiwe rwose akumiro kaza umuntu areba. Ntacyo nakwilirwa mvuga kizavugwa na rubanda. Umubyeyi alihoreye abyara umwana w'umuhungu cyangwa umukobwa- Jye rero mbyara kiliya gikenya cy'umukobwa, ndagipfira ndacyinigira, kingira umusarani kingira inyama gihora kiguguna ngo kironka, ndabyihanganira ndabizinzika ngo aho kera muza bukuru azandengera azamfatira uruhali runini, ndashyigashyiga nk'uwangura ikibindi none ngiye gusubuma nsanga umwana yararumbye kera rwose nsanga naranguraga ikimuga! Ni ishyano babyeyi twararushye. Nitujye tubagalira yose ntitusi ilizera mbere. Dupfe kurera. Iyaba Immana yadufashaga ngo tubakuze gusa abasigaye bitekerereze icyo bashaka aliko itazatubaza icyatumye duterorana mwo mwana. Byaravuzwe koko umubyeyi arerera umwana icyo yamubyaliye atibigilira icyo azavurwa. Umugapfa adakize! Bahu! Umuzaheka amaboko mbyuka ntanabanje kubabazwa n'uko agiye ahubwo ngira nti none yaba yapfuye." Aligumanganya ajya ku milimo. Immana agira ni uko nta gasuguto rubanda ruzamushyiraho rumuningura rumubaza aho umukobwa we yagiye kuko nta n'uhagenda.

Inzira ntibwira umugenzi. Umukobwa abaye akigerayo asanga he ni kure kubi. Ahura n'umuhungu ntiyakurwa. Yigira inama yo kumusembura umusore aranga amukubita ku rutare. Nyamukobwa wacu abaye n'inshinzi yee! Yarabeshye arabyalya.. none dore. Abanza ndetse kugira ngo ni uko al'umushyitsi yigira gushaka icumbi amusabira ko akazi.

Nyamara n'iminsi ukulikira imubera kimwe ndetse birakomera asa kumenywa na bose banamwerulira ko batamushakaga muli Kigali akitonganya cyane, ati: "Igicucu cy'icyo ntazi cy'igihungu nakubitanye nacyo nkigera ino ni cyo cyampeneye kirawuntera cyakiswa n'igisebe. Iyo ntasa kukivugisha mba nd'amahoro. Ntaho ndi iby'isi bifanyoboye. Imyatsi ngira inyaka abantu ntizatuma mbaho neza uko nabyifuzaga. Ngomba gusubira imuhira nta kabuza." Umukobwa alitahira ndetse ku bulyo ab'imuhira bagira ngo hal'uwo yali agiye gusura. Asanga inzu irakinguye, asesesramo nk'imturo. Agesemo ashakashaka aho utulyo twaba araheba, abura n'aho alyama ubulili bwe bwarasasuwe. Arambura umuce yegekaho imbavu. Nyina yali yagiye ku mugezi. Arasa atura amazi atatura inkwi aranika. Araruhuka yigira guhinga. Ibyali biteganyijwe byo kulya i ni utujumba twali twanitse aho ku mbuga. Asa gutaha n'umunanira wose, yicaye akanya ikintu kiragonera mu nzu. Yibaza niba al'injangwe biramuyobera. Yegura ikibando ngo cyo kuza kuyikubita nyamara agenda acyicumba. Asanga umuntu alyamye ku muce. Amwitegereje aramumenya, yumva umusatsi wo ku mutwe urahagurutse. Ntiyamukangura, imivumo yose yavumaga ku munywa umutima utamuvumye ilibagirana ubutazanayibuka ahali afata udusaka araskya. Polina aza kwicura. Abumbuye amaso abona nyina. Iseni n'umunanira bivanze n'inzara bimamuganza bimubuza ubwahaguruka ngo ajye kumur ramutsa si nakubeshya rwose arayahombeka arasinzira pe! Gihiye aramukangura, undi aranina bidasuzugura yanga kwitaba ku nshuro ya mbere. Ku ya kabili abona nyina yamugeze hejuru. Yaje gusonga? Oya rwose umubyeyi aca inkoni izamba. Muntu ubalilisa umubyeyi icyo ali cyo ukaba wasomye aha haruguru utalya amagambo ngo uyasimbuke utayumvise ndetse ukaba wanasubiyemo uliya wihanganiye Polina yaramubyaye ni we mubyeyi we. Yali agiye rero kureba ko agatima kagitera. Bararamukanya Polina aramugundira cyane ndetse umubyeyi we abibonamo icyiru cy'ibibi yakorewe byose, bimwibagiza n'inzara yifitite ubwe. Amuganira igikoma ntiyanilirwa amubaza aho avuye ahubwo akamureba yumva atamuvilira. Aramubwira ati: "Menya ko icyo ukoze kikakubabaza jye kiba kimbabaje kalindwi ka mirongo ilindwi. Nyagutunga nyabuneka nyabuna nyakubyara rwose wal'ugeze aho kwibabalira kandi ukaba umbabaliyekalindwi ka mirongo ilindwi." Umukobwa mu mutima ati: "Nababare nanjye ntako nabigenza. Umva nta gatima ko kuguma hamwe mfite kandi n'iyo mahaguma sinakora." Koko kandi abigenza uko. Arahaguma aliko ntiyakora, ati: "Ni hahandi ha Polina uwakomye uruskyo akoma n'ingasire. Mama yanze kunyihakana ngo asanyemera uko nsaba ndi kose kuko nd'amaraso ye. Ndabizilikana aliko kuba nka mbere simbiteze." Agasiga kaliye imfusha gahora karekereje. Kubona kugeza ubu atali yemera ko akazi kamunaniye nyine ngo agaseserere, ahubwo akaba akibutabuta mu iyo nzira! Baracyanamubwira ni uko yanga umugabo. Umusore bahiye wese aramubwira, ati: "Sanga Paulo we Mudacira akabishye." Aza guhura na Gatarina, ati: "Disi weya jye nabuze icyo mfata mbura icyo ndeka. Sinabaye indaya kandi sinabiretse. No gukora bisigaye bintonda. Ndemanze birarangiye- Somaho wumve. Ni uko bitaguhiliye nyine ubundi wali kuzanagura itoyota."

Uyu wabaye nk'ingata imennye YAROHEJWE.

Sipesiyoza acyuruza amamesa nk'uko nabivuze. Akomeza imilimo ye y'imuhira yamenyereye. Hashize iminsi umusaza arayafunga. Asiga araze Sipesiyoza insu n'imilima hafi yayo, ^se^ mukuru we ajyana udusigaye. Sipesiyoza ni we wamuhambye. Uwo munsi Sipesiyoza arababara hafi no gutaka. Areba aho asigaye, ukubaho kwe kuramuyobera, ati: "Mbaye uwande? Ngiye kuba indaya ahali byambera umuti. Ubuliye mu kwe ntako aba atagize." Mukuru we aramubwira ngo bajyane, amusubiza ko azaba aza, ko ali burare abitekerezaho. Agerageza kuganira na gukina n'abandi ngo abyiyibagize biramunanira. Abasore bali bamenye ibyo byose, nijoro barahurura. Mu gitondo Sipesiyoza anigumira aho habe no guteka. Abasore baramuneka baragaruka baramugomesha. Icyabikora bakajya kumuha urumesa mu mugi ibyo gusa bituma yishima ngo yafurashye. Nijoro biba uko ku munsi wa gatatu Beyatrisa araza amusanga aho mu rugo yicaye, amubaza icyatumye ataza ise undi ati: "Jye birankomereye kandi hano nahamenyereye." Biragaragara ko Beyatrisa yatinze. Iyo aza kumujyana ku munsi wa mbere ni uko nyine yahenzwe ubwenge. Nawe, amajoro abili umuntu yibomera abaraza! Sipesiyoza ahama aho. Mukuru we ati: "Maze bamuraga insu ngo aho azashakirwamo! Ukuntu yali mwiza byonyine. Ubwiza yarabuvukanye uretse ko atalimbaga. Bwiza bugiye gupfa ubusa."

Mukobwa. Baragenda amahanga bagapfa bagapfuka ali wowe bashaka, aliko ingeso mbi zikaguhisha, IHANGANE usazilinda. Niwihangana usihanganira ubukene bwatumye Sipesiyosa ahabara, uzanilinda ndetse n'agasuguto ababyeyi bawe cyane cyane so, agushyiraho abonye watinzeho gato gusabwa. Ilinde AMOSHYE Polina yaguyemo, uyilinde utegera uwitwa indaya. Menya KWIFATA: Gatarina ntiyabashije kwifata. Yasambanye ali we ubyitekerereje, amaze kubona ko ali icyangombwa umubili we ubuze, atashobora kuba aho gusa. Usilinde utazabera gito igihugu n'abagukunda balimo ababyeyi bawe n'inshuti zumvise usinogeye. Uzanga ko ujya kubana n'abawe ngo babone uko bakulinda, aliko aho uzagana hose ntibazaceogora bazagerageza bakugenzeho ijisho.

## IGICE cya kabili: URUGO.

1 na ruliya rwali rwo.

Ba Beyatrisa ubukire bwabaye nk'ububasuhuza. Babaye bakirugeramo hashize amezi make cyane, baratangira aho bakubise isuka hose habapfira ubusa. Birabayobera bashaka gusakambura insu ngo bayagulishe babone icyabaramutsa. Barabireka barabyiyibagiza. Ntibaeitse intege barakomeje balimagura imisozi. Mu rutoki inyamunyo zali zarashizemo bafatira ibya masisi hafi no kwibuza ingoga ~~bb~~ ngo babone icyajya mu nda. Bakazindukira imilimo n'agashumi mu nda.

Iyo babaga bagiye gukora ahagana i Rwesero ~~miz~~ ho Kabibi atuye nibwo bapfaga kunyarukirayo bajya kubagusa. Bo se ki! Nyamara na be ni abakene Sebuto arabisusuma, ati: "Ubukene bujya buba akarande. Buragatsindwa ni ubukenya. Nali ntungaye ko nshobora gukira mu mulyango w'iwacu wose ntawakandiyeyo abe umukungu byibuze. Abwira umugore, ati: inzara yaratugannye. Nakubonyemo umuntu dushobora guhwana none ngusabye ku tujya i Burundi (Beyatrisa ashaka kwerekana uko ubukeke bwal'ubwo gutsindwa) Mu ijwi likunze: n'iyo haba Bugande nta nzu turara mu kigunda bwacya tugasohorerokamo tujya gupagasa ntibyakanga umutima wanjye. -Ashima) Erega nakubonye nakwemera kukurongora. Naho ubundi ubwugamo bul'i Burundi. Ntituzabura aho ducumbika -Koko se? Imana ishimwe- Nal'umuzungu twapatanye. Nabibwiye papa amvugisha menshi ati: "Ubu ndagana ubusaza bunsharera iwe w'urupfu. Wali kuzampamba rero none umva. Mubwira ko mfa numva ati: si bwo bwa mbere unyubaha hama aha. Bishyize kera, ati: Umugabo Birenge ntumusi? Nti: ndamusi data ~~wra~~ wacu w'i Bugesera. Ati: abe aliyo uzagana. Uzaba umvuye iruhande aliko uzaba usanga andi amaraso asa kandi ho ni hafi. Ndabimwumvisha ageze aho ati: Ngaho nubona urembye uzakomeze ugane iyo ngiyo sinashobora. "None rero sakuma ibyo kulya ngiye gutema ibitoki bisanga biliya mitwereje kuko ku wundi wa mbere tuzashyira nzira -Nguteguje ko na Sipesiyoza tuzamujyana tumuhungisha biliya yatangiye. Nose nta hatali abasore aliko azaba atwegereye -Ashyu! Ibyo na byo. Umva mitugerayo ntituzakema icyitwa ikilibwa ndabizi nesa. N'aho ubundi ndagatara ako n nzaha abaturage noye kuzafungura cyane ako nzagulisha ngasuruse. Data ya yangiliye inama ya kuzagamba gusezera ku baturage." Arabica arangije abitegeza akazuba ngo bibe byahongaho bukeya. Aragaruka baraligata ngo baraliye. Birangiye ajya gutara. Acanamo umuliro nk'uwo mu ziko ndetse agira ubwoba ko bili bubabuke. Arareka amakara ashiramo abona kubivumbika. Nashize iminsi ine birashya. Sebuto yilirwa abyenga Beyatrisa ajya guhiga Sipesiyoza. Amubwira ko amwifuza cyane iwe kuko ngo azanywe/sha akaba adashaka kuzamubura. Ashaka kwanga undi aramwinginga. Bigeze aho Sipesiyoza ati: "Inzoga ko nyinywa buli munsi nzajyayi kumara iki? (aza kwigarura) Aliko ubundi ntawanga ijana mu lindi. Si byeli aliko reka nitabe." Barazana. Bamuha imineke n'imitobe, bajya kugusa n'amafaranga, ngo atazabura icyo alya akiyandalira. Ku cyumweru inzoga zirashya. Abantu busura aho ku rwina. Bahabura umuhogororo. Birangiye babatwaza ibintu n'amayoga yose balikorera bajyana imuhira. Igenewe abaturage bayica ibicuma. Barayisoma Sebuto aza kubaka ijambo: "Abantu muli aha nta bintu byinshi mfite Ambabwira. Ibyali kuvugwa mwabikoze. Mwabishyize mu bikorwa. Ngirango n'usenga ntarondegora. Jye mfite kubabwira duke ngo muze kubona n'umwanya wo kwica inyota: ku wa mbere ejo mutagira ngo ni kera, nzasubira i Burundi kujya kureba ko nasigorora n'ubukene. Abanteraye ibitoki bali babizi. Iyi nzoga ni n'iyo kubasezeraho, ibibutsa ko twabanye umuntu arebye abayisoma byonyine. Nkaba ndangije-

Butitaweho ushyenga akaba n'inshuti yabo, ati: ugomba kuzaronka da. Simperuka ubushize wararonse kandi waragiye wubitse umutwe nk'igitama nka wa mwana ugendagenda mu isoko cyangwa mu mayira yandi agenzwa no gutoragura ngo amafaranga! (Baraseka kandi amagambo ya Sebuto yali yabashyize mu kantu. Banakoma amashyi." Bamwe mu bali aho, batabwiranye nta n'ubibukije, biyumvamo gufasha uwo mugenzi. Baruddanya udufaranga abandi baboneraho nabo bagira icyo batanga, n'abatagize icyo baheresa bamera nk'aho hali icyo batanze bishimana n'abandi. Baheresa Sebuto. Alishima ati:bika ajya mu nzu. Butitaweho ati: "Mureke nzajye kureba aho ayabika." Aranyaruka asanga Sebuto arakingura amadilishya aramubaza, ati: "N'iki? -Have! Ndahsaka guha abavandimwe, inzoga reba umusere aho hanze aze amfashe (Arasohoka abibakojeje bati: shwi! ashwi da! Yali kuzongera amafaranga none ngo iki! Asubirayo) -Ngo shwi! Ku mpamvu z'amafaranga (Beyatrisa alinjira) Na none wabitekereje shyira mu gicuma kinini ubahe (barabigira baha Butitaweho ngo ababshyize) -Agese hanze agacigatiye n'umuheha ku munywa) Ngo dore akana k'iyo bali bagiye kuduha! Ndayigotomera niniga bamperese ibijumba nimpashwa bamshishe mu misoto (Baraseka cyane barayinywa balinda bataha ahali bagiseka)" Aho hasigara bene urugo, Butitaweho na Sipesiyoza. Icyali gisigaye baciyeho cya gicuma hasigayemo indi muli cyo igasagura amacupa alindwi. Hali hali n'indi rero mu kibindi cyuzuye kuko batumuye bitatu. Abo bagabo barazikorera bajya kuzigurana amafaranga. Abasigaye basigara bareba iby'umwanya wa nijoro banaganira. Beyatrisa amubwira ko basajyana undi aremera aliko ababazwa n'uko atasezeye ku nshuti. Nijoro basa gutarama uko nabavuze haruguru. Butitaweho aza gutaha.

Mu gitondo bose bahambira utwabo mu ivalisi umugore yatahanye. Sipesiyoza arayifata bajya i Nyanza. Babona imodoka y'abo mu Bugesera. Irabanyarukana n'i Gako. Bahasangaga nde? Inosenti Birenge. Yali ahazi? Yali ahazi kuko akûli umwana bali bakize bakajyayo bose n'ababyeyi be n'abavandimwe be. Barakize barahinga amasaka ibishyimbo iki, niba benze bavunura kandi batare! Ni umukungu wibereye aho. Ntibagize icyo bifuza al'ibyo kulya, kunywa cyangwa se ibiganiro aliko ntibababaye nka wa mutwa wahinze bwambere areza bitali bya cyane aliko nyine birenze ibyo yatungaga bilibwa abihashye, abwira umugore, ati: -Twejeje biteke. Teka biliya bishyimbo ubyumvishe koko, ndashaka kulya." Umugore abigenza atyo. Nijoro baralya, balya nk'ababitoraguye ameze bose abagwa ivutu baranezerwa. Umugabo abwira umugore, ati: "Genda byose ujye kujugunya cyangwa ushumike uliya mutiba -igitebo gisanzwe cyu-cyuzuye -wacu."" Umugore abitundira iwabo dore ko batura urusisiro, arangije atwika igitebo gisa. Mu gitondo, umugabo arasonza, ntibaraje, nta n'icyatekwa kikiharangwa. Abwira umugore, ati: "Mbe nyiranaka nta n'agahilili?" Ubwo kuvuga ngo "Nta n'akaba kapfubiye mu gitebo ngo ugateke."

Undi arahakana aramwihorera. Ahengera umugabo yagiye kubeyabeya mu mayoga atiswye, ajya iwabo azana mo icyibo ashyira ku mashyiga. Bihiye azimye umuliro ntihasigara n'akanyotwe urmtse agashilira. Ajya guca ikoma ahisha mu nzu inyuma y'aho azanzwe yicara, ahasigaye we n'abana bajya gushinga ku mbuga. Bilirwa bahashinyitse amenyo. Ijoro liguye nyamugabo araza. Aza atashye amara masa. Aturuka hakulya areba ko iwe hatsutsumuka akotsi araheba, ati: "Iby'iwanjye biranyobeye." Azi neza ko nta handi handi bali bafite babikura no mu iyo minsi batarabumbye ngo aha bejeje amashyimbo n'ayo babonye bayagenza kwa kundi, we yazilikanye aliko agezeyo ashaka kuvuga nabi yiyenza. Bamubajije ko hal'icyo yaba yabonye yenda kubacamo kabili. Bicara aho nka kaliro nta ki umugabo atakivuga. Kuko batali gukomeza kubyicarana, umugabo abona umugore yeguye akabehe baliragaho katagira indiba, asasa urukoma hasi agiterekaho. Umugabo biramuyobera. Mu gihe agishaka kubaza umugore aba yabisukanuyeho. Umugabo igitwenge kiba cyose! Abaza aho byavuye, umugore, ati: "Ni iwacu babimshukikiye ndetse ngo azadutunga icyumweru cyose mbikubwire ejo utazasanga ushaka kongera kundya." Avuga ibyo bizahusa n'igihe. ibishyimbo bizaba bishize n'aho kuzamwibeta ngo ajye kubilira iwabo. Hashize icyumwru ibisigaye babigera imbuto, barahinga barakira n'ubu bagikize. Aregura ashyira kwa nyirabukwe intama ngo yaramukijije.

Bo imbere y'ibyago balimo n'urugendo bafite ntabwo bijimye nk'uliya mutwa wal'ugiye kulira abe ku ishyiga. Ababwira ikibagenza n'aho bajya. Birenge azakubaza ati: "Uliya ko ntaho nigeze ku kumurabukwa? Umugore wawe we sinakwilirwa mubaza nta umenya aho abagore baturuka. Nigeze no kujya mubona iyo i Nyanza- Sebuto, ati: bombi ni abaho kandi bava inda imwe -Ni ko ubatunze? Ntunze uliya (amutunga urutoki) Beyatrisa -Ni na we mukuru -Yego. Uliya wundi na Sipesiyoza Oh! Ndabajwe n'uko mbona amaraso yanjye abokorwa. Ahali ibyo byago mugira muzashira mu bikire. -Beyatrisa: aho ni ah'Immana tujsera - -Ubundi yo ujya wahambwije n'uwo usanga wamumbwiye. Aliko rero Sebuto nta aharuta ino duhinga tukeza. Guma ino nzakwishingire mu gihe utaresa, utaranubaka- Iyo yal'inama ni uko uwo nsanga yanyingimse ngo ngombe nzajyeyo kandi no gutāra ino data avuga ko nali nkwiye kumuguma iruhande nkazamuhamba bidashobotse. Yego namuvuye iruhande wenda nzasanga akiliho nzamuhambe- Biraburanye rero. Muzagenda lyali? -Ejo- (umugore wa Birenge) Umva se kandi we! Nawe Beyatrisa we? Birenge amureba nabi: umva n'uko avuga. Ibivugwa ntabyumva gusa ngo iki? Nta n'ubwo muli baliya bana banjye uko ali batanu hal'uwo urusha gutekereza." Ibyo kubamulikira abaturage ntibyabaye. Birenge abaha magana ane y'impamba. Mu gitondo batora utwabo. Baraherekeswa bageze hilya babona umwe mu baturanyi Birenge, ati: "Ngaho re, ndamubwira ngo iki?" Ako kanya arababaza ati: "Aba muherekeje ni bande Bire? -Ni abantu bayobye babura umuhanda ugana i Burundi aho waba werekeye - Oh! Ni uko ye.

Mwavukanye kumenya guturana. Kubona n'umugore mwaherekeranyije mujya kuyobora abaturarwanda ni byiza cyane- Ahubwo n'abana bali baje mbasubizayo." Ubwo baba baratambutse. Nkulikije kiliya kiganiro nasanga kwa Birenge ali abantu beza. Hilya bagera ahateganye n'umuhanda, barabatunganyiliza, babasezeraho baratandukana. Baragenda baba bli ho bategera imodoka. Saa ine ziragese, ntaho bagura utulyo- Mu ma saa sita babona agatoyota karaje. umugore ajya imbere, abandi n'umutwaro bajya inyuma. Bagize iyo bajya mu ma saa yegeyeyo.

I Burundi bakirwa n'umutima mwiza. Sebuto ababwira amazina y'abo bli kumwe nabo. Umuzungu yali yagiye ku kasi nk'uko bisanzwe. Aza gutaha bwije abaramukanya urukumbuzi n'urukundo rwinshi. Sebuto arongera asubiramo ya mazina. Amwereka na madamu w'iwe bashakaga kubona. Undi nawe avuga ko ali muramukazi we. Uwo munsi abereka inzu basabamo abatiza n'ibikoresho byo mu gikoni no mu cyumba cy'uruganiliro Arababwira, ati: "ejo ni akazi. Sebuto wowe ntuzasubira gushikanuza icyuma. Uzajya unshurulisa ibintu. Madamu wawe azajya atumesera anaduterere ipasi. Mugahembwa mwembi ijana y'amarundi ku munsi." Barabyemera birabashimisha. Ibyokulya biba biratunganye. Baralya baranywa baratarama, bikorera amagodora avuye mu mangazini ako kanya.Bajya mu wabo. Bukeye abandi bafata akazi kabo. Sipesiyoza asigara aho. Yumva atamerewe neza na bukeya ku bulyo atanagiye ku muzungu kuba agomana n'abandi. Nta kazi yaliho. Akavura karatonyanga. Yinjira mu nzu alicara akomeza kumvira uko gatonyanga ku ibati. Yatwaye iy'indara? Arwaye inzoka? Reka da! Ali mu bitekerezo. Byerekeye iki? Ni cya cyago "gusambana" cyamumereye nk'igisebe cy'umufunzo. Ali mu duki? " Barakorera ubusa ntabwo nzabirorera. Uwaliye ni we ulya kandi agira ngo ahali bw'Immana n'ino ntibali bunyikome. Basambwirwa n'iki? Byose bizizana" Igihe kigeze ajya kusana ibilibwa ku muzungu. Arateka aliko ntahali! Umuliro urasima ntanabimenye! Agize Iyakare abona birahiye. Arakaranga rurashahurana. Ba Beyatrisa nakwita ababyeyi be basa gutahuka basanga yabitunganyije. Sipesiyoza ntashire isoni. Baramutuma akagenda, imilimo akayikora, ntahora arakaye baraganira bagaseka aliko akanga ushaka kumukura ku izima. Hali hashize ukwezi Sipesiyoza atangiye kujya azana abasore ahongaho, ntiyoie imilimo ntgire ate, akanagenda byose yabitunganyije. Buli gihe Beyatrisa yagira ngo aramuhannye, undi mu mutima ati: "Hagurutse ntimenya iyo bwese. Mu Rwanda bangize rubebe none ndaronka uko isaha ihise none ugashaka kumbwira ngo iki!" Igisubizo ni ikihe? "Nui uko ufite umugabo" Bageze mu Burundi muli mirongo itanu na kalindwi mu kwa cumi. Ubu ni mu kwa cumi na kumwe kw'uwo mwaka. Bageze ino bamaze amezi umunani bashyingiranywe. Sebuto akajya mu mibare myinshi ngo ashaka kumenya igihe umugore we azabyalira. Bimumenpye umutwe arabireka. Mu gitondo agiye kumeba asanga umugore inda ngo yaliyongereye. Nyamara yagaragaye kera ni uko undi yali yibereye mu bitekerezo byo kuzamura urugo. Biramutangaza ati: Bulya imibare yanjye yaguye ku kintu! Beyatrisa ava ku kazi kubw'izo mpamvu. Sipesiyoza nojeho ntiyanatarabuka!

Amubera imfura amuguma iruhande aramukorera. Ndetse bimase gukomera na Sebuto aba yicaye. Mu kwa cumi n'abili kw'uwo mwaka mi ukuvuga amase amesi cumi ashyingiwe ni bwo byakomeye bamujyana muli materinite. Umusungu abajyana mu modoka. Agezeyo bamubwira ko isaha itaragera. Igese baramuhamagara igitima ngo po! Ati: "Ubanza rwaba rubaye urw' Imana yangeneye. Ndumva aliko nshaka akunyu n'agasenda. Ko ntabiralikiye kuva ägitwita bikaba bimbayeho ubu aho umwana wanjye azaba we! Gatinze gusanga abako. Nzagasiga nkamogereze, mbese nzakabere umubyeyi. Ibyo kandi gusa." Yikozayo bagiye kumva bumva akana karasetse! Abara akana k'agahungu. Mu gihe akikareba abe kwa muganga aho babigenewe barakamwaka ashaka kugakomeza. Baranga barakajyana. Agakulikisa amaso yumva ukuntu akajwi kagenda karenga agahinda karamwegura. Aho kanya uwakajyanye agarukira aho. Beyatrisa ati: "Aho ntikabaye! Bakajyaniye ko (akibivuga undi arakazana) Aliruhutsa) Immana ntirenganya." Bakuhagiye bakanogeje, bakambitse imyambaro myiza agahungu kabaye agahungu. Baratataha. Bagezeyo s'ukumuhemba barakabya; amabyeli, ibilyo byiza bose barasangira. Akana bagaha utundi twambaro, udusabune twinshi na ya mata aba ali mu gipira bakandira ku munywa bamuha... Umuzungu aseseranya Beyatrisa kumuha amata azajya ateka agafataho igikombe mu gitondo n'umugati. Amata yabura akawulisha igikoma cy'amakoma kilimo sukali. Akaba yaranahingaga imboga z'amäko yose, noneho ibilyo bye byose bikajyana nazo. Nimugoroba agasubira igikombe cy'amata. Abimugenserezsa atyo. Sebuto akana yifuzaga ajya mu mibare arakabonye. Arabona nta byiza birushije ibyo. Sipesiyoza arumva yabayeho uretse ko yabuze umwanya wo gutembera. Uko ayatetse abo mu rugo bakanayafataho ashira hashize icyumweru kuko cyali igikombe kinini. Umuzungu aramubasa ati: "Umese neza? Undi ati: ndumva nazanye akabaraga ~~-Sebu~~ Se ntararangira? Jarangiye none? None- Ko warondoreje! Kandi naragerageho ngafata bitandatu ku munsi! (abo mu rugo nabo bafatagaho uko atetse nk'uko byavuswe haruguru kandi agatekwa kabili ku munsi) Ashyu! N'äyo wafata bilindwi. Umuntu alya bikiliho. Noneho ndaguha ifu y'amasaka atinitse. Nta ngeso mfite dore ifu ngiliya (amutungira ututoki) umufuka wa imbwega) Udufuka ni twinshi n'ukarangiza nzaguha akandi. Ujye usa ufate cyangwa usane ikintu wijyanire. Ikilo cy'isukali nacyo reka nkiguhe (aragenda n'aho babika aramuzanira) Ndetse amuzanira n'igikombe ya marigarine azajya akoresha alya umugati- Iki gikombe kimara iki? Kugira ngo ubyumve neza reka nze nkwereke (atumiza umugati, icyuma n'icyuyi. Ni mu ma saa ine ku cyumweru! Abitumiza asobanura n'impamvu y'ibyo atali isaha yo kulya. Birahageze afata icyuma mu ntoki, Ntureba? Ndaruzi- Akeba umugati amwereka ako akuyeho) Ngirango urarusi Ndareba- Akeba n'akandi afuggura igikombe buli gace agasigaho ayo mavuta asiga ku ruhande rumwe arabyomekeranya, dore tubaye kamwe (aramuhereza) Lya dore n'icyayi (aralya) Mbega uko tulyoshye!

-Wabifashe rero ikorere utundi (arabishobora) -Oh! Uwakwigisha yakwigisha nkawe." Afata utwe aragenda. Ababwira ko yungutse inyigisho. Nimugoroba atumiza ifu arashigisha atereramo isukali. Agira ishyushyu afata umugati yali kusalya ejo arawukebagura abakorera utwo tuntu. Baralya bumva tubalyoheye. Balya n'ibindi. Beyatrisa :"Bazungu batazaniy byinshi -Sebuto: nanjye ntyo -Halya uyu ntiwal'umunsi wa kalindwa nyuma y'aho mbyaliye? (alikilisa) Ubu tuba duca urureli -Neza da iyo utaza kubyalira ku bitaro kuko bulya barugenya- Sipesiyoza mugazengo urureli? Sebuto: kakandi gatendera ku mukondo w'umwana mmaze kuvuka -Nuko mugafata icyuma cyangwa umwembe xxxxxxxx mukibagira umwana -Beyatrisa: mu banyarwanda dukoresha igikenyeli. Nacyo ntakizi se kandi? -Mukudakoresha ikindi kintu? Beyatrisa: nk'ikihe cyarusha igikenyeli isuku no gutyara. Uzaba ubisobanukirwa nubyara (abwira Sebuto) Nyamara ejo umwana yali kusitwa -Nubundi (babiganiraho bisiganira amazina ntibagira i cyo bemeza, bajya kulyama ) Mu gitondo umugabo akibyuka, ati: "Umwana ni AYURUGO -Sipesiyoza arahatana, ati: jye nali kumwita Serukundo -Beyatrisa ati: Nuko shenge. Nibwo bwal'ubulyo bwo kulilimba icyo ukunda. Ntibapfa kwita! Umwana ni Ayurugo. Napfaga kwivugira." Iminsi ikulikiyeho iba myiza uretse abantu nka Sipesiyoza bapfa kubona uwitwa umuhungu bagasamara batanibajije imyaka n'icyubahiro aba afite. Yarakugendeye ati: nta kindi ndifuza kuganira n'umuzungu! Aramwegera amubwira ibya he n'ibyahe. Undi aramuhima aramureka aligendera. Sipesiyoza asigara wenyine, aza gutaha. Umuzungu mu mataha asanga Beyatrisa ntarataha aramubwira, ati: "Akajagali k'umukobwa wawe ko guhura nawe akambwira ibiterekeranye byerekeye gusambana singashaka. Ntugire ngo mbivuze ndakaye, ahubwo aliwe nibwilira ubwe mfite no kumureba byonyine akiruka. Ugende umwihererane ubimubwire. Uramenye Sebuto ntazabyumva (aligendera)" Beyatrisa intege zirarabarara, yumva ararakaye ku bulyo nta kilyo cyamugera mu kanywa ngo yumve kitarura. Agwa mu kayubi ashaka gusanga Sipesiyoza aho ali ngo amusakize. Aliyumanganya. Umuntu w'inkumi upfa kwishora ku ubatunze, akamusalira bigeze haliya! Beyatrisa aza gutaha agambiliye murumuna we. Agira n'Immana ntiyahasanga umugabo. Aramubwira, ati: "Ibintu wabwiye umuzungu ni ibiki? (yoroshya ijwi) Niko ye, rwose ugende muk ...Yemwe -Ni ibiki ko ntabyo nzi? -Oya ingeso yawe irakabije! Wishije amarenga amara amanonko. Niba hali agatima waba warasigaranye wamenye ibyalibyo. Jye ndakwinginze ntuzabyongere utazansenyera." Undi yahise abyibuka arabyihana.

Hashize amezi icyenda imfura ivutse Beyatrisa yumva yongeye kumera ukundi; imbavu zirakenyagulika, mu nda biracika, ikirungulira kiramwulira. Arasambagulika birayoberana bakibwira ko ashobora kuba al'umuzimu. Umuzungu amenye uko Beyatrisa amerewe, ati: wenda yaba yarongeye gusama. Na nyil'ukulibwa akavuga ko yumva ikintu cyinyagambura munda. Koko bamujyanye kumupimisha anabyalirayo. Sebuto atangazwa n'iby'Immana ikora. Yifuzaga kubona akana none babyaye uwa kabili yumva nta gihindutse bimeze nka mbere.

Basigara bibasa uko ako kana k'ikinyamabi basakareranywa n'uwa mbere. Beyatrisa we akivugira, ati: kapfaga kuvuka ibindi byose n i impuha. Basanga kubarera bikomeye, bemeza ko guhera ejo Sipesiyoza asareba ukuntu yasajya ababisikanya twose: mugihe umwe alyamye wenda undi abe akangutse, ukangutse yonke umupira arangise undi akangutse, ukangutse yonke undi yongeye gusinsira bityo bityo. Na byo biraeyakomeye. Beyatrisa, ati: "Ko uwa mbere ali wowe wamwise, jye waretse nkiyitira agakobwa? -Sebuto, ati: igihe cyatakaye ntikiba kikigarutse. Ntamugore wita umwana n'iyo ashatse kwita yita imfura, kandi na bwo ntilikunde guhama. Ubundi wamuhaga ilihe?- -Nyirakilili -Ko ntigeze ndyumva ra! Wenda usi impamvu yalyo -Ni uko lisaba likubiyemo ukumererwa nabi kw'umubyeyi cyane cyane kxxxxx kuva yajya ku bise kugeza iyo umwana arebye iby'isi bwa mbere -Erega n'ubundi kuguma mu bya kera nturebe ibyo ushobora kwakira byo mu mahanga ni bibi! Twabigumana yego, aliko ibidafashe tukabifasha hasi. Jye Sebuto ku bwanjye, ku bwo kuguha agaciro iwanjye nkwemereye ko kuva ubu umwana ali Nyirakilili, izina Nkubiyemo ibyo wahuye na byo mu bugingo bwawe bushya bwo kuba umugore. (bakoma amashyi) aragafata aragasomagura) Ni uko da. Naho ubundi abagabo mujya mutulyamira twe abagore ku tuntu hafi twose: mama ntitusita, ntitusalya inyama izi n'izi, ntigitungwa iki n'iki.. numvise ngo hali n'aho batalya inkoko ngo ni igisiga kandi abagabo bakasilya! "Sipesiyoza: wahora ni iki! Ndibaza n'igituma tutajya tutera umupira ngo duhulire aha n'aha n'abandi bakobwa b'ahandi nk'uko abasore bajya babigensa, mbese byaeangamo ntiduhure n'abandi bakobwa gusa tukaba twahura n'abahungu. Ni ushyano -Beyatrisa: ibyo ni ibyanyu twe turavuga ibyerekeranye bishishikaje, binababaje -Sipesiyoza: nyamara nabyo birahangayika. Usi kumenya gutera agashoti ukabura uwo mukinana umupira cyangwa ukabura uko wamenywa ko usi gutera di!"" Bukeye umusungu abona ko kurera abo bana byasabarushya bajyana ako k'agakobwa mase umusungukasi arakirera ubwe kandi hal'ubarerema abana, agafata ahali kurusha uko afata abamuvuye mu mara. Sebuto arangije umwaka n'amesi alindwi arongoye. Aho i Burundi barahishima barahakomerera Beyatrisa abona asa n'ugiye kusateta. Yibaza ku by'isi bigenda bisenguruka asanga bidashoboka kusahora anesereve ndavuga ashyamye nka kuliya asigaye arushywa n'ibyara gusa. Agishyingirwa bali bakise, aliko uko byaje kubiranduka limwe barakocera yarabisilikanye. Umusungu aracisha mo akamamuha amafaranga ya kujya guhaha ibyo baba bifusa adashobora kubabonera akayabaha atitangiliye itama atayakuye mu yo yali kusabahemba. Yanga kwirengagisa icyigese kumukisa abwira umugabo ko ashaka isuka yo guhinga. Ntiyali amabeshye. Yali kuba abyiyibukije ngo hato bitasamucika, ikindi kandi icyerekeye ikilibwa icyo ngicyo kigira amafaranga. Ayo ngayo akasaba inyongera y'ayo basatabarukana. Aliko umugabo, ati: "Umva kandi nimunyumvire; Guhinga koko ntubeshya. Agakecuru kahase gakina n'imyenge y'insu. Ukennye iki ra?

(undi amubwira ko ali ntacyo gusa amusobanulira impamvu) Niba byaligue kugukiza noneho genda kina hilya utetere hilya kure ntabyo ubabaye. Ayo gutahukana ntazabura." Birababaje kubona umuntu avuga ikintu kidafuditse gusa akibwira udashaka kumwumva. Ntamwumve gusa akabwejagura ahunununura ibiraha bye ngo ni amagambo. Nyabuneka iyo abonye uwa kabili bumvana, bakoshya uwa gatatu ndetse bagakubitaho n'uwa kane! Bajya aho maze bagacongezana: bagakora bimwe bakagira indore imwe mbese bagahaka kimwe kandi byose mu mafùti. Umwe yaba agize, ati: dukore kiliya. Kuva ubwo abandi bakamuyoboka ngo ni cyo kigomba gukorwa nta kindi cyaoboneka. Bàliyizi bali aho barasutamye, barumvira uko balilimbwa n'uko bavugwa hafi no kwandikirarwa urwandiko rusomwa n'uwaliwe wese bati: turakize kuko dusingizwa. Uyu mugore avugishiʄje ukuli, aliko ngo kubera al'umugore nyine ngo nta jambo lye. Bimuyobeye afata ku mafaranga ahawe n'umuzungu yal'ayo guhahisha. Umva yemwe imilima ntiyali ibuze gusa ikabura gikamwa. Umuzungu yafasheho igice kimwe agihingamo za mboga zatosheje Beyatrisha n'ubu akaba ~~yafasheho igice kimwe~~ agifite uburenganzira bwo gukomeza gusarura. Imana yo ntifasha uwifashije! None arashaka gushyiraho ake ngo reka. Arakugendera noneho amaze kuyabona ahura n'agakecuru uli n'agafuni ni mu ntoki, ati: "Mbe uraho mukecu? (S'ukuganya karbiea!) Nd'aho s'iki mwana wanjye! Ubu se ngugune iyi funi mwana wa mama. Oh! mbure n'akunyu mu nzu!" Umvako abakecuru batajya bumva! Kamubwira ko gashaka mirongo ibili undi amuheresa mirongo itatu. Kamara aho ngaho amasaha yaba atatu kakiyabika. Beyatrisa agura n'umuhini arakwikira. Mu gitondo abwira umugabo ko agiye guhinga, ko azajya abibisikanya no gukorera ifaranga. Abigenza uko maze areza dore ko nk'igishyimbo cyaho ukirandura ukoresheje amaboko yombi! Ntiyavunitse amera nk'aho yabitoraguye. Yeza n'imboga kandi amafaranga n'igitangaza ntibyanatuma umuzungu akoma ize. Ibyabo byose biragulishwa. Barakomera ku bulyo abantu noneho bagize iwe isoko ly'ibilibwa. Bukeye Beyatrisa arongera, ati: "Nta milima tugira. None uko twohereraje data bukwe amafaranga, tumuhe n'asagura imilima. Ayitugulire kandi nijye uzabamza kuwugura ahubwo. Ayo maze kubona si makeya; nawe uzi icyo akebo k'udushyimbo kagura (bakabigira)" Sipesiyoza aza kubaza icyatumye batamdikisha abana. Sebuto ati: "Tuzashyira mu ndanga-muntu tugeze i Rwanda. Ko tutazibagirwa se (alivugisha) Reka ndebe: narongoye mu w'igihumbi magana cyenda mirongo itanu na kalindwi mu kwa kabili. Dutinda kubona Ayurugo hashira amezi icumi: Tumubona mu w'ibyo bihumbi na magana hamwe na mirongo aliko mu n'umunani mu kwa mbere ku cyumweru. Mu kwa cumi muli mirongo itanu n'umunani tugira n'agakobwa." Ayurugo arahagurukira ku kibando. Nyirakililili arakambakamba.

Kera kabaye Biyatrisa azubiza ingobyi i mugongo Abyara akandi gakobwa mu kwa kalindwi muli mirongo itandatu na limwe Nyirakililili aba akanyabwenge cyane.

Umuzungukazi wagakunze akikabona (kulya atakibyara) akigisha kubara. Limwe bagaha ikijumba kàrakireba bagirango karagaye, kaza kuvuga gati: ko nabonye mujya kubiteka mwakuyeho inkondo nkaba nongeye kuzibonaho? Bifata impungenge Sebuto yiha gusubiza, ati: Ni uko uba waguye ku ako batakuyeho izo nkondo. Kati: nali ngiye gupfa kulya ngo aha zavuyeho (gaca imitwe yombi gatamira igice cyo hagati) Beyatrisa zgzxzk yita zzyz cyane kubana be. Yali kubigira ate? Yali kugenza ate? Yali gukora iki kindi ko Sipesiyoza yali yaramunaniye? Ni koko yanze gukomeza guhana uwashyize agati mu lyinyo nga hato bizatume abali bakibyiruka bali bacyifuza ubuzere bagwamo, babûra kirengera. N'ubundi nta gukulikirana uwabuze ifato nk'umwana wahiye mu maha, kandi iyanze guhonorwa iratereranywa. Baba bamusigiye abana nk'uko, ati: "Ibyana narabireze none bimaze gusoreka no gukumika ahasigaye nibyiga kurera bijye birera ababyo. Nkuko inka zigisha umuntu ntagishe agasuhuka, umuntu wese agira icyo akora abona kiruta ibindi alicyo mvuga, n'ubulyo bwo kugikora. Uwasuhukira i Burundi afite impamba, atalya yayitegeza abagilya bakiyanjirwa." Buliya rero igitangaza ni uko atabibonamo icyaha. Ubwo wenda akumva kimeze ukundi kundi, ati: ibimeze bitya ntibyaba icyaha barabeshya. Akana kakivuka karwara iseru. Kaba gahagaze nk'aha kakitumank'iliya. Amaraso arakundwa! Sipesiyoza yibagirwa ibindi bindi byo ku ruhande ajyana na Beyatrisa binjira ibitaro. Umuzungu ashaka kulinda Sebuto inkono akajya amuha ibyo alya n'ibyo kugemura. Atangiye kworoherwa hashize amezi atatu batali banamwita!! Kuva ubwo afata ily'Uzarama. Ni umukobwa! Bamukura ku lya Buhinja bamwitaga. Bavuye mu bitaro bakomeza imilimo.

Inzu yabo bali barayitatse barayinogereza. Baratangira ndetse bifotoresha ku buntu umuzungu abibagiramo: aya Sebuto n'umugore bali kumwe, bali n'umuzungu, buli mwana ukwe, bali hamwe, bali n'ababyeyi babo, Sipesiyoza wenyine, ali na mukuru we na muramu we, abo mu rugo bose, buli mwana w'umuzungu ukwe... ashyika mirongo ingahe..

Mukobwa urashakwa, ingeso mbi zakuganza zikaguhindamura zikakorosa. Ubwo nyamara urebe abawe bakuliho n'ijisho. Niba bagize Imana bakakwiyegereza ukanga ukibera mu byawe. Niba ukeka ko inama bakugira basa abandi.

Wo$_w$e mukobwa wiyemeje ukaba umugore, ntuzakine n'urugo urugaragura urukoza hilya no hino boshye udibura imboga. Mu gihe washyingiwe wajya ku mukire cyangwa ku mukene menya ko aba al'urugo nyine. Ayurugo ni umwana w'umunyarwanda. Shikama nijoro urote ku manywa utekereze ukora icyazamura urugo rwawe. Ni ihulizo ly'imiruho. N'urwa Sebuto rwali rwo.

## 2. UGUTABARUKA.

Baba aho biratinda, bumva baharaye Rwanda. Sebuto abwira umugore, ati: "Jye ndabona noneho nzakira -Nave udashinyagura! Jye rwose kubeshya ni kubi ndumva igihunga cy'ubukene kitazamvamo -(amuhamilize) N'abandi ga ni uko! S'amihanganire bigilira. Iyo nsubiye inyuma nkareba igihe ngesezo n'urwanjye uko byangendekeye, numva intege zirambaraye ngashaka kugwa. Nyamara ndakomeza nizera ubusima mbona butagishobotse aliko mbigezaho. Ubundi wowe uvuga, ubu ndoherezа urwandiko ku byerekeye insu yanjye. Wenda yaraguye irasakambuka cyangwa irasakamburwa. Nimenya ko byagenze kuliya mbabwire bandebere aho nzaba nicaye mubaka indi. Ibyatsi ntibizapfa bimsabiye hejuru ngo birandinda imvura n'izuba, kandi batuguliye imilima n'imigende y'ibijumba. Igituma rero icyo gihunga cyakugamyemo ni iki? Nta mwenda tuzakenera cyane, tuzaba twayijyanye. Ndu umusore natagagusaga amafaranga nyapfusha ubusa nsengerera abandi ngo bamenye ko ndi umugabo, ntunze. None narakuze mera ubwanwa nanga ubwana ibyo mbifasha hasi nsigara nywaniye no kuzigama. Umuntu asigaye akura ifaranga limwe mu yo ntunze nkumva ndashengutse; Iwanjye bisigaye lifite akamaro; warubura mu musoro bakawukira? -Reka da! Shwi. Nta n'ubwo wabibakoza -None se. Dukomere rero -Inama ni iyo. Wowe wagajugunyira inyoni amaherezo akazaba ayahe." Bukeye Sebuto aratibaguza no ku musungu. Aramubwira ati: "Nk koko watubereye imfura, utubera umubyeyi ndetse ushaka kutwegera cyane utubera umwandimwe kwa data na mama uradupfumbata uradukomeza. Tugarura agashyuhe usuburuka imilima yacu amaraso aratembera tulisumbura. None mwandi muvandimwe tukitan nk'uko nabivuze, turegeranye nitwitse amajwi tuvugane: amezi arashize n'imyaka irahise, ndabona amtalike yihuta ndabona nazaruhira gusagira ino; nsubiye i Rwanda -Muvandimwe, kora ikikujemo. Umva sinakubusa gutahuka ntiwali kuzansazira iruhande. Aliko rwose jye mbabajwe na madamu wawe uliya. Dore rero arambabaje, wo ukomeza kubusa amajyo n'amaamavo umukoza hilya no hino. Yihingiragá akeza ukaba wali ufite kuba umuretse akabanza akijuta n'ibyo. Jye rero nkugiliye inama, simbona ko hali icyo waba warabonye cyazagufasha ugezeyo. Ahhaa! nzaba mbalirwa ibyanyu nimuba mwagiuze ilyo musagura mukanyandikira. Niba ubugingo bwawe bugutegetse gusubirayo, cyo bushyire igofora maze ugende. Nongeye kukubwira ko ufite kubugaranzura uko bushaka, ko cyane cyane mbabajwe n'uko ubwawe bukururana n'ubwa Beyatrisa, we avuga nkaba nkubiyemo n'abandi bose basigaye. (arabyigurutsa) Ni byo rero. e... nyine nzasubirayo mu kwa kangahe (reka ndebe) mu kwa mbere muli mirongo sitaha alizo itandatu na kabili. Nshigaje uku kwa cumi n'abili gusa -Italiki se shenge? Amataliki sinyishingaye Icyakora ngusezeranyije kuzabigufashamo (arashima)" Aho Sebuto ageraye i muhira abwira uw'iwe, ati: "Aka kazi kaciraga menshi nuko kansha-

jishije imburagihe -Nyamara abandi barabuze -Aliko ji byo. Nateguje umuzungu mubwira ko tugiye n'umunsi bizaberaho -Byali ngombwa." Ahasigaye balitegura. Badodesha imyenda ntakwilirwa ndBdora amabara n'imideli. Basezera ku baturanyi. Barababara cyane kuko babuze isoko lyabo lyapfaga guhenduka bumva bagiye kumera nk'amashyiga havuyemo limwe. Sipesiyoza ashinyaguliwe Beyatrish amubwiye ko moneho akwe uruhusa rwo kugana aho ashaka. Yumva yamushinga amenyo ashaka no kubatoroka ngo asisigalireyo. Aliruka ajya kubasezeraho aza mu kabwibwi. Inda ibyara Mwamu na Muhima babivuze ukuli. Ntibâruhije banamutonganyiliza igitumye aje nijoro dore ko ali nk'utusi tugwa ku butaka bwumagaye, al'ukuyata nk'âmvura igwa mu ishyamba. Ni byo koko. Sebuto yajya yashira impumu. Yarushye ashaka akazi arakabona arakisubiliza, none ngo araharurutswe. Ntakinamenya ko haba hali abakikifuza!

Kli shyushyu lirengeje urugero sinamenya ibyalyo. Bamaze iminsi ibili basezereye akazi, aliko umuzungu aranga arayandika. Batangiye gukora mu kwa cumi kw'imwe mirongo itanu na kalindwi basererera mu kwa cumi n'abili kw'uwa mirongo itandutu na limwe. Ntamvune yali ikalimo ahali ni cyo cyatumye urugimbu rubarenga bashaka gutaha. Iyo turebye iyo myaka y'akazi kazana ijana ly'amarundi ku munsi nta nzu bakodesha nta kilibwa kibavuna wasanga ali menshi cyane, aliko sinacyo cyababuza gukomeza gukora kuko nta uzi ukazabs haliho ejo ku mugani wa Beyatrisa. N'ájo myaka yose siko bagiye bakora: bicagamo iminsi umubyeyi yagiye ku bise kugeza ubwo abyara, barwajije. Havagamo n'ibyumveru ra! Ubwo bufaranga rero burabahhuka bat bati: Have! Nta ngiye kuzamazira ino. Ilyo joro barara bataramye. Bataramira ku kabyeri ndetse na wisiki ntiyabotse igitutu, baralya ibyo byose basezererwa. Sebuto aza kuvuga ati: twaganiliye bihhimishije aliko se ntacyo twaba twibagiwe? -Beyatrisa: icyo twaba tutavuzeho se? Oya Nk'ikintu cyaba cyazatakara ino (Bacececka umwanya, Sipesiyoza aratangara: mbega! -Sebuto: urakibonye? Ndakibonye se ni n'ayo kugarurwa! Nwali mwaravuze ko muzandikira Sogokuru mumubaza...ko.. Beyatrisa! E!. Ko inzu itarasaza ngo babe - Sebuto: batwubakira iyo tuzaruhukiramo? Yego Yoo! (ajya mu gutwi kwa mugabo we) Iyihuse yabyaye ibihumye -aramukangara) Noshi mva mu matwi (ntibyamara umwanya watuma abandi bakeka ko haba hal'icyo baganiliye gishishikaje Umuzungu: Reka! Iby ntacyo. Ni abavandimwe kandi ngirango baratekeresa. Beyatrisa yahavuze ukuli. Uko kwibagirwa twerekana ko basa n'abahalili-we n'intozi. Huti huti ntabwo yigera ibura icyo isiga. Abana bilyamira kare. Ibiganiro na byo biza gukama mbere y'ibilibwa n'ibinyobwa, bajya kuruhuka. Balyamira amajanja bategereje umuseke. Ukebye bakura abana mu bitotsi, uwo bakozeho wese annyabira. Bose baralimba cyane; Sipesiyoza ntabura kubalira mu bandi bana aba undi wundi, abaza, n'abandi bose birabahindura.

Umuntu n'agatwaro umuntu n'agatwaro bashyira mu mmmwkm kimodoka kimini cyali aho. Ibitanda n'amagodora, intebe n'ameza, amasahane n'amasafuliya batijwe n'umuzungu bagiye kubisiga nyil'ugutiza, ati: " "Ntimugire icyo musiga." Beyatrisha n'abana bajya imbere, Sebuto na Sipesiyoza inyuma hamwe na Wandiboyi. Halya hino ukumva: za murabeho za yego murabeho) murabeho namwe, mube amahoro, mubane amahoro, mugende amahoro, musigarane andi.. Ka Nyirakililili karababara imodoka barayatsa kagenda karakaye ko katavuga. Abasigaye barababara, abagiye kandi bagenda hafi bose banezerewe. Imodoka ntiyihutaga) bituma bagera i Nyanza mu ma saa sita. Soferi ajya kunga izo mvune. Abandi baruruka ngo babone ubummrura amaguru. Bababazwa kandi n'uko batabonye uko bajya kwa Birenge, Se wabo wa Sebuto nk'uko byali byavuswe. Aho ubwana bwinshi bw'ubunyamugi burabakikiza. Sinzi ukuntu Sebuto yarangaguje amaso abona Mbarubukeye, karumuna ke. Ko kali kamuyobewe. Nta mugayo; Sebuto yali yambaye bya kijyambere kurusha mbere akili mu Rwanda, asigaye afite abana mbere ntabo yal'afite. Guhera ubwo kagira ngo ni umutegetsi mukuru ndetse agiye kukaramutsa abandi baliruka ko kagenza umugongo kamwitegereza. Kamumenye kaliruhutsa, karmmuhokomezaźá karamugundira. Bararekurana kati: "Umugore wamusize? (amutungira urutoki) Singuliya (Beyatrisa yali yegamiye ikisuru cy'imodoka bimunyura mu matwi arebayo) uwo ni wa muganji wanjye? Sebuto: urabona yaba uwa nde wundi? ( bararamukanya) Amashyo, amashongore -Jya kuramutsa n'abana bawe se -Nako reka nkujyane (barahageze) Mbarubukeye aheraza ka Nyirakiliki umukono: uraho mwa (kalipfumbata kazunguza ibitugu) Beyatrisa: ngaho se suhuza undi -Kararangurura: Ni igiki cya wa muzungu ra? Aragakomakoma, ati: vuga buhoro, akurura ukuboko ashaka kuguhereza undi) Nbisa -Ntuzi ko ali murumuna wa wa muzungu? -Kavuga buhoro: ko yampaye utwenda uyu we azampa iki? Ntuzi ko uyu ali we ugiye kuzadukiza? Umuzungu yarahetuye ni uyu xxxx uramukiwe (kamuhereza umukono kishimye agarukira Sebuto) Urugendo rwabaye ruhire? Cyane. Wagenjejwe n'iki ino? Bali bantumye umunyu, ibitunguru n'amamabune (amuca mu ijambo) Gira ugende ndumvise ubu baraguheneye. Mube mwaguze myinshi." Karatibaguza karagura karagenda. Kageze imuhira karabibakoza. Bigira inama yo kujya kwikorera ibintu. Babwira n'abandi uwo batabonye, uwo babonye nako. Baragenda na yo. Nyamara imodoka yali kubigeza haruguru y'urugo. Baramutsa abandi. Sebuto abona baje hafi bose ẃẃẃ urrtse Kabibi n'umugore. Ati: "Erega mwese muli hano! Ndabana ba Butitaweho niba bagishyenga nka mbere sinzi (Ntabyumvise! Akunguta agatoki azunguza umutwe) Eh! Sebuto aramurogoya! have udataganyiliza imisaya yacu hano mu mugi (ni abaturage bawe babonye ukize muli bo uwo bita ngo ni umuzungu; uwali we wese arashaka kumubwira utwe abandi bagaseka n'ibidashekeje balyoshya akalimi.

Sebuto abagulira akabindi k'urwagwa, Mbashimiye ubwo bumwe none rero mwivunwa n'imizigo imodoka irabigezayo. Butitaweho: hoshi vayo uze udukorere. Nimuze dushyire igatwaro dutware duture i muhira. Mwabaye mute? (ajya mu modoka yulira asubira hasi yulira asubira inyuma. Aza kugeramo akubitana n'igisanduka) Agiye kugiterura ati: yapapapapa! nta ugiye kuhuhuka. Nimuseke imodoka yo igifite agatiligon ngo ibyikorere. Bose ntibabura guseka. Ahubukamo agenda aniha yikandakknda hose, akorora asemeka asanga abandi aliko yágilisha. Nawe wakabona kikoza hilya no hino ukumva ibitwenge ni byose. Ubwo unumva utyo iyo sanduku iranaremereye!" Sebuto: mwemeje iki? -Kati: aliko ntucyumva! Turabyikorera (yivugisha buhoro) Mupfe kutanyegeka kiliya gikenya (Baraseka) Maze, Soferi yagiye kwigorora n'imvune noze ngo muramutegereje. Muzi arahaga lyali? (Bajyamo bigabagabanya imitwaro ya sanduku barayitinya. Habiyakare mwene Bibutsuhoze kaliya i.....ayigwaho. Ateruye asanga atiremereye. Aratangara araceceka. Bafata inzira. Ni nziza ntivunanye; amuhanda bagera hilya bakamanuka. Sebuto asanga Soferi amubwira uko bimeze kugenda, amusezeraho mu izina ly'abe bose. Badumye gato ka Nyirakilili gakandagira ibyondo) Yebaba we! Sinzi ibyo nkandagiye ma. Ma? -Ye -Yuuu! Nyorohera nze ndebe (Gakozaho intoki, gashyira ku zuru hafi no kubisesekamo) Ahwá! S'ukuntu binuka (Beyatrisa : aho si wowe unuka? Sebuto aba yamwumvise nk'ejo, nuka ali wowe ntukambwi-lire umwana ngo aranuka -Ahaa! -Ahaa se ki! Yananuka ni we baseka cyangwa ni wowe bakwena (abandi babonye baruha baratura) -Keretse uvuze ko yatabaje sinamwumva bwangu (ikiganiro gitangaza abandi) -Butitaweho aheresa Beyatrisa umukono; kora aha ndakwemeye. Awuheresa na Sebuto: shyikira wowe akora hafi witeguye kugorora ibyagoranye -Sebuto awuhereza Beyatrisa: kora aha mwa. Zikoremo usubiza umuntu kuli gahunda imwe y'iyicyo yakubajije (azikoranamo umutima mwiza. Ahanagura ibirenge bipfutse by'ako kana arangije arakongorera, ati: "aho ntiwali usinziliye ukangukira aho bambeshyeye bantuka ngo nagututse? "Oya ma! Ibyabanje n'ibyakulikiyeho nabyumvise -Cyangwa se sinabonye bagukora mu ntoki bakwitwaraho kuko bakubeshyeye -Ni uko rero uramenye ntihazagire undenganya wumva -Yego ma. Nanjye aliko ntibazandenganye wumva -Yee!" Birangiye ahamagaza isindi nkweto n'amasogisá. Arabimwambika. Abali batuye basubiza ku mutwe, Sipesiyoza tugende. Aliko ko mperuka hali hafi, none tukaba tugenze amasaha xxxx-menshi, mwaratwímuye cyangwa- Butitaweho: ni uko twabize mu nzira. N'aho ubundi (amutungira urutoki) singahaliya aho mujya. Haracyali ku Gakenyeli. Inzu yaranaguye aliko haracyali no mu mukibanza kimwe -Beyatrisa: aliko aho turagerayo? -Butitaweho aramwumva yumva akajinya karaje: turagerayo lyali nta rusoni (yanga kuvuga ko atanikoreye ngo hatagira igikekwa) Ntibabeshye umugore ntaho ataniye n'umwana. Ibintu tumaze kuganiraho nibyo ubajije! -Sebuto: wahora ni iki- Beyatrisa: nta mugayo ndi umwe nimunyivugane- Butitaweho: nta ubura icyo yereguza.

Nkubwiye ko n'iyo mwaba bangahe bagashyira ibitekerezo byanyu haliya bitashyika iby'umwana w'umuhungu. Cyangwa abakobwa bo s'uko. Ngaho fatanya na Sipesiyoza murebe ko hal'icyo mugeraho. Cyajya ye! -Habiyakare kuva kare akonje nk'uwanyagiwe abura izuba n'umuliro, wanumye kuva kare, ati: hali n'uwavuze ngo nta mshyti y'umugore n'umupolisi -Butitaweho yikoza mu kirere: erega daweya urankanze. Sinal Sinali nkibuka ko tuli kumwe -Beyatrisa: umva ko umugore ali nk'umwana nako noneho ngo si n'umwana ubonetse wese ngo ni umwana w'umukobwa. Uliya we ntimumwita umugabo (Kuva ubwo Habiyakare aramanjirwa ntiyasubira kugira icyo atekereza cyo kuvuga." Aha rero, sinzi impamvu. Umugore arahinyulika cyane ugasanga hilya hino bamusebya. Ngo ni ikija, i,simuzi, Ntabwenge... boshye nta mugabo ushobora kuba insimuzi n'ibindi nk'ibyo. Ugasanga umusore iwabo, ali aho ni ikinyamwanda. Ntamesa utwambaro hafi no kutihumura abadutse aho nawe yita ngo ni "ubulili. " Hehe? Hasi ku butkaka atagira ati: reka mfate umuhoro nteme isaso nyinshi- Cyangwa se: umushyitsi waza aha namugira nte. Yayimucira atayiciliye? Aliko yaba abonye umugore ugasanga ni we wa mbere kumutoza isuku hafi no kumubwira gukora ibidashobotse, ugasanga arahinda kurusha ya nkono y'amateke cyangwa ya nkuba yishe uwavugiye umugore we ~~xxxxxxxxxxx~~ ataliko abibona. Ikindi rero, bamwe bendera ku cyo Immana yavuze ivuma ubwoko "muntu" igira icyo abwira buli gitsina. Yavuze ngo "Nta mugore uteze kusategeka umugabo." None ngo "Ikintu cyashyizwe hasi n'Immana kiba kinagayitse." Gutegeka si ko kutazimura... Niba uli umwalimu ntiwavuga ngo "abanyeshuli banjye ndabategeka bameze gutya na gutya "u "ubavuga nabi ngo ni uko ubategeka. Ntaho byabaye. Banameze batyo ntiwabivuga kandi nizeye ko imbavu zombi zitaboze ko cyiza gishobora kubavugwaho. Umugabo nawe ni mukuru mu rugo rwe nta wundi umusumba aliko ntiyakorera umugore biliya umwalimu atakorera umunyeshuli we, we hejuru hauali abashobora kumukorera urwo yicishije abanyeshuli be.

Bageze ahamanuka ho baruzi inzu bagana ntibaba bakivuga cyane cyane abagiye kuba bene urugo. Butitaweho n'abandi bali kumwe imbere barakomeza baliganirira. Ati: "Aho bazabyihanganira ra? Aliko baradukunda. Twabanye kuva kera nawe kandi twasanze azi kubana n'abaturanyi turamwegera. Ndetse iyo adashakira urugo rwe abakunzi ntibaba baranabonye uko bagera i Burundi; nta mafaranga twali kumutwerera kandi n'aho yayigeraga, yal'asigaliye kuyakura tukahonona twibaza inzoga. Ndetse twali kumuvuga nabi hose ntabone n'aho yajya kuyaguza hilya y'ino. Aliko yarakunze arakundwa byose abigilira urugo rwe -Habiyakare: badukunda badukunda iki! -Butitaweho: ntiwakulikiye neza ibyo navuze wigira mu bitekerezo byawe bimwifulisa ikibi. Niba umwanga ukeka ko n'abandi ali uko? Byaravuzwe koko nta munoza wa rubanda- Genda data wowe uzanozwe -Ashyuu!! Ubwo se ubivugiye iki? Ntabwo yangabiye Imbibi ye yakundaga aha ndamamwitura uretse ko zapfuye zigashira abura ubwa kworora nanjya zirapfa mbura ubwa mwanshumbusha....

Shahu byibuze ntunamenya ko nkuze? Nta waneza mwebwe dore rore... dore rero. Ngo yaguhaye imbibi! Nise wayimpaye ubwo ni nk'aho ali we wayimpaye niba ali nabyo bikuniga." Umugabo Butitaweho aravuga ukuli. Ubwenge bwa Habiyakare se nabwo ntibushyika ubw'umwana yee! Ko yanze kumva ukuli nk'aho ali umwana! Na we se yabura ubwenge boghjo ni umugore.

Mugore. Uretse gukora icyasamura urugo rwawe uruganisha ubukungu cyangwa ikindi mbese uruhungisha ubukene, tekereza kandi ukore icyazanira urwo rugo umubano n'izindi ngo zindi zitiranye na rwo -kuko ijya kulisha ihera ku rugo -ndetse usunike hilya ubane na nyinshi. Numara gushyikira uwo mubano uzaba uzaniye amahoro urugo rwawe kandi uzaba ufite kusafashwa mu gihe uzaba uguye urugo rwawe rwabuze lisensi. Ibyo bizaruta kwangara ngo usange nijoro uratekereza uko wagilira bagenzi bawe nabi hafi gusahaka guhimba intwaro za rutura wazabamalisha, ngo hato numara kugwa inyo zizahagusange zikulireho zilinde zikurangiza wabuze gihembura. Bagaguturuka mu lihumye bagusonge ni wowe uzaba wabyiteye.

3. IJORO LYA MBERE.

Abikorezi nabo ubwabo bagikandagira mu rogo babura aho batura imitwaro, bibazamo barayihagararana. Sebuto ahageze arumirwa. Areba abo bantu bahagaze n'imitwaro yabo ku mitwe; agiye kubaza Butitaweho aba yeretse abandi agacaca abatungira urutoki. Baragenda baratura. Sebuto ashoka yumva ko nta amatuliro. Butitaweho akora kuli Sebuto bajya munsu, inzu wagira ngo ni Kabilili ku bw'isaka zayo zingana, ikaba na Mugongowatembo ku bw'ukuntu isakaye. Koko kandi bakigera mu cyumba cya mbere ku bw'urusika rw'imbere bakubitanye na rwo rukora ku nsika ebyili zirebana zili impande zabo, Sebuto ashaya mu mase; aho haturwa ibintu. Arabyirengagiza, ati: "Iki cyumba mwacyise ngo iki? Twakibatije icy'uruganiliro (banyura mu mulyango wo muli rwa rusika rw'imbere bahinguka mu kindi cyumba) Iki se cyo? Ni aho muzajya murambika imbavu zanjyu (hameze hate? Ibyoado, imigozi basanishaga amabango y'ibiti.... Icyo cyumba cyagarurwaga i bumoso n'urusika rulimo umwanya umeze nkaicyanzu) IKi iziak idilishya ko lili hasi cyane Butitawe? Gerageza data winjire (Barasesera. Amutungira urutoki ahamanitse amashara aliyo majangara undi ntiyahareba) -Hano hakaba he? Aho abana bazajya barambarara (Sebuto abarura buhoro) Inzu ifite ibyumba bitatu: icy'uruganiliro, bibili bilyamwamo, icy'abana n'icyacu") Habuze kimwe! Icyo gu (...) Icyo gucanwamo (Ibyo na byo! Aha se hakazamara iki? Bazahalyama banahacane! Wabimenye (arongera atera ijisho aho basesereye) Uliya ni umulyango rero! Neza da -Biravunanye -S'abana bazajya bahanyura? Uzareke gucana no kulyamana nabo wigumire iwawe. Cyangwa ubundi wagiraga ngo tuhagire hanini uzajye wicwa n'imyotsi." Bamara akanya batavuga, Sebuto akireba iyo ngoro, maze baza guhindura.

Biragaragara ko bali batararangiza kubaka. Nk'uko ushobora gusubiza nabi mu ishuli aliko bishyenga abanyeshuli bandi bagaseka atal'uko bakurusha gusa kuko bishekeje, na Sebuto byagombye kumubabaza yaravuye mu Burundi azi neza ko biezamutonda kandi ko ubusanzwe kuva aheza ujya ahabi bigomba kubabaza. Aha rero, ntiyali ababajwe n'uko atubakiwe ingero azi neza ko bidashoboka, gusa byali ngombwa kubabara. Ibyavuswe byali byatashye. No kuba babonye ahamese kuliya ni amahirwe ku bantu batateguje. yamaze kumera nabi barayisakambura, bagulisha ayo mabati ngo babone icyubaka iyo nzu. Uko kuza kwali kumaze kumenyekana hose, ndetse n'ababyeyi be. Kabibi na Mukarukaka bali biliwe bahinga i Nyamagana bali babimenye babwiwe na Mbarubukeye akandi gahungu kabo. Barabikojejwe ntibarushya baruhuka bashoka bajya kureba. Bararamukanya byimazeyo. Bulya nyina w'umuntu ni we wikutira kumenya ibusima bw'umwana we aho bugeze. Mukarukaka abuza Sebuto gutarabuka Kabibi we yigaramiye, amubaza uko byamugendekeye. Undi amubwira mu magambo make uko byagenze. Nyina, ati: mwana wanjye wasimbutse rwinshi ntusisazira. Abandi bagabo bali bageze aho ndetse n'abagore balimo Mukamihigo umugore wa Butitaweho. Ahata Beyatrisa ibibazo bigeze aho ati: Iyo ndege gusa! Igira neza yo yatugaruliye mwebwe -(Beyatrisa kubera ibitekerezo byinshi ntayabikulikirana) Twaje mu igendera hasi -Mwapfaga kutugera iruhande." Beyatrisa yali mu bibe bitekerezo? Yateraga ijisho mu nzu -nanjye ngo munzu; mu mulyango -akumva isoni ziramukora aliwe. Aratekereza, ati: " "Nashatse nshatse. Nta wabintoje narabyitekerereje, nanga kwandavura nshaka kubaka urwanjye. Icyo umugabo yemeje ahinga babili. Reka nihanganire ilijoro, ejo n'ejobundi nkore ngabanye ibyihanganirwa. Icyo urugo rusambyalira cyaba ikimasa cyangwa inyana nzayihanganira ngifate uko kije kandi ngishimire Immana." Imbere y'ibyago niko bigenda. Tuba abakristu tugasezeranya Immana ibintu byinshi cyane ngo turamutse tugeze ku cyifuzo dufite. Ikibi si ukubivuga utiharahara ngo ukore n'ibyo udakeka kuzagira icyo uvunguraho,,Gusa byibuze urebe aho wakigeza. Yali ahagaze rero abandi bicaye, ibyo bitekerezo bimunyuze mu mutwe biwugabamo ibice byinshi, hateramo indihaguzi agira isereli amera nk'urwaye igiculi, alicara asuhuza imitima ako ka kanya inzoga ituwe aho. Yali ivuye he? Kwa Butitaweho wali wavunuye. Nta wabashije kumenya uko Beyatrisa yali amerewe ndetse abenshi bali barangajwe n'iyo nzoga undi atigeze abonaho. Gusa bumvise yiruhutsa bamuhulizaho amaso. Mukamihigo ati: "Koubansa ikuli habi wakanyagwa we! (yumva koko arahumuliwe. Arangaguje amaso abona ikibindi giteretse aho. Yishimisha mu mugongo ngo batamenya ko atali yabimenye) -Ahubwo ndumva nandabara (Sipesiyoza wahisemo kwikinishiliza abana ahetse undi kimunyura mu gutwi) Si wowe gusa. Nanjye kandi ngirango ntibeshye ngo mbe nasiga abandi, ndumva urulimi rwasohotse -Mukamihigo, mbese ye? Buliya bwana bwose ni ubwa nde? Sebuto: ni ubwanjye -Yoo! Disi we! Oh! Uziko ntali nabimenye! Ubwo se iyo myaka yose wali uri ko nkibereye aho?

Mukarukaka: aho ntimwabonye ntabaramukije bose mugira ngo ndabanga? Sinali mbizi mwese kandi ntimwanambajije, impamvu yatumye ntaramutsa abuzukuru -Sebuto: ni abanjye rero (Abagore bali aho bose bavuza impundi baragenda baraburamutsa) Mukarukaka: wambwiye iby'inda yaruhije Beyatrisa ngirango mwabyaranye kamwe gusa. Gusaza birakanyagwa yee! Mbwira amazina yabwo se- Nta mwanya uhali rwose umbabalire muzajya muyabwirwa n'ukuntu muzumva tubahamagara. Dore imiheha yanagezemo nimusogongere. Jye na Butitaweho twarangije abandi sinzi ikindi mutegereje. Ngaho Habiyaka? (arasogongera bose barakurakuranwa) Bahambura umuzigo ulimo intebe nkeya bazanye balicara ntizanabakwira. Sebuto atumiza uducuma tubili: ak'abagore n'aka(abagabo. Ubwo Beyatrisa atanasogongeye ajyanirana n'utumwe. Agannye he? Yibajije aho bali burare nta aho gucumbika bagira al'icyo kirongozi cy'inzu imeze n'icyo bateshejwe n'urubura iyigeramo imbere ihura n'amase n'indi myanda yindi iracapira biba cepecepe ku madilihsya bamanikaho amashara bapfapfanyiliza ngo naho imvura itahaca imbere ikibaz nyinshi kibategereje. Amaze kubibona atyo ajya guca imyeyo. Ayirambika haruguru y'urugo ajya kwa Butitaweho atira igitiyo abahamiliza ko hali icyo gukoki azakimaza ejo. Yanga kubicisha ku irembo ngo batamucokoza, aca inyuma y'inzu yayura amashara abicishamo abona gusubiza iy'irembo. Abaye akihagera asanga bali mu mpaka z'ahao yaba yagiye. Bose bati: "Aho Butitaweho, ati: ntakibabwira! Ulya mugore sinzi utuntu alimo sinzi icyo atekereza -Beyatrisa arabansura: Oya! Butitawe? Oya wimbeshyera (arasoma) -Abagore turabazi wimpakanira. Jye ndabazi neza sawa sawa. Iyo afite umutima utekereza ku cyo agomba gukora, bihuba n'uko ali nk'umwana, ubwenge bwe bumeze nk'ubwouyu ntabone vuba ibisubizo by'ibibazo yibajije ugasanga ameze nk'ubabaye. Umugabo nawe atekereza byinshi aliko akaba yanabitekereza ali kumwe n'abandi. Ntibumubuza kubona ibisubizo vuba. Si nk'umwana rero cyangwa umugore: ugasanga ameze nk'aho atababaye (Beyatrisa abyumvira asoma asanga ntaho abeshywe avuga agenda)" Ageze mu nzu atangira akazi. Aratiyura, akajya abinyuza mu idilishya ananiwe abirunda aho, ayirambikaho igitiyo. Afata imyeyo arakubura ararangiza. yegutse ngo agenda asange abandi, ahubirana na Mukamihigo. Arabwirwa, ati: "Ba uretse wakire ibintu. Nsize mvuze ko njye kukureba naho niyiziye ku masezerane y'abana b'ino halimo abanjye aliko byose ali njye wagiennye. (ako kanya amashara ngo jagali jagali akomwe n'ikibindi cy'amazi kihageze) Reba! Ngaho akira (Baragitura;Haza n'inkwai isaso n'imice. Abana basubiza ku irembo biyicalira mu nzu. Beyatrisa arumirwa. Mukamihigo impuhwe ziramusaga aratiyura. Arangije akubura nezaneza. Asasa ubw'abana Beyatrisa ubwabo. Sebuto abonye bose bagenda bagahera, ati: "None yaba yarwaye?" Anyura mu cyumba cy'uruganiliro arangamije ukimusonga kubera ibyaga bagize kandi babyaranye nka gatatu no mu cyumba cy'abana. Akibabona ahuza na bo amaso ayoberwa icyo balimo, abura n'icyo yababwira araceceka.

Sinzi uko yarebye hasi abona ublili, inkwi n'amasi, imice yashamhwe. Yubuye amaso barayahuza. Sinabura kuvuga ko yumvise abakunze n'ubwo byaba kubara ko hali uwo yaba yifuza muli bo; yumvise abakunze rwose) Ni wowe wazanye ibyo nduzi byose Mukamihi? Ni jye (araseka aliko gahoro) (akora no mu za Beyatriqa) Erega ni ibyo! Ni ibyo nta bindi by'epfo na ruguru komereza aho ingeso ni iyo." Barasohoka. Byakomeye iyo umugabo ajya gushima nk'umukecuru. Umva ntavoma: ntasasa ntakubura ntatashya.... Sebuto amyura no ku bundi bulili arabubona ntiyakoma. Butitaweho akibakubita amaso, ati: "Baliya bagore babaye bate mwakajisha mwe! Nimuze mwagahura n'icumu musome nk'abandi. Bega aho ili s'ishyano! Ni aho kuzakubakurubana mu nzu muliya (yivugisha buhoro) Keretse niba mushaka amatebe! N'izihali nduzi zasaguye abantu mirongo ingahe ugabanyije kangahe." Barasoma. Ibyo byose yabivuze azi aho abo bagore bali bali. Tulibuka ko bajya mu nzu kureba uko biteretse Butitaweho yeretse undi ahamanitse amashara; ni ho hanyuze ibili mu nzu nk'uko twabibonye: byo Sebuto agitangalira, ayoberwa aho byaba byanyuze. Sebuto araterura avuga ijambo lya ilya gatatu niba tucyibuka: ilya mbere yali yalihawe na se akiva i Burundi, ilyakabili yalibwiye abaturage abahamiliza ko abiyomoroyeho agiye we n'umugore na Sipesiyoza mu Burundi; none sinzi icyo yatekereje: "Baturage bavandimwe ndi aha ntahali, mpali ku bw'umubili. Ndibuka ndi mu mahanga, ndonka nicubiliza ali nako ndundarunda, mbana n'abandi ntababanira nzilikaba mwebwe nifuza kongera kubabona ngo tuganire. Naje amahoro none ndi hano iruhande rw'ikiki kimuna cy'urwagwa ntuwe n'umuhire. Akica ubukwe ntikaba gato! Ndarusunika aliko ntirumanuka neza; ntitwicaye neza kandi ntihubatse turakonje. Ndabona byaba byiza ko tujya kurunywera kwa Data Kabibi, ho tuza kuvuna akagongo twese, tunugamye. Utabishoboye rero akabivuga, tukamushyilira mu kantu azanye akajya kurenza ku tujumba. Nta bisambo biba ino byibera mu mugi. Dushyire biliya bintu mu nzu." Ntiha boneka ushaka gusukirwa kuko babonaga ko byaba gutaigihe no kugondoza umuntu. Bakoma amashyi ahasigaye bagenza uko byavuzwe, ugeze mu nzu wese atangara. Habiyakare usa n'aho yatewe ikinya mu misaya baba aliwe bayikorera. Barashorerana baragenda. Mu nzira Sebuto abwira Butitaweho ko yifuza ingoga, amuha amafaranga n'abasore babili bajya kuzirangura mu mugi. Abandi barakomeza. Imuhira bahasanga Mbarubukeye. Barasuhuza arabikiliza. Ingoga bayica ibicuma, bateri intebe zose balicara. Sebuto arababwira ngo basukire Butitaweho ngo batagira icyo bakeka ali we w'ingenzi akaba adahali. Bati: "Ese ko hali n'abandi babuze? Umva ntibagiye iwabo kuko batagenda badasezeye. Abasubiza ko abo al'abanze ku mutererana mu nzira wenyine. Baremera, ahasigaye bakomeza imilimo. Abagiye baza bazanye inzoga ebyili! Nziza zilyoshye zitatemye ntizikare, zitabuze urubetezi cyangwa ngo ziewe n'ibibindi.

Nta kantu na gato zahuye nako ngo zibe zaba mbi. Bazinyuza mu gikali. Basanga abandi balicara bahabwa igicuma cyabo baragicigatira, baraturama balicecekera. Inzoga iza gushira ngo nta akagiyemo. Hashira imiño ta nk'ibili bicaliye aho. Butitaweho aza kuvuga, ati: "Erega bagabo turakomerewe! "yivugisha buhoro) Aliko si cyane na twe ntidukabye da! Mu nda haracyali agahenge ntizirashiramo: aho yashize ni mu kibindi no mu bicuma -Sebuto: uyu mugabo aravugisha ukuli. Ntitwashiliwe kuko mu nda zikilimo, ahubwo twagamye. Ndabahaye kubona ata n'uko mfite nagenza (abali aho hafi bose bumva barahijwe n'ubusa dore ko bulya ukize basa, nta kuntu ushobora gukundwa cyane cyane n'abaturage udafite ibyo ubaha. Umukire akundana n'undi aliko mu gihe wa wundi amaze kugwa, ya nshuti ye ikaba yamuha akenshi imwirataho ko igikize. Waba wifitiye icyo uha abaturage ukayobokwa kandi igisetsa wagwa bakaguha ilyinyo amagambo mabi yabo ukabura impago uyashyiramo, ugasuzugurwa cyane rwose ugayirwa icyaguteye gutagaguza ibintu byawe. Ba bene bakabikubwira badakinze. Ugasanga ayo magambo ntaho ahuje umujyo n'ayo bakubwiraga uli mu rugendo rwo kuzamuka. Abikoreye ibibindi ngo baruhijwe n'ubusa ndetse n'abasutse inzoga balya karungu! Bose baranuma) Nukarukaka: nyabusa Sebuto gira yewe gira ibyo ugira (undi yiruka ajya kumuzanira igishilira) Shyikira. Icyakora bimbabaliremo nali narangaye sinamenya ko ushaka k kunywa agatabi (agakecuru karakira kanywa itabi katabiramutse. Kagiraga ngo bazane inzoga. Bigenze kuliya kabura ukundi kabivuga) Karatumagura kavuga, kati: byose ni ukunywa ntacyo nkibabaye (abali aho barabifora baraseka) Habiyakare: agakecuru kavuze karangije nimuzane -Sebuto buhoro) Niba karangije noneho kavugire Henga ngire nduzi byakomeye ga (arahamagara) Butitawe? Ucishije amarenga amara amanonko (undi ashoka amenya ibyali byo aragenda. Zimbi barazizana bazitereka aho) Sebuto: izi ntoga ziva inda imwe Ibitoki~~bi~~ byazibyaye ni ibyo mu rutoki rumwe kandi uwazibibyaje ni umwe niba atera n'umwaku yawuziteye zombi. Numvise zaranahogewe nu muzinga basishira muli biliza bibindi byogejwe n'amazi amwe n'ibyatsi bimwe n'umuntu umwe. Ni zimwe rwose ku kara nà ku kanono. Buli muntu asome aho ashaka tuangize duseseraneho dutahe (Ibyishimo birabagarukira bakoma amashyi baraseka hafi no kubyina numva ngo ntibali bahaze) Butitaweho yivugira yisekesha: hali ujy'asoma muli mwe ra?

-Habiyakare ku muheha: wo... wowe udasomye se... waba- Sebuto: waba umaze iki! Nta kindi wasoma? -Oya, ndabona byaba byabatangaje. Naba nasomye cyane, aliko se no kumvigiraho -Nyaguheka wasomyeho ko nta wali wakubujije. Nwebwe rata bahdi musigaye jye sinishinze abavugira ku mutsi w'ilyinyo. Navugaga gusoma Bibiliya. Bavuga ibyigondoye imihoro ikazinga umunya. Ubundi hali aho bavuga ubukwe bw'i Kana. Rwose Sipesiyoza nawe ntujya usoma?

-Sinzoma cyane aliko buli cyumweru ndasomerwa -Hali ako utoramo?

-Utwo mfite ni two natoraguyemo kandi twaramfashije cyane-

Nshimye ko utabeshya. Muli make, dukulikije ibyo tumaze kumva no kubona aliko dukuyemo biliya bya Gitimujisho, dusanga tubishyize kuli bwa bukwe Mukarukaka yaba nyina wa Yesu Sebuto, twe tukaba abigishwa badasanzwe tuli ba bandi bitwa "Intumwa" n'ubwo turenze cumi na babili. Sinatinya no kuvuga ko Habiyakare yaba Yuda (Baraseka) Ni ko bimeze jye ntaka icyo nduzi cyangwa nabonye ndetse nashaka ngahimba icyanjye aliko buli gihe hali icyo nshaka kugeraho. Nanabahamiliza ko mwanga n'ikintu nzi aho kili burangilire Habiyakare: komeza -Nakomeje jye shahu ntacyo ubeshya (abwira abandi) Ntimwirebeye? Uretse kwihimbaza baranyegagiza. Ibyavuzwe byavuzwe ikindi ni uko biliya bibindi byagereranywa n'intango zalizihali (ahagalikwa n'uko Habiyakare atangiye kwigisha, bati: "Buliya kamugezemo!". Ni koko. Agacucu kali kabageze munda. Biracagazwa n'uko amahoro bali bafite inzoga yali amaze gucogora, kandi ko amagambo yabaye urufaya hilya no hino bavuga utwabo. Abagore baza kugwa mu byo gusaba. Mukamihigo umugore wa Butitaweho ati: "Aho mwihajya. Nimuhareke muharorere -Beyatrisa: Kuki se Mukamihi? -Ndeka jye ubu narashobewe. Mabukwe ntumuzi? Ndamuzi Mugenzi ntumuzi -Ndamuzi umuhungu wawe s'umugabo? Ni umugabo -Ubu se tumusize mu rugo wenyine kandi akunda inzoga? Gyo se disi- Uzabaze abandi barabizi ntaho bitageze." Koko, kubivuga kwaba kwiyigutsa no gutera umutima intimba. Ako gakecuru k'inkungusi karabayobeye. Icya mbere ntikemera. Baragahahira aliko bikaba nk' amazi agwa ku iteke- Bagaha udushyimbo uturayi mbese akabi kose ali- ko reka da! Abuzukuru bakagatoratorera xixhxgxxx utuboga bakaga- shyira, icyako kikaba "Ni uko da!" Iyo ali utunyama byo biba byacitse; n'imbisi karasishihagura! Kandi ibyo byose, ntigakangwa xx ngo uyu mwana niwe wabizanye, none bihiye ahali reka muhe. Kiyege- reza imbehe kakalya kakanakomba umwana akigakanuliye. Maze wasanga kitota gakubita ibipfunsi hasi kipfura umusatsi ngo bagahaye izo mu nda izindi barayongobereza bagapfa badatunze bakalya abana babo. Kagasa nk'aho bagatamitse Mugenzi. Uyu mwuzu- kuru we nyine yarakugendeye azana umugore. Nyamugore akibwira, ati: ngeze mu banjye naho ishyamba ligiye gucika umugongo akivuga ko umubandakazi ahuje ababanda n'abasinga. Hashize iminsi ibili, ntiyali yanatwikururwa, ati: ngiye gusura umukecuru. Ni hafi xxxxxx ni munsi y'akazu ababyeyi be bali bamwubakiye mu nsi y'iwabo. Ntageseyo! Akubitana n'ilyo jisho. Karamureba karmwitegereza, umugore ashaka gusubirayo alihangana arakomeza, ati: Wenda niyo ndoro y'abakeduru b'ino. Agiye kugahobora, kati: "reka se kandi utanyiyenzaho unkurubana. Wabaye urtse mahama ikazanyivugana maweya mugore mwiza cyangwa urunjyana rukabyigiramo. Winyihuhulira mugore Ulibwira ngo usanze abasinga! Ntugasekwe. Nwagutuma umusinga wasana uliya wasanze. Shyama wageze mu mbere."

Kamugilira ubuntu bwinshi kamuhereza umukono. Umugore yibaza ku by'ako gakecuru kamutura amaganya y'urupfu uwitwa umuntu wese arugana biramuyobera. Karamurekura karatangira karatogota: "Erega shikama mwana w'i Rwanda usanze ibisambo ubunebwe bwasagutse. Banakoresha byasaze ntibimenye! Umwana w'undi bamurebera ku murushya nta kindi. Ubu bagiye kuyakanura bategereje ko ubamalira byose. Urubatse mabuja uzashyikira urugo n'igikali." Kabonye ko impuha zako sititaweho karakururuka gafata ikibando cyako aho kali kacyegètse ku nkike yo haruguru: umukobwa mu mutima, atin: no gukubitwa rugeretse! Kagitunga mu mfuruka y'amasi kati "Ikibindi ngicyo doreee! Dore ngira ngo urakirusi. Ukanzanira amasi haliya hepfo. Aracyegura aragenda. Ntahazi apfa kunyra hepfo ku rugo ruhali. Bamubonye bàrabatangaza, Abati: agomba kuba ali ka gakecuru kiyenza kamutumye. Arangisha ivàmo bamuha umwana ajya kuhamwereka. Aravoma arataha. Akiyatura agakecuru kati: "Yewee Nyirantu? (Undi yilinda kumuvugisha akacu karahigima) Reba uruho umpereze utusi, umuce n'ikijigo cyanjye kirambitse umwo." Umugore arashakisha, ntiyahamenyereye, kandi ntihabona ni nko mu gihuku. Inkingi azimara azisekagura ashaya mu twondo wagira ngo niho gakorera utwako. Umujinya uramwica apfa ugkabakaba. Agize Immana abona uruho ku bwuliro! Aza kumva akandagiye umuce, arawutora awusangaho ikiburagasani ky'ikijigo. Agakecuru kati: "Nyirantu (undi, ati: ni hahandi apfa kwitaba) -Karame -Kati: karame nawe wowe ukili mu mazu. Nushaka byihutane mfite inyota kàzi kandi izuba liranyica. (asuka amazi arasohoka aramuhereza. Ntikayakubise amaso! Kizanisha ishozi, kalikororesha kakajya gakaya gacira ahasigaye kxxxx karasemeka) Mu kunzanira amazi ameze atya wabitekereje amanoamano mama ni.. iminota ingahe. (Arayamuhereza ayamutana ndetse amumenekaho) Shyikira fata uganywe, uyamene se cyangwa uyajyane iwawe." Amazi ya kano ra! Yakwanduzwa n'icyo bayashyizemo; ikibindi n'uruho byali byiza. Amuhereza ibindi kàlihanahiha kiyorosa umuce. Umugore aragenda asuka andi arazana. Kawusohorokamo karashyikira kayareba amasaha menshi kanywaho kamuha asigaye ngo ayasubizemo. Ntikongera kulyama kumva no kwicara bitagashobokeye, kulyama bikali kure. Ubwo karabuzwa ubulyo n'iki? Ntamagambo. Kunywa itabi biragatabwa, kicalira itako limwe kegamire inkokora kararambya kalinanura, umuce kawuta nk'iliya. Umugore arakomeza arahagarara arakihorera. Karambiwe, kati: Kunangarara hejuru undeba nk'icy'imbwa ihaze hafi no kunshira ho bisobanura iki? Ntiwageraheza ngo wifate nk'abo usanze ahandi hatali iwanyu! Wakwicaye ra! Umuce wawuzaniye iki? "Umugore alicara. Arabyemera aliko ashaka kwigendera gusezera bikamunanira. Bigeze aho, ati: "Mwilirweho mukecu? -Nawe ngo uravuze. Ibyo gusa ngo nilirwe! Uransuye urakoze genda niba hakunukiye nta wakurenganganya hoshi genda, kandi n'iyo hanuka kugira inzu nziza siko kubaka.

Yee! Ubundi nushaka umpamagare ilyo ushaka kuko hano nimereye uko uhareba uku. Uko meze kandi ngirango n'Imana ntiyashobora kumpindura. Urabeho (habe no kumuheresa umukono ngo no kumuherekeza ni uguta igihe. Na liliya jambo ubwalye ntilyabura kugira icyo litumenyesha) -Yego." Aragenda. Kamukulikiza amaso gahonda urutoki kaliheba ngo ntikakimushoboye. Umugore arumirwa. Atangazwa n'akantu karoha ibikajemo byose kabibwira utagasubiza usa n'aho atanakumva. Yibaza niba hali undi wakarakaje, niba ali ko gasanswe, cyangwa niba byase gashaka kumwuhura ati: "Bisaba byiza mbyirebeye n'aho ubundi kaliya kantu si gusa." Icya kabili kagira umwanga kanga abantu. Umugore imuhira asanga byose uwamutinyshije yabitunganyije. Ahahulira n'umugabo avuye gututira ibyo kubaka urugo balicara. Amwitekerereza ibyo yabonye byose. Umugabo aliheba, ati: "Hehe n'umugore uliya mukecuru akiliho. Abwira umugore, ati: "Ihorere tuzarebe icyo bizabyara (undi arahigima kiba ali cyo gisubizo." Naho agakecuru kati: "Buliya bali mu mama ki? Ihorere rero bazanyice nzabahagame. Gukecura birakanyagwa ye! Ubu mba mbahinzemo." Baragira baralya aliko umugabo ahatera isaro; yajya gutamira bikamucika kubw'ibitekerezo byinshi: Aranga arahatiliza ngo adatuma abandi baburara. Iminsi ikulikiyeho ntiyagira icyo irusha iyindi. Agakecuru karakoba rwose bituma umugore yigendera. Mugenzi abura atyo urwo yakundaga cyane yigira i Gitarama kwiga kudoda. Nyina biramubabaza cyane kuko umuhungu we azaza atinze akavuga ko azaba ashaje akabengwa.

Ubwo abagore bali bamaze kumva utwo Mukamihigo ababwiye twerekeye umuhungu we tubashyira mu kantu ntihagira usubira kuvuga. Bubitaweho, ati: "Ubanza bya bigore byagasomye. Mukamihigo? Mwasigaho ra? -Nitubasaba indi muyireke rwose- Yego rwose. Aho ntibivuse impitagihe? Yee! None se nibyo. Niba mwijuse ni byiza natwe nicyo twabifulizaga." Mukamihigo asezerera abagore na bene urugo alibeta arataha. Inzira ni nziza; kumanuka gato ukikubita mu muhanda ahasigaye ukawurambagira. Jye sinakubeshya umugore akayoga kali kamubonye. Ali n'umwana mu mugongo! Umwana wa ndwi aliko akigilira bane: ako na batatu banyuma. Ammbuye hafi yose arayakubaganya ayatera umupira aho ageze hose, ati: "Mwaramutseho?" Nawe urumve! Ni nijoro. Nta gushidikanya ko abamwumvise bose basigara bamucenga. Agera aho umuhanda uvukamo ibili yicira hepfo atimiza nk'uko ahora abigenza iyo yakerereje. Kandi bikaba byo! Hilya naho agera ahali itatu. Afata uw'ibumoso, nawo awugenda inguni y'ibulyo hali ishyamba ly'inturusu. Agiye kubona abona yagese munsi y'umukingo ati: "Yemwe aba hano? Ce- Yemwe yemwe -Ce- Hali icyo mbasabye cyasanga icyo Sebuto yampaye? Ce! (arawegamira, aranyerera agwa hasi asa n'usumira) Ndafatamo umwe murabeshya. Ndabasuhuza mukanyihorera nkababwira ukuli mukamwaragulika mugacececka, ntimubeshye ba sha kunkurubana.

Muranjyana he? Mworohe nse (ajishura ingobyi akenge gasa n'akagarutse arongera arajisha) Reka mbese mureke ntacyo atwara im baraga sanjye) (areguka arasa muka) Ibyali byo byose mwangiliye bya mfura mbi." Agese mu muhanda areba aho ugana, asanga ngo hali ikintu cyaba aho bahungiye. Ajyayo, ati: "Hoshi reka mememe mbakulikire. Icyo bansaba cyose ndakibaha aliko wenda haba hali agatama." Ahagase abona ngo igisika gikose mu mabuye. Akigenda iruhande ashaka aho umulyango wab, agiye kumva yumva yageze hasi kubera haciyemo umwanya. Akoze hasi yumva harahanda, niko gutangara, ati: Mbega ba batindi! Reka barume gihwa boye kunyikiliza. Bulya bwose! Bafite icyo barata. Bubatse ku ibuye lyali. Bubakishije amabuye kamdi! Naho jye ndameneka umutwe nsuhuza abaherwe. Nabibonye kare bajya kuntwara ukuguru." Arakambakamba, aza guhaguruka! Gusenuka n'umwana ntibyamushishikaza cyane. Akore ku mpande yumva insika, ateye intambwe saba ennye abona arasishyikira: "Pu! Ni iby'ukuli koko. Ihene uyita Musheru igakimbagira. Abakenya insu barayiculitse! Niba iki ali cyo basasisa basasiga basaba basize ubusa. Irutwe n'iyanjye! Ni amabuye aliko se kandi... ntabwo binshimishije." Arebye imbere, asanga kure cyane aho yarangaguje amaso ngo hali ibintu bihagase bihs kikije: "Ntibabuse byose:Nta rugo aliko bafite igikali kinini cyane, Hilya y'insika abona ibintu byinshi bihagaze bimusumba kure cyane, ashaka kugira ubwoba: "Nali nkuwe umutima n'ubusa. Biliya si bya bindi bama... nako ngo barasamura. Basamuraho amadarapo? Ba bantu ubanza baswi. Barakomeye mwakanyagwa mwe ure! (arazamuka agiye kubireba, uko ateye intambwe asitara) Yemwe! Ya nsu ni imikingo gusa. Babaye bate abantu batasi no gusiga! (akora kuli kimwe yumva kirashashe aliko gifite imigongo, ki nakonje kimese nk'umwase ati: niboneye urukwi. Arashikusa kiramunanira) Ubansa byabindi ali inkingi da! (arebye harufugu asanga ngo harapfumaguye) Ba bantu ntibirata ni abasiro. Amadilishya menshi boshye amaso y'ikirayi! Muranabeho niba mushaka. Iyo nsoga mudatangaho ni mbi rwose kandi igombe imeneke. Si we wahacunshumutse! Agira n'Immana ahagana hepfo atangirwa ngo n'ikintu kihatambitse. Arahagarara aliruhutsa, ashaka kwicara abirutisha kulyama aliko se kandi abura intama n'ibyuma, anambira ikintu kimwe gusa, ati: "Byose nibishaka birorere, jye ndashaka byibuse kumenya. (Aragikabakaba asanga kirakomesa acyita urusitiro, aliko agatangaswa ngo n'uko runyuse mu gikali, ko ali n'uruhande rwo hepfo gusa rusitiye. Agasanga si n'umuhara kandi nta muntu ushobora gukora biliya. Akora haruguru ngo arebe ko ataba abeshye , asanga ngo mu mwanya w'ibiti hegetse intare z'amabuye. Asa kugera ahali icyansu ahagana haruguru ni ukuvuga hali amabuye, ahashaka guhilima nka mbere aliko aliramira- Akose impande arongera abona insika) Immana ntirenganya! Iranjyanda aho nifusa. Noneho reka nkomese nigendere." Yongera agera aho arusi imihanda itatu imbere ye: uw'ibulyo wamusubiza kwa Kabibi, uw'ibumoso ugana iwe n'uwo hagati ujya mu mugi. Aratimiza agwa mu ujya iwe. Hagenda we!

Akoresha amaguru boshye ka kamashini kanyaruka gakore nesa gakoreshejwe ubwako katazi ibyo gakora. Nawe rero akoreshwa n'agatima agifite aliko yikoza xgxxxkx hilya agaruka hino ajya mu kirere agira imuhira. Alidoga alisiga aravugishwa bikangura umwana. Ibihubi bimuzamu mutwe akoresha akajwi gato, buhoro yiyumvira:

1. Mwana wanjye
ceceka, dore
Twanyoye twaheze;
Twihe akabanga
Dutuze tulilimbe.

2. Nitujye kulyama.
Nta no gusasa!
Se yasanga tukivuga
Twabikika dute?
Ko yaduhamba.

3. Dore tulicaye.
Nta n'ubwo twaliye!
N'ubwo ntacyo nshoboye,
Nshoboye gukoresha
Itete Murekate-

4. Tekereza mwana umbwire
Wxxxxxkixxxxxxxkxxx
Wawe umeze nk'ubwire
Bwije buturutse i Nyamure
Mowe ulira usakuze
Ali kwo kuvuga kwawe

5. Murekatete mfata,
Mfata ukuboko mfate ukwawe:
Kuko adashira.
Tugane ubulili bwanjye nawe,
Mbese bwacu tujye kulyama

6. Mwana wanjye
Ceceka, dore
Twanyoye twaheze;
Nitwihe akabanga
Dutuze tugoheke.

Igitambambuga kiracuka kix koko bagana ubulili. Agezeyo akabakaba aho yakwegeka umwana (yumva ngo ikintu kiharambitse. Ararakara, ati: "Aliko mwa byana mwe sinababujije kujya babihasiga uko bimeze kose kuko imbeba zabitemagura. Abivuga yishihha,, kandi koko akorakoye neza asanga s'imice. Yee! Bavuga ngo iki? Ako kanya inzoga zose ngo kwii! Utamenya aho zarengeye. Ashigukira hejuru yibuka ko atali yakinze. Asubira inyuma arakinga. Ubwo umwana alihe? Yicaye hasi ku ngobyi! Ni ho ali atembagara. Yibuka bimwe mu byo yahoze avuga isoni ziramutaha akorwa n'isamoko Mu mutima ati: "Nyagasani we? Nkugire nkire ilya none ntihabe hali uwabitaye mu matwi."

Aho hanze hali umusinga ushaje ujyamo amazi y'imvura yibutse ko atoze aragenda ayidahaguraho. Bavuga ko umunyeshuli wakererewe yoga nabi! We agatima kali kagurutse kandi se ntihabonaga. Amazi ubwayo yali mabi n'imicucu yali yamurenze. Alitunganya afata umwana ukuboko ku mugani we, bajya kulyama. Umugabo yali yamuciye ruhinga nyuma amutanga imuhira twibutse n'amagambo yamubwiliye aha bahoze banywa ngo abagore kabagezemo baturamye umugore amusubiza ko nibaha indi bafite kuyibima ndetse umugabo arongera amubwira ko ali hahandi abivuse impitagihe, byerekana ko asanzwe amuzi kandi yumva bamuvuga ubusinzi. None arabyirebeye bakivuga ngo ntibazi ibihegetse, batonganya abana babahora ubusa, bakulikije amategeko gusa ko al'umugabo wabikuye aho byali bili. Agira ate? Yamaze kubaza abana ko Mukamihigo yahageze bati shwi! Nta no kumuca ilyera. Bali banarangije kulya. Ajya gushywanyuza rero ngo arasasa naze alituramira yiyumvira sène y'aba atarusi. Umugore ageragenza kwiyibutsa iby'urugendo rwe asanga bikojeje isoni. Yaraje agera ahantu imbere ye hali imihanda itatu yikulikilira uw'ibumoso. Aᵤugenda ku ruhande rw'ibulyo hali ishyamba ly'inturusu agakingo gahali karamusimbiza. Ageze hepfo aranyerera agwa hasi ngo aha baramukurua. Amagambo yaharoheye turacyibuka uko ateretse. Asamuka avugishwa ahonda agatoki amera nk'ufashwe n'ibisazi ashaka gushyira umwana hasi ngo yiruka abe yafatamo umwe Immana ikinga ukuboko. Imbere ye abona ikizu kinini ngo niho abicanyi bahungiye, ko haba hali n'akayoga. Aragenda akubitana n'igisika cyayo aragitaha. Agenda acyegamiye nka ka gaheme kishima ashaka aho batoboye umulyango. Arahagera koko bituma atemba kuko nta ahegamirwa hali hahali. Ntibyamuhangayika; hasi yibonera ngo ko insu yubatse ~~kxkxxx kx ixxxx~~ ku ibuye kandi ali sima ivanze n'umusenyi bituma hanahanda nk'uko yabibonye. Impande z'uwo mwanya hali insika zigenda ziba ngufiya nk'uko yabivuze. Ni byo ni na byo byatumye avuga ko insu icuramye. Ibintu bihagaze ngo basamuraho amabendera n'inkingi z'ibyuma z'iyo nzu. Asamuka asitara ajya kwitakiliza ku ibyo byuma yise ibiti. Aho yusitaraga avuga ko abakenya batazi gusiga, ni imikingo ku mugani we bicaraho cyangwa bahagararaho bareba umupira. Yali yahabye rero agana STADE NYABISINDU. Ni Stade kuko baharebera umupira. Nta kindi cy'epfo cya ruguru. Amadilishya menshi yavuze ni imyenge ihali izanira umwuka ababa bahali. Ibintu bikikije hilya cyane aho yarebye ni urugo rukikije ikibuga cy'umupira yise igikali. Umuhora ni icyuma gitambitse hepfo y'iyo nzu kibuza abantu kugwa. Hilya handi yasohokeye hamese nk'aho yinjiliye ni undi mwanya binjiliramo bagana ikibuga.

Ba Sebuto aho bali basigaye baralya, barangije bibaza ku byerekeye intaho yabo. Bemeza ko Sipesiyoza azaba kwa Kabibi kuva ubwo. Beyatrisa aheka Uzarama agakobwa babyaranye vuba kagize kurwara iseru, Sebuto afata Nyirakilili, Ayurugo aligenza. Kwa Kabibi ntihagira n'umwe uhasigara uretse uwo bagabiwe.

Ba Sebuto bageze imuhira barasesera. Sebuto ati:"Ko twazanye ibitanda! Bitatu ra n'amagodora! Kuki mwiruhije? Nali kubona abaturanyi banzaniye nkabasubiza inyuma? Kwaba gutesha agaciro ibyo bazanye- Sinkwibutsa imilimo umugore mu rugo akora buli gitondo. Dore abana baranasa nabi n'ibindi n'ibindi. Ntabwo mfite umuboyi umesa. Kandi se nzasasure utunganye andi malili ya kizungu? Nzazinduka ntere amashyiga mu nzu kuko ni ngombwa ejo tuzateka ntituzalya mu misozi. Nindangiza nzajya gututira ishyamba lya data hano mu kabande mbirambike. Umunsi nsaba wegeyeyo." Mu gitondo Beyatrisa azinduka ajya gukura ibijumba mu migende baguze bali i Burundi. Atashye akubitana na Mukamihigo abazaniye ibyo basamura. Sebuto yali arangije gutera ya mashyiga. Ndetse na Butitaweho araza ahura na Sipesiyoza bose wagira ngo baje gutanga bwakeye. Baraganir aliko bakabona Mukamihigo afite isoni. Balya ibyaje ahasigaye Beyatrisa akomeza gufashwa n'abakimuharaye. Bamuzanira izindi nkwi. Bakubitaho n'ibilibwa bidatetse nk'ibishyimbo amajeli n'ibindi boshye isororo ly'umuvubyi. Bibabera byiza cyane. Sebuto na Butitaweho baligendera bajya ku kazi. Abasigaye nabo baza kuhashira bagenda hasigara Sipesiyoza. Beyatrisa arabibeta ajya mu mugi agura amasabune, ikoroboyi na peteroli: Araza aganira na Sipesiyoza umwanya bahagalikwa n'uko umukobwa agize, ati: ndinyarukiye ndagiye. Kumubaza aho agannye ni uguta igihe. Agatima ke kali mu kirere. Byravuzwe: "gature ntikurwa na reka."

Mukobwa' Warashatwe ingeso mbi zirakugota. Abawe baza kukugenzura bagira Immana baragutazura. Ushaka kwiyereka uko utali birakunanira nabo bakomeza kugusegura uranga uralinaga.

Ba Butitaweho byageze mu ma saa munani bajya kwinywera. Beyatrisa ajyana imyambaro n'abana mu mugezi. Arabuhagira arabanoza. Agomba kubasiga akabanogereza nk'uko yabivuze; kubakunda urukundo rwa kibyeyi bose kandi uko bangana. Yanze kumera nk'uliya mukecuru waliye abana be, abonye ntaho aterera ho yagejeje ararengera asi: ngira n'abusukuru kandi twamwitaga umubyeyi.

Mutegarugoli we? Ilindi ikintu cyose cyagutesha isaro, cyagabanura agaciro ufite. Komeza ikamba lyawe y'ububyeyi, yaba impumbya cyangwa urugoli. Kora igikwiye kikubomba, aho gusinda nk'uliya mugore ngo ulyane nka kaliya gakecuru cyangwa ngo ukore ikindi kintu cyose cyakugayisha tekereza urote icyazamura urugo rwawe, ruzanire ubukire, rubanire n'izindi ngo, ita ku bana bawe.

## 4. NAHIMANA.

Ba Beyatrisa aho bahahisha amafaranga ali na ko bahinga. Bahinga imbuto hafi zose kandi bareza liravuga. Ahasigaye amafaranga asigaye ahalirwa kugura indi myambaro Beyatrisa we ntiyagulirwa yumva ntacyo bimubwiye kuko yali akiyifite.

Ahubwo iyo yali kubona bakayiha Sipesiyosa, ati: "We ni we jye ntacyo byishe." Baha abakozi amafaranga bakabona n'imisansu twakwita imigodoko y'abakunzi y'ubuntu byose bigana insu nshya bubaka. Mbe ni insu! Ni Urwanda rusima! Byatumye ndetse inatinda kusura. None dore hashize hafi umwaka! Bajya inama yo kujyana abana batali bajya mu rangamuntu!!! Beyatrisa akibaza uko byagenda akabibura aliko kuko al'umugabo, aramwihorera, ati: "Buliya ntabuze uko azabigenza." Koko kandi! Sebuto arakugendera no kuli Komine Nyabisindu. Aho hali umusekereteli witwaga Simpunga Yakobo. Iwabo ni mu Bunyambilili, yaje i Nyanza al'agapfubyi, bamaze kugatererana. Sinzi ukuntu kaje kugendagenda katazi aho kajya aho bukiliyeho gakumbika. Kihaga umutima kemera ibibazo byose kazajya gahabwa. Kaza kugera i Nyanza. Kihakirwa ku mucurusi kalicara karazuma. Karemera kaba akaboyi, shebuja aliko akakareba nabi. Karabyihanganira gahora imyaka ibi hejuru y'ilyo jisho gashaka ahandi kakora. Kagira ibyago karaheba karehebura. Kakaba karavukanye amaraso meza cyane gahora kagira amahirwe, sinzi ukuntu abandi baherwe baje kuganiliza uwo mucurusi, umusekereteli mu rukiko rw'Ikirenga aho i Nyanza aza kubaza ako kana akaliko. Shebujas amusobanulira ako kana kameze ngo nk'umusimu w'umugerekano uko kaje kamara icyumweru ku rubaraza rw'amangazini ye gatunzwe no gusabiliza. Urakegera akabaza ibibazo byinshi yumva kasi ubwenge. Bigez'aho, ati: "umva ntikanyogereza amasahani na ko katiyuhagira "Yali afite n'itoyota y'umukara. Ati: "Nta n'imbaraga kagira ngo kabe kaba Sofeli. Nikaze ibilyo bisajya bimanirana kazajya kabilya. Kazarara mu gikoni niho kazajya kaba ahasigaye kakajya kagikubura. Nta kindi." Bigenda bityo. Nkangira iki? Akangira ko yabonaga ngo gakomeza kuba agahunjanzuzi, atali akana gashishe wareba ukaba wakita akawe. Icyo gusa! Kali akana akagira ngo karakuze gakomeza kuba uko kali kuliya, kalya agahwa kali ku wundi gahandulika. Kaba aho akomeza kubanga aza kujya agakoresha imilimo ikomeye akivugira, ati: "Nk'uko ushobora guteragura mm amafaranga menshi cyangwa kwiba buli gihe ntagire icyo akumalira uyapfusha ubusa, nanjye naragatoye ndagakoresha icyo nshaka kuko kanagiye ntacyo naba mpombye nasigarana ibyanjye kagabanuraga nka ya mbeba ijya ku mutiba w'ibigoli igakomeza kugugunaho duke kugeza ubwo izabinogoza Uwo musekereteli, ati: "kangabike- undi, ati: ngaho ihutane. Nikagire bwangu- Kazi ubwenge? (alikiliza. Undi aragafata arakiyegereza, aliko ntiyagaha ku mafunguro ngo batabigata ukundi) kitwa nde? Mwibalise nawe (undi ntibyamushishikaza, ati: "Nta kuntu nshobora kuzaliyoberwa. Babicumbikira aho ngaho bakomeza ibyabo) Mu mataha uwo Sekereteli, abigira nka Yezu- Ntiyakabaza ibibazo byinshi, ntiyamwinuba ngo abe yavuga, ati: "Abambonana n'aka kabeba baragira ngo iki!" Oya. Yagafashe ukuboko baragenda, mbese byose nka Yezu agilira neza za mpumyi z'i Yeriko. Ashobora kuba yarasetswe n'abandi bantu ku ruhande nk'uko abantu basunikaga izo mpumyi basiseka bazikwena.

Zabwiye Yesu ko sifuza kubona, arasibigilira atiliwe asicaca. Bagesa imuhira akabaza neza ubugingo bwabo uko bwakagendekeye, arakasimanira cyane aliko koko wakareba ukagira, uti ni agafuku ntikazakura. Nyamara kasiraga umukeno yaragatumse atagakoresha, uko kagenda kagimbuka ali na ko yishima, we n'umugore n'abana karabaneza barakaneza. Akigisha kwandika kabifata bwangu. Iyo usi kwandika uba waramenye no gusoma. Noneho akigisha kwandikisha imashini, karabihisa. Kaba aho. Burumestre yakundanaga n' uwo musekereteli. Limwe amubwira kumushakira umuntu w'ubwira, w'umutima mwiza, usi kwandikisha imashini. Amubwira ko afite akana kabisi shyashya. Ashoka amubwira aho yagakuye. Undi abimenyera hho yifuza no kukareba. Aba aliko amurangira. Karagenda gakorana umutima ukunda Leta n'igihugu. Akunda abantu agakulikiza itegeko. Simpunga agakora ataha kwa Shebuja wamubereye umubyeyi amamwandikisha mu ikalita ye.

Sebuto rero agenda amusanga kuko mu busuye na we alimo. Aramubwira, ati: "Mfite abana nshaka kujyana mu ishuli./ Undi amubaza umubare) Ni babili: umuhungu n'umukobwa -None? None ngashaka icyemezo cy'igihe bavukiye- Ko ntakizi- Ndabiguha neza- Undi ashidikanya: urabizi neza,? (alikiliza) Mbwira rera (yakobo afata ikaramu n'urupapuro) Umuhungu Ayfurugo wavutse mu w'igihumbi magana cyenda mirongo itanu n'umunani. Umukobwa Nyirakililili (undi araseka) -Ngo? -Nyirakililili -Ye! -Ndabizi ni izina lyagutangaje. Nabwiye umugore ko ntaralyumva akomera ku ijambo- Wijya ubeshya se kandi- Ni byo ye! Ni we wamwise- Birashoboka se? Namuhaye uruhusa kuko nabonye abyifuza- Ahali koko! Byemere sha- Ndabyemeye -Wanditse izina? -Nalituyeho- Yavutse nyuma y'uwambere ho amezi icyenda- Nabyo ndabona utali bubyemere- Ndabyemera- Yee! Muli kiliya gihumbi na magana na mirongo, mbese byose uretse ukwezi- Ni ukuhe? Bara nawe. Ukwacumi - Byose ndabyemeye. Hanyuma? -Ndashaka ko biga -Tuli mu wuhe mwaka? (asa n'urakaye) Koko ubwo urambaza umwaka nk'aho ndi injiji ntawumenya cyangwa? -Wirakara! Mbese cyangwa urakare. Umva ni ko kasi kanjye ngomba kukubaza nk'uko nabaza undi wese w'ahandi waza, mwese nkababafata kimwe n'ubwo dukundana bwose- Niba al'uko mwaragatoye. Ukabaza umuntu ibibazo bimeze bityo ntimwangane? Ngaho se nsubiza data. Ubwo hali icyo mbanshaka kugeraho- Ahali koko. Ni mu kwa nako we ni mu w'igihumbi na magana ntayobewe na mirongo itandatu z'ubu. Ubu ni na gat gatatu- Ukwezi? -Umva kandi bage! Ni ukwa mbere dawe. Byose urabeshya. Ubwo se wowe ukaba ubona ko bamaze imyaka ingahe? utabeshye. Ni jye wabirereye ndabizi. Bafite itandatu- Umugore wawe yabyaye impanga rero! Si cyane. Aliko nawe ubisusumye wasanga alibyo- Dore jye nkubwize ukuli; umuhungu wawe arageragesa kugira itanu, aliko umukobwa wawe no kuvuga ko afite ine biraruhije- Bati narabirereye! Sinzi ikindi ushaka- Iyo uvuga ko wabirereye jye sinanumva icyo ushaka kuvuga+ Nanjye ngiye kukubaza dore aho wambalije -(amuca mu ijambo) Nanyuma se ibi tulimo tukasabirangisa lyali? -Humura byerekeye ibo nyine- Ibiki? -Ni ibibazo byerekeye icyanzanye-

Ngaho nkwemereye kugusubiza kimwe gisa. (Bamara akanya barebana batavuga. Undi alimyoza) Niko bimeze nta kundi byagenda wikwimyoza. Abantu baza hano nabo nabavugishije cyane bakagira ngo ahali hal'icyo mbaka cy'indisByi y'ibyo ndi bubakorere- Nabanzaga- Byikuremo rero umbwire dore hali n'abandi bantegereje- Eee!!! Nyine nashakaga ko abana banjye biga- Icyo ni cyo kibazo wambwiye- Nicyo- Ni cyo wanseseranyije? -Ni icyo nta kindi- Abana bawe rero, baftie imyaka mikeya cyane, cyane rwose. Nta n'umwe ukwiliye kwiga. Aho uzi imyaka ya ngombwa? -Dore cya kibazo ngiki dutareke- (aramuhakanya) Wali wacyibagiwe- Oya! Nali nakisigamiye bilinde bihora, bihororomba- sinzabigira- Si wowe uteka kandi na biliya umbwiye nyuma y'igihe ntiwali kubigira- None se ko umbwiye ngo nshkuzánira- Ubwo nibeshye. Aliko uzaba wabwiye umugore ngo abigire- Humura sinzabigira- Yee! Ikibazo? Cyihutane- Niko ye? -Ndakumva- Kujya kwiga- Aho- Icya ngombwa cy'ingenzi bagomba ni ikihe ngo bumve neza Ni ubwenge- Uko ali babili rero barabufite ndabizi ureka kubalilisa ngo kuvuga "Nirefeye umwana" icyo bishaka kuvuga. Ntiwumvise- (Undi yumva ameze nk'utsinzwe) Sindabyumva- Bivuga ko mbazi Narabasuzumye menya ko bafite ubwenge- (undi mu mutima, ati: "uhzz urabeshya sinkwemerera.) Ko atali bwemere? -Urabuzwa n'iki se? Nkubwije ukuli nkubwira amatalike nyayo. Ngaho vuga ko hal'aho ngukinze- Ndabona ntaho- Nawe rero woye kugira aho unkinga- (yumva ararembejwe ashaka kuzana ibindi byo hilya) Halya ufite irangamuntu? -Ntayo -Waretse nkaba ali yo nguha ukazayijyana ku ilyo shuli? (Yanga kwemeza biliya yabwiwe) -Kuki? -Kuko ibyo bindi binyuranye n'amategeko. Umwana ashobora gufata ishuli atali mu msi y'imyaka itandatu kandi atali hejuru y'ilindwi. Ubundi se, urashaka cyemezo bwokoki? Ni icyemezo ko abana bafite itandatu cyangwa ni icyemezo gusa ko ali twe twaguhaye uburenganzira burakujya no abana bawe haliya ubashakira- Ni icyemezo ko bafite itandatu -Nyuma se? -Nyuma se iki? Waretse nkaguha irangamuntu ukazigeragereza- Hose hwandike ibipfuye? Oya! Ibili byo- Ntibakwemerera rero kuko basanga batagejeje ku myaka yifuzwa- Ikindi ushaka kindi ni ikihe? -Ntacyo ni kiliya nakubajije kuva kare- Gituma ushaka icyemezo kibeshya! -Koko -Sinibaza rero impamvu yatuma utajyana icyemezo nyacyo- Mbese ngaho gyimpe -amuhereza intoki) Ahubwo da! Kora aha (azikoramo yanga)- Ndetse simba nzikozemo- Ubwo hali impamvu. Sinilíwe nkubwira ngo ubimbabaliremo. Ntaho uzampungira kandi nanjye ntaho nzaguhungira. Ubundi ndaguha irangamuntu yawe ndetse n'iy'umugore. (Afanya vuba vuba) Reka nagusomere wumve ko hali uko nibeshye (arasoma) Si uko? -Byaba ibyo da! Ko nta cyo nkyongeyeho se. Ni icyemezo nashakaga none ndakibonye- -Hali ikindi? Ntacyo. Ahubwo noneho nibinzambira nzakumenyesho ugire impuhwe n'ibambe. (amuha umukono) Nwilirweho kandi- Yego niko bigenda ntabwo narengera hagati haciyemo umugozi munini cyane hato ntaruhira kurohama ngo ndacyasingira- Mubeho -Yego." Aragenda aliko asanga akazi ka Leta aho kava kakajya gakomeye. Kubona bal'inshuti magara aliko bimugendekera kuliya. Undi asigara akorera abandi mu nzira itanyuranyije n'iyo yanyujijemo Sebuto. Yumva asanzwe yanwe kubahiliza amategeko ya Leta nta cyo byaba bimutwaye.

Sebuto ageze imuhira abitekererezа umugore ngo ibi n'ibi, amubwira uko byagenze. Undi na we biramutangaza gusa ababaswa n'uko abana be batakibonye ishuli.

Nta mugayo nabo barabyihutana cyane ukaba wagira ngo ni bo bumvise akamaro ko kujyana umwana mu ishuli kurusha abandi,ko bazi ko cyane cyane al'ukugira ngo igice kinini kibe cyamenya gusoma no kwandika kuko bifasha bikarengera ahanini kandi ko mashuli makuru menshi, tugira noneho byibuze bakamenya biliya. Baranababata kujyayo kuko batabivuze na none nta n'umwe babona, aliko se kandi banaje ali benshi na bwo ntibabona aho bajya ku bw'amashuli n'abalimu bikunda kubura.

Aliko mu gitondo yaragiye, abikoza umwalimu mukuru, bishyira kera bitali kera cyane, aramwemerera. Abategetsi ntibahwana ku bw'ibikobwa n'ibitekerezo. Ay'ubusa Nyirakilili yimenyera ubwenge ahasigaye arahatana. Beyatrisa yishimira icyali cyasimiye kibonetse.

Bakoresha amafaranga yabo nyine bahaha ikitava mu buhinzi. Mvuge ntyo kuko batacurusaga cyangwa ngo borore.

Hashize andi mezi makeya yaba mk'atandatu -Ubwo ni mu kwa gatatu muli mirongo itandatu na gatatu- Umugore araramukwa. Bavuga ngo iki! Noneho nta byo kulya nk'iby'i Burundi afite. Kandi simfite n'amafaranga, umugabo nta byo kulya afite byo kumuha birenze, byo hejuru. Ubwe alivugira, ati: "Namenye kuzigama." Ubwo aranazigamye. Aliko ibyali byo byose kuko ak'ibusungu kamugezemo, kandi ngo akaba yaramenye kuzigamiliza, anyuzamo akamuha amata n'inyama dore ko batuliye amata alyoshya yanyuze mu byuma, byibuze gatatu mu cyumweru. Ukwa kane kuragera, kugera hagati na hagati. Arakomererwa cyane, yaba ahagaze agasukumirwa aho ali gutera intambwe ajya imbere cyangwa inyuma bimuli habi. Umugabo agahora amubwira, ati: "Umbabalire mfite byinshi nkora mu iyi minsi sinkiboneka." Umugore nawe yareba, agasanga koko ngo insu iramugondamiye ku bulyo ataboneka! Umugore asubira ibwana ugasanga aho ali hose ameze nk'umuba w'inkwa n'ikimwira gihoboba areba atabasha kucyikiza hafi no guta urukonda. Akaba yararahiye kuzakura umwana ku ibere atalyikuyeho. Ubwo Uzarama akaba akinalililho akiliguguna. Aliko ibyo byose abyerose, abitwikire ndetse abigerekeho amabuye, akururuke ngo hato abana bataburara. Umubyeyi yifatira agatebo n'agafuni ajya gukura. Nta mufasha, mmk nta ki. Uwo mugongo se! Arangije arabirongo. Ageze imuhira aratura afata ikivomesho. Amazi ayagejeje aho asanga nta nkwi. Kwasa kimwe mu biti bisubaka cyangwa mu bimeze nabi bitazubaka bimuba kure kuko nta ruhusa. Kandi mmk uretse n'ibyo na byo bilikaliye ku muntu umeze kuliya twabonye. Atora umuhoro ndetse n'imigozi hafi no gutwara n'ingata byose byo kugirango abe yakunguka igihe. Igihuru aracyulira, aragisega yewe nka twa tumyamaswa. Agatema neza ngo atirema uruguma. Alitonda aragwiza, arahambira aratahа: yahambiliyemo na wa muhoro. Ageseyo awukuramo awusubiza aho ubikwa. Ntashyitse hasi ntagize ate, ni mu ma saa munani, ati:

"Ilyavuzwe liratashye. Mama yambwiraga ko ahora aduhangayikiye nkamutera ibyatsi none ndabibona abana bali bundye." Atekereje gushyira inkono ku ziko umwana, ati: "Ndabaza" Ubwo ata amalira ngo akabere mama. Amwárengaħiza umwanya reka sinakubwira umwana akomeza umutsi yongeza umurego aralira cyane. Ajya mu kimuga ayora ibishyimbo arabitora. Ashatse gushyira ku mashyiga yibuka ko inkono itogeje; Amakubise mu ziko asanga nta muliro. Bihuza n'uko uwo munsi abana bongeye gufunga. Basa bamubwira ubusabusa ntiyabwumva. Ayurugo nta no guhindura imyambaro ajya kurahura. Yibaza icyatuma akomeza kwibabaliza umwana kiramuyobera. Ashatse kwicara ngo amuhe akabere biramunanira ku mpamvu z'umunaniro w'imilimo myinshi n'izindi nk'izo zawutera. Yumva ingingo zirakenyagulika ububoko yumva bwananutse. Agize Imana abona agese hasi. Umwana alimataho maze aramwitondera aramuguguna. Beyatrisa yumva ahuhutwa aliko, ati: "Igugunire mwana wanjye ahali ntiwazangira nk'uyu muruho unyumguta maraso ukansigira ukubaga nkifasha." Umwana arambiwe aralirekura. Akangira ubwo yiteganya nk'agahene, akina n'abandi bishimishije. Araza akurubana nyiza ngo nahaguruke. Amuhagarara ku bibero aramunyukanyuka yewe amubuza ubulyo. Beyatrisa ku gice kimwe yumva biramunejeje ku kindi yumva agilirwa nabi. Agerageje guhaguruka ngo amuhunge yumva agize iserеli nk'uwishwe n'imyumbati. Umwana agejeje umuliro aho ajya no kuwufatisha. Inkono irozwa ijyaho. Yegereza abana inkwi baracana. Nyamara no kwicara aho yumva nabyo ntibimunogeye. Yegura agafuni ajya kuba ahagaze mu nsi y'urugo ngo arahinga. Aradondaguza byagera ho akazamuka kongeramo amazi, kubaha izindi nkwi no kugenzura ko bacana. Bakonderanya bamwe bakabira agasakuza abacecekesha. Bwągorobye amazi menshi yo koga. Sebuto ali he? Ngo iyubaka lyaramugose liramwihalira. Arumva ngo kusuza inzuye bimurutiye ibindi byose. Aza gutaha abwira Beyatrisa ngo amuzanire amazi yoga. Se ayiteruliye byamuruma he? Kuyishyuhiliza byo ntiyabigira umugore atabáshije nk'uko! Undi amugabanyilizaho/. Asigaye akora uko ashoboye yuhagira umwana, amurangije yumva nta tubaraga asigaranye, atali bubone izo kwiyuhagira. Alihangana aroga. Batora imvugo ibatandukanya n'abandi bose, imvugo y'abumva bakundanye. Barangije kulya Beyatrisa yumva aralibwa hafi no guta amalira, Sebuto, ati: "Reka wisabaganye shahu urumva ufite agatima- Agatima kameze gate? Ako ugereka ku wo umuntu agira ni akavuga iki? Ni kamwe umugore arusha undi utali ku mutiba- Winabikinisha koko ntacyo mbuze ndi ku mitiba. Cyangwa hal'ukurusha umutiba w'inda zinduzi undusha umudigi- Noze se wa hene we ntubeshye. Nakuzilitse ku matovu shahu uliteganya maze, ukikoza mu kirere ukagaruka ukazura umugara hafi no kunsekura- Se utakwifuza kugusekura ni nde? Urakina n'imyenge y'inzu nka Nyagakecuru- Ko nkubaza ntunsubize ahubwo ukajya mu bindi. Cyangwa jye sindi Nyagakecuru- Nanjye ni byo mbara nyine.

Komeza rero hakomeje data na mama bo batagarukiye mu nzira bageze iyo bajyaga- Niko twabisanze- Ufite iyo ajya aragenda kandi niba iyo nzira winayifuzaga nzayigushyiramo vuba aha utabimbajije. Byaravuzwe! Uwo mwijuto n'amatsiko usigaranye byagukoma hasi nubwo uvuga ko ukuze- -Ntacyapfaga- 4Yee! Se wowe wakwanga umugore uguguna igupfa ukazazana uligenza ate? -Napfaga kutaba ulimira- Ni ko wal'ubizi. Wanga umugore uguguna igupfa ukazana ulimira nilyo tegeko navuga nshinga, nilyo yibukiro lya mbere umusore yibandaho arambagiza kuko ubusanzwe ushatse umukobwa uhuje n'imico wifuza ko agira ntiwabona n'umwe. Ni ugutomboza no gutomboza- Ibyo ndabizi. Natwe dushobora kuvuga, duti: "Ubenga umugabo ukomba isahani ukazana uyimira bunguli." Aho rero ntimugasubire kwibeshya mutuvuga kuliya mushaka kudusebya gusa. Ugensura umukobwa ushaka gusaba we atakugenzaho ijisho? Imangalike rero ngo umurambagiza atakurambagiza, Tubijyamo da! N'ubwo dukunda kwibeshya ugasanga duhebeba duti: "Iyo nza kulivundura mba narakuroye neza, ntuba unyishe utya nk'agahu k'imbwa wajugunya aho ushaka kuko nta kamaro." -Aho nihe nshaka; tubarusha kureba rero- wimaramo umwuka (Sekoko aravuga al'uwuhe?) Ntimuturusha ahubwo muragerageza. Tureba kurusha injangwe nijoro aliko se kandi ku bwo gutinya kugumirwa tugakulikiza biliya bya ruguru tugapfa kwemera -Ni aho rero. Erega noneho ndumva mujya mwifuza ko tutamenya kureba neza ngo ababi bonyine batagwamo ahubwo babe bavangitiramya n'abeza! -Se iyo uvuga umwiza uba ushaka kuvuga iki? -Mba nshaka kuvuga utameze nkawe. Haliya haruguru wahavuze ukuli koko. Narebye nabi ndakuzana wowe umeze utyo- Meze nte? -Unapfuye nabi byo kutimenyaho na gato. Byirengagize wiyereke uko utali. Uli gito urutwa n'inkingi cyangwa umwanzi gica. Ul'umupfu imbeba yagutwara umurwi. Ulicaye nk'urwashyikiliye, guhinga byajya guteka neza reka (alimyoza azunguza umutwe) Dore mperuka ibilyo bihumura bikazanisha utusi mu kanywa bigikorwa na Sipesiyoza. N'uwo wakuruhiraga aliko wasanga umutuka ukankama ngo uramugira inama ukagira uti na kenshi wowe hal'uko wimereye. Ntazi ubwenge ashima ubwe. Se iyo utambona wali kumera ute? Erega iyi sega imeze kwa kuadi uyisi nawe! Shahu we ushatse nabi ntaharuza! -Nshimagize rero. Niba ali ibyo wowe uli mukuru w'inyanjwa- Ntubeshye di. Nongeye gushaka wenda nabura icyo mutanika. Nakubakiye inzu nguterera urutoki. Ntibigukange al'iyo nzu wayivamo cyangwa kuko nkuzi agafataho ig igice (Basekera icyalimwe n'utabishaka akabyihata. Beyatrisa aliko agira ibitwenge nya bitwenge) -Keretse ucishijemo umugezi utambukwa. Naho ubundi ali nk'ihisika nagitera umugeli nkashyiramo icyanzu nkaza ngusanga (Noneho na Sebuto ibitwenge biraza) -Erega wanyirukanana n'iyo hene yanjye naba mbanamo nayo! Umugore gito agutalira aguseguye- Se wowe wabanamo n'ihene umsize ushaka kugèra ku ki? Nayikura wakwanga nkajya iwacu- Ashyu! Waba unkoreye. Waba umpimye se? Icya mbere naba ngutotse. Ikindi iliya milimo yanjye naba nyisangiza- (Ashigukira hejuru)

Eh! Ugize ngo? -Iliya milima ya..' yacu ma! -Ahubwo da! nagize ngo urashaka kuvuga ko nta mugabane wanjye uliho, ko ntatwerereye amafaranga ku bulyo uzi nawe (arahigima) wirondogora jya uvuga nka ya suka yabigushyikilije- Nakwemera nkaba cyangwa nkitwa ihene aliko ibyanjye natanze bidapfuye agashinyaguro- Ego maye (amukora ku matama) Mbe sherie) -Karame- Ngo habaho kuzinga umugore da! Ibyo hal'ubikuvugiye? "Nakwemera ukaba iyo hene" Ufite kugereranya ukwizera." Icyo kiganiro kiba kirekire. Ndetse ni kigufi cy'abitwa ngo baranezerewe, baniyumvamo urukundo, bumva bombi barabaye umugozi udacika. Beyatrisa abikaramo cyane nyamara yumva mu nda bicika.

Bukeye arakomererwa. Yilirwa agaragulika aho ku mbuga. Bimukomereye atuma kuli Butitaweho ngo arebe uwo atuma kuli Sipesiyosa. Undi ntiyagira uwo areba wundi yigirayo. Na Mukamihigo abyumvaho. Butitaweho agezeyo asanga Kabibi nta uhali, hali abasigaye bandi. Abaza aho Sipesiyosi yaba bamubwira ko ajya ababalira akaharara akajoro kamwe aliko nabwo atahiliwe. Bavuga ko amaze noneho iminsi ibili ataharunguruka. Bamubajije icyo yamushakiraga, ati: "Ni Beyatrisa wali wamuntumye. Ntiyambuliye icyo amushakira, aliko kuko nzi ubwenge, nabonye ali ku nda ahali aragira ngo adapfa batabonanye. Ntibilirwa bamubaza aho Sebuto yaba kuko babona ubusanzwe ko umugabo akomba kuba hafi.y'umugore we utwite. Nyamara yibubakiraga inzu: umenya imubabaje cyane yo itinyuka gutuma akora ibitandukanye na biliya. Bahita bamanuka, Mukarukaka na Butitaweho. Bagezeyo bahasanga Mukamihigo. Mukarukaka ashoka agira icyo amenya. Abikojeje Mukamihigo amusubiza ko yali yabitaruye kare abura umufasha. Ababyeyi bagira ubugiro! Babonye uko yigoronzora agaragulika aho ku mbuga bamenya neza ko igihe cyageze. Bahesa Butitaweho undi bamwibetana mu nzu uko ali babili. Abana nabo basigara hanze. Hashize akanya Butitaweho yumva umuntu yiruhutsa cyane, amenya ko ibintu byatunganye mu mutima ati: "Imana irakarama." Sebuto ali he? Akyaye mu by'ubwubatsi. Kumubwira ko umugore yagejeje igihe ntacyo byali binamaze kuko n'uwali uhali atali asuguguliitse. Yali umugabo kandi ntacyo yabibafashijemo. Bagiye kumubwira bisa n'ibimutangaza. Arasamuka asanga bakuhagiye, bakambitse ali Mukamihigo ugakikiye. Sebuto nawe afata ako kana k'agahungu mu ntoki. Aza kukamusubiza yihutira umugi. Ahaha amata n'inyama zo mu bikombe n'izisanzwe. Yali aherekejwe na Butitaweho. Baragaruka kuko nta kindi kigurwa cyali gisigaye; ibirunga byali bihali ndetse n'isukali. Bamuha inyama zo mu bikombe azilya bamushakira igikoma cya rutuku ibyacyo byageragijwe n'abagore ku ruhande rwabo. Nibo bakuye ayo masaka kwa Butitaweho. Kiza kuboneka bateramo sukali baramuha. Yumva amerewe neza cyane ahasigaye bagerageza ibya nijoro. Inda yaramuliye ata umutwe asigara atekereza k'ibyo byago aliho. None arawugaruye, arangaguza amaso abura mwene nyina.

Abwira Butitaweho, ati: "Nkubaze." Amubaza aho yamutumye undi amubwira ko atal'inkuru mbalirano, ko yigiliyeyo. Ati: "Bampakamiye rwose, ngo ntahaheruka." Undi arumirwa, ati: "Niko kuva inda imwe kw'ubu". Sebuto abwira abali aho, ati: "Bantu bakili abanjye ndabashimye ahasigaye inzoga nishya nzababwira. Nsubiye ku kazi kanjye." Butitaweho nawe asa kugenda amukulikiye ag iye kumufasha. Hasigara abagore. Nabo bazasezera. Beyatrisa alihangana arabaherekeza. Bombi arabashima ku giti cye. Bagenda batekereza bati: "Uliya mugore yaragashize! Arahembwa ku bulyo utabikeka." Abwira Mukamihigo ngo aze kumushimira cyane Butitaweho Abasezeraho aragaruka. Ajya kwigicalira imuhira. Ubwana buramushengerera. Yibazaga kubintu byinshi cyane byerekeye umugabo n'inzu ye byose, ati: "uko bimeze kose Sebuto arashaka kunkiza aka kazu.

Nijoro balyamye Sebuto, ati: "Kaliya kana nako uzakite kuko ntigeze nkagufasha." Beyatrisa arabyemera. Abitekerezaho ku giti cye, ati: "Ndi iBurundi nalyaga byiza n'abana bikaba uko ngashoka niezra ko bazakura. Ukuntu nahembwaga byonyine byatumaga nizera ko n'akana kazamererwa neza. None ubu simpamya ubuzima bw"ako kana kanjye... Ikindi kandi ukuntu numva ntonekara umubili wose, nta akagufu nta ki, ndabona nshobora kuzabura n'ako guhingira kaliya kana kamaramutse kisumbuyeho. Iyi nda yankukiyemo rwose. Uwabyara ebyili cyangwa eshatu nk'iyi hababwa. Mbanza ahasigaye haba ah'Imana dufatanyije." Alisinzilira. Mu gitondo babyuka, ati: "Singiye kwiketsha agaciro umugabo wanjye anshubilije umuhungu ni NAHIMANA." Abibwira umugabo undi, ati: "Nibyo rwose ubanza yaragushegeshe." Beyatrisa akomeza kuruhuka, Sebuto asubira ku mulimo bapatanye.

Bukeye Sebuto abwira umugore, ati: "Halya ngo kuki ejo utakoze-Undi, ati: "Uyobewe ko ngomba kuruhuka nk'uko bisanzwe mu kinyarwanda? Ego maye ni uko da! Halya ni piminsi ingahe? Ni ukuvuga ko utabizi se ra! Ararara! Sinkubujije. Ntumbujije kandi mbona ubirwanya. Ni iminsi umunani ye- Aliko mbere yo kwita (undi agwira mu kantu abura icyo asubiza) wararuhutse uwaruhutse cyane nk'uko abishaka yagiye mu mva keretse niba ali nacyo wishakira. Naho ubundi imilimo niyose ikabaganye uce akalimo amata azakunga." Aligendera. Umugore nabyo bimumena umutwe yibaza niba umugabo ashaka gufashwa inzu biramuyobera kuko undi mulimo al'uguhinga kandi ihinga likaba litali lyarenga. Arabicumbikira arabyihorera. Umugabo akajya amubwira, ati: "Jya wilirwa wegetse ibondo hasi ngo ibi n'ibi." Umugore arembye afata imilimo hashize indi minsi ibili.

Hashize ukwezi ubwo abana barasubiye kwiga, ya nzu iba irusuye. Inzu ki! Nini cyane ishakajwe amabati. Ifite ibyumba bitandatu: icy'uruganiliro, icy'abana, icyabo ndetse n'icyo kuliramo. Hakaba icy'ibintu n'ikindi rero ngo cya rujerefu kili aho gusa. Ibintu babyimuliramo, aliko Beyatrisa akumva akinaniwe, uruhembo rwarabaye urw'igihe gito cyane. Baboneraho n'impamvu yo kumanika ya mafoto yabo bali barahunitse. Ibisanduku bali baragerekeranyije bilisanzura kimwe ukwacyo ikindi ukwacyo bibona umwuka bihumeka.

Kera kabaye babona Sipesiyoza nguwo arabungurutse. Beyatrisa asa n'ukubiswe n'inkuba. Bararamukanya aranamuzimanira nk'uko bisanzwe aliko akamureba cyane ngo ahali yaba yibeshye.

Asanga ni we. Aza kumubwira, ati: "Bimpe neza humura Sebuto ntahali. Umase iminsi he ra? Cyangwa uvuye he? Mvuye imuhira. Wali waragannye he? Nali naratembereye- Ahaa! Siniliwe nkubaza aho wali waratembereye kuko abo wali waragendereye mbarusi- (aramukangara) None se? Iyoroshye se nyine mwana w'i Rwanda. Menya ko no kumara umunota ntakubona biasha-vuza. Ushobora kuunga kubyemera aliko ni ko bimese kandi s'ubwa mbere mbikubwira ndetse si n'ubwanyuma. Nsahora mbigusubiliramo. Bakubaliye ibyanjye? -Barambwiye- Wabitekerejeho iki? Xxxxxbxixx Aho ntiwanagize ngo barakubeshya- Umva kandi ra! Noneho naje hano al'ukubura aho njya-Eh! Ni byo.Rwose kubeshya ni kubi, numvise mbabaye- Ubabaye? -Ni ukuli narababaye- (Undi arahigima) Ni koko. Erega umutima muhanano ntiwusura igituza. Itulize ndakusi. Narakugeragеje ndakugoragoza urana-nira. Unkorera imilimo neza tukili i Burundi aliko gusambana nkayobdrwa icyo wabiguze mbe yemwe al'iki? Nshaka kugukiza. None dore inyiturano. Nali ngiye gufa utanahali. Ubwo se bali kusabikubalira ukagira ngo ni byo cyangwa ngo barakubeshya?

Umuntu wese agira icyo aharanira. Nawe ujya kurongora, wal'ufi-te icyo ugamije imbere kandi wigemeje (avuga buhoro) nk'icyo mbese -(undi bimunyra mu gutwi ashengukira imbere) Shyiraho urugi mukobwa mwiza woye kunyumva nk'hho mbwira umwana w'undi- Waretse kumpana kulya inyama ukampana gufata kubijumba ra? Byo byangwa nabi. Biliya uvuga ngo urampana nta kibi kilimo. Ahubwo mpugira kumva ako kajwi ubivugamo nkumva nezerawe na byo bikomeza nk'uko biliya umpana binyura. Muli make, biliya nyine, na kuliya kumpana binogera kimwe cyangwa bikambihira kimwe nk'uko ushobora kuba usi ikinyarwanda n'igifaransa umuntu akakubwira ikintu gise-tsa mu iso ndimi uko ali ebyili. Kizagusetsa kimwe yabifu ga mu gifaransa cyangwa mu kinyarwanda. Uzatatamura useke mu rugero rumwe kandi se nikiramuka kikurakaje cyangwa kikubabaje, byose bizaba muli gahunda imwe. Ingeso ntizatandukana. -Ndumvise- Naho wa... Mbese reka turate- Nda-te ibyo nkunda nawe urate ububyeyi bwawe, unsobanulire icyalicyo numve Byose ni uguta igihe- Kandi ubwo ntabwo wamenya ko nkomeje -Nta gisoba-nurwa kilin nka haliya. Ububyeyi si ikintu gifatika. Nta buso nta muze-nguruko nta ki. Nta bunini nta buto. Nta n'ibara bugira. Buli aho gusa kandi n'igihingwa ngo ubwongere. Ni ibibuzamo wabyaye ukumva ukunze ukuvuye mu mara (ukamuba hafi buli gihe yaba yarakuruhije cyangwa ata-rabikugiliye, yaba yaragututse cyangwa yaragukubise... Ukamwemera uko ali yaba imfura yaba igisambo, yaba umunyabwira cyangwa se umunebwe, muremure cyangwa mugufi; mwiza cyangwa mubi...) Urukundo rutarobanura se nirukundo ki? Ntakibivuga. Umutwe wanjye umenekeye iki? Rwose jye reka nkubwire- Si bwo bwa mbere umbalira- Iyo nza kuba umwana w'undi ahaa!! Tekereza aho uba uli- Mba ndi ahandi hatali hano- Nkubwire iki? -Aliko mbonye akana ali keza nakabera umubyeyi da! -Umva! Umeze nka wa wundi uvuga ngo ino ndilimbo ni mbi kandi ali iy'Imana. Nta mwana waba uwawe ngo ubone ali mubi. Ntibishoboka.

Uramukunda yaba igisambo cyangwa imfura mbese nk'uko nigeze kubikubwara ndumva mbifubiye amatsiko- Keretse niba ugira ngo ndakubeshya. N'undi wese uzabaza niko azakubwira (ako kanya Sebuto abaz araje. Avuye he? Amaze iminsi agenda atagiye guhinga cyangwa kubaka kandi akaza adasinze. Ko aba atagiye kunywa aba yagiye he? Kuzerera ahali. Bararamukanya)- Nimukomeze kuvuga ibyo mwavugaga- Sipesiyoza nakubalire) uwo ni Beyatrisa) -Erega ni nko ku cyumwere gishize nahuye n'umuhungu (Beyatrisa n'ishyushyu lyabo batavuzeho) Uramuzu se? (Sipesiyoza aseka umutwe wubitse ku maguru) -Sebuto: Ceceka se nyine jya ubanza wumve. Yego rata (asubiramo) Aho? -Dukomeza kuvuga utuntu twinshi- twinshi... twinshi cyane. Mbana byaba ibyo gusa nka rwa ruyusi rukururumba habe kugira igihaza. Nuseserahao. Nuseseyeho arampagalika. Nti: "Ese ni iki watsinze utabasha gucisha? -Ati ndashaka ko...ko twazashyingiranywa. "Numva ntacyo bimbwiye ndetse ndamurakalira ndamubwira, nti: "Nali ngize ni ibili bulibwe bishyuhaguzwa nyine by'aka kanya, none ngo ibi n'ibi." Arambwira, ati: "Rwose ibyo sinabishobora kandi nagushakaho biliya- Nti: wijya utsinda sinzi amarenga jya werura- Ati: bya bindi nyine nakubwiye." Noneho ndarakara ndagenda. Arankulikira, ati: "Erega ni bimwe byitonderwa nakubwiye." Ahasigaye ndumirwa ndamureba. Ageze aho ati: "Gushyingiranwa Sipesiyo mbali nakubwiye! -Nti: nawe urarushya. Nkubwire ko ntazi amarenga kandi abe aliyo unjyanamo- Ati: keretse niba mbere utali wabyumvise da! Ati ngilira unyumve unyumvire nashakaga kubana nawe." Ndamubeshya nti: "Nzagusubiza." None nimumpe akanama (Beyatrisa yanga gusubiza mbere ya mugabo we aliko noneho amenya impamvu y'ibyo bali baganiliye mbere Sebuto atarasa n'amatsiko yahavuswe none akabona ko Sipesiyoza yaba ashaka kusirebera) -Sebuto: jye ku giti cyanjye emerera umunyarwanda mubane-

-Sipesiyoza: Beyatrisa wowe urabivugaho iki? -(yitekerereesha ubusa kandi yabonye igisubizo kare hashira umwanya) jye mwana ntakubeshye, nsanga iby'urugo ubishoboye. Icya mbere ntuba gito nko gutanga inzoga cyangwa ibilyo ubiha uje ugusanga. Ibyo bizatuma abantu bakunda kuza iwawe. Abazaba bashonje bazaza. Waba ukize waba ukennye bakabona mbese abashaka imitima myiza baza iwawe, nta cyababuza kuza. Ndetse uzabu ukennye bazaza kugusura. Wabonye akena mbura abansura? Oya -Ntibanamfashije se? Baragufashije -Kwalimpakwaho se? Ngo ntazabatwara iki cyangwa ngo mbime iki? Ntacyo- Aliko bose twabafashe nk'abanywanyi tugarukirwa na biliya byiza. Ikindi; uli mwiza (araseka) Ni byo singucenga. Nkabanga ngaka "ubwo bwiza buzakurura abasore iwawe." Noneho bazahagera, bihuze n'ubwo buntu usange bibaye ipata. Ubone abantu baraza babisikana ubutitsa. Ibi uko ali bibili: UBUNTU n'UBWIZA noneho bisuzuswe neza n'iki? No kudasambana. Aho byaba bigukomereye nkulikije uko nkusi. Nubyilinda bazajya baza (abasore) ali byo bihazanye. Babibure bihere ijisho, lihage nilirangiza bashake kugenda batangirwe n'iyo nzoga uzabaha (kuko ugira ubuntu) ubwo abandi babe begera irembo.

Ukwo kutaba gito kujyana akenshi no kuvuga neza ni kwo kw'ingenzi. Ubwo ng'ubwo urugo rwawe ruzaba rufite UMUBANO. Uzi ko gukora uretse ko ubyirengagiza. Ujya unamenya kwihangana. Urugero: ubukene wihanganiye usigaye imuhira wenyine so ali wowe ahanze amaso. Uzagira umubano kandi ukore wihanganira ibizazane byose by'urugo. Ni ibyo nta kindi cy'epfo cya ruguru gishobora urugo. Naho kuba bwiza ~~n~~bupfuye ubusa nka ka gahu k'imbwa si byiza. Mwitabe arakwifuza (Bose ntihagira usubira kuvuga. Sebuto atangazwa na biliya umugore we avuze, ati: "Nyamara uyu yali umugore.") -Sebuto: Beyatrisa yabivuze- Beyatrisa: ndetse gira ujye kumubwira none aha- Sebuto: aliko wa kagore we! Umva ibyo biroha byanduje amazi meza yo haruguru. Ubabaye ko ali we ubanda urugi yoooo! (avuga buhoro) Nako ngo urambagiza n'urambagizwa bose baragenzurana. Nibyo. Si nabyo byaba byo. Kandi n'iyo byaba byo umusore niwe ujya agira ijambo lya nyuma- Beyatrisa: litavugururzwa n'umukobwa? Ushaka kugayisha icyo umugore avuze nyamara ali byo. Umukobwa ni we ufite ilya nyuma. Urumva rata Sipesiyo? Ndumva -Sebuto ashaka kumubwira ko ashobora kumubuza kuvuga uretse no kudashaka kubyumva, ati: "Keretse twiheŕereye tugasubiranamo dutyo." Ibyo bimuhezamo amara umwanya) Ni byo da! Wumvise Sipesiyo? -Numvise -Ubigenze uko jye ngiye gutemera baze kukurenza irembo." Noneho ajya guhunahuna akayoga mu mahoteli. Beyatrisa abwira ~~mx~~ uwo basigaranye, ati: "Uramenye rwose ntushake kuba igishubaziko. Immana igira n'amaboko. Nali nzi ko utazavugishwa mu nzira nk'izo. Wakwigira utyo nyabusa ngo ni uko ababyeyi batakiliho. Tekereza di- Ndabyumva, aliko nta raha mbifitiye- Se ni nde? -Ni Habiyakare- Nwene Samusure- Ngaho wambaza- S'umwe wali aha ataha avuze igice cy'ijambo- w'igikora utega winga- Yee! Ulya~~z~~ rero nkubwiye ibye, watembagazwa n'ibitwenge. Se yarapfuye hasigara nyina, we, mukuru we na mushikiwabo. Abo babili banyuma bafite ingo. We rero na mukuru we bakanyaga nyina, baramwihererana bamugira urwondo bamwica rwa nyamunyagwa. Mushiki wabo agatura hakulya y'i Nyamagana aliko hafi. Bamubuza hasi no hejuru bamubuza umajyo n'amavo karaba.. Buligihe bakamwiba. Ejo bundi si kera cyane baragenda bapfumura inzu barasahura pe! pe! pe! Baranura bamushyira hanze. Urutoki baragabana imilima iki byose bagabamo kabili. Baramwiba hafi no gutwara uruskyo babura uko barugabamo kabili. rufite ingasire. Uwo mukuru hejuru ye hali abana bane bose barapfa. Hasi ye rero hali batatu harokokamo abo babili bandi aliko Habiyakare akaba mukuru kuli mushikiwe (Sipesiyosa aratangara) Byoye kugutangaza. Uwo mukuru yarongoye akulikirana na wa mukobwa nk'aho hakulikiyeho umusore. Ndi bukubwira impamvu. Se abasigira iminani ihagije baragaya ntibemera, ntibabyerura. Bararengagiza aliko nyina yaba abize icyo ababwira bakayavunirami ibiti. Arabikenga arabyihorera. Hashize iminsi bakora biliya bya ruguru ngo bongere ibyabo. Baranagaruka akasu ke baragashumika. Iyo atagira abakristu ngo bamwubakire ntiyali kusawuva. Baramamuhingira. Abo basore baza kwibwira ntibongera kumutwikira.

Bakisahulira aliko noneho bakamusigira utwo azajya alya nka limwe mu munsi ngo turame, tukongerwa n'utwo wa mugore amutuye. Igitangaza uwo mukecuru yali akibakunda. Akababwira, ati: "Ntimureba ibyo munkoreye? Ndabareka. Mumenye ko ibi byose ali nko kumyagaza. Sinshaka gushihana namwe ngo tulyane hatohazavugwe jye ngo binturukaho. Nzapfe koko naho haramye ibikobwa byiza hasigare intero, hasigare umugani! "Rwose uwo mukecuru ~~xxx~~ yatanze urugero ali mu buranga ali no mu bwiza. Twaramusingizaga mu ndilimbo zimwe zigorora amajwi no mu mbyino. Ugasanga hose ni amazina ye gusa. Yali igitego kandi n'ubu atanga urugero mu bakuze. Uwo mukecuru uwali we wese yamutangalira. Hose kandi muli byose ntameze nk'abandi; arabahiga. Hose ubu hasigaye havugwa kuvuma, aliko we, ati: "Nkazivumira umwana ndakavumwa n'Imana! N'aho rero agakecuru kabonetse kose ntikahatinyuka. Reba ibyo bamukoreye kandi atinyuke avuge biliya. Umukobwa we agacishamo akamuzanira akunyu, utuvuta two kwibobeza n'andi akuze yo kurunga. Yali akili n'agakumi aliko aremera imililimbo ayifasha hasi yikorera n'agakono aramuzanira. Yakirwa bya gikene. Umukecuru amwereka akamuga k'udusaka yaba amamera cyangwa amakoma ni amwe kuli bo. Araskya arashigisha. Aherejeho umukecuru undi, ati: "Nta mwana ucika iwabo. Ntanacika kuli nyina akulikiye iki? Ububyeyi. Narakwinigiye utuma ndaza agashumi mu nda n'ubwo nibuka nesa ko bigeze gusaza mbura akandi kamfata nasama kimwe n'abana ali bo mwe. Genda uko maKwinigiye abe ali ko uzinigira abawe. Nka mwe abakobwa nta wilirwa ameneka umutwe. Mugeraho mukabyibonera ubwanyu, mukibuka ko ibyo mwabwiwe ali byo. Asomaho aramusubiza. Iyo yahishije nk'akarwa atumira abo basore bakaba ali bo bagategeka. Mu dutsina tubili bamusigiye aza gukuramo gakeya. Baraza hamwe n'abandi bavumbyi. Baranywa basiga ako bali bwiherane. Bakaganiliraho n'uko basoma birenza (n'ibilyo. Umukecuru, ati: "Narabareze ndabakuza. Muhabwa iminani mwiyongeza indi. Gusa mbasabye ko n'ibyo mwankoreye byose ubwo nzaba nageze ikuzimu mwoye kusabigilira abandi. Icyo ibyaye ntibura kukiligata sintinya kubibabwira ngo mi uko mushobora kunterura mukandenza hanze. Nta rutugu rukura ngo rusumbe ijosi ndabivuze. Narabemeye ntemera uko muli." Habiyakare uliya aba ali we umusubiza, ati: "Erega tubyica tubizi." Umukecuru, ati: ni aho rero mwazaba munkoreye." Baza gutaha. Nanone Habiyakare uliya aza kubwira umukecuru we, ati: "Ngusabye kuziyunga na mama- Undi, ati: aho uhavuze ukuli. Nabitekerejeho ubu nali ntese kubikubwira nanjye. Nkazitirwa no kugira ngo utagira uti umukenya yishe ubumwe- (undi aramucecekesha) Nave hatagira ukumva. Ubumwe bulyalya, bugomb, bugilira cyangwa buli mu nama yo kugilira nabi bamwe. Dore twasahuye hafi no kwica; rero nta kwica kundi kurushije kuliya. ubwo wakwiyoroheje ahubwo tukemera tukiyita abanzi ba biliya tugafata ily'abagambanyi da! Ko ali ibyatugaragayeho- Byaba byo." Inama irangiye bukeye bashaka inzoga. Inzarwa ebyili mu bibindi! Si mu bicuma cyangwa mu tunoga. Barazibangatana na yo. Nta usishoreye nta ki. Bahasanga agakecuru ntibagira icyo bakavugisha. Balitura bashoka bajya gutumira abantu ali nako bazana intebe.

Babatunganya uko bikwiye, basuka mu bicuma barabahereza. Umukecuru ashyubwoba aliko akareba abahungu be n'amatsiko menshi. Umukuru asa guteruratii "Baturage bavandimwe muli hano mbatumiye sinahogoroye nkora hilya no hino umagambo atagira rutangira nyarunda ku ly'ingenzi ndihisha nk'aho nabaye ali lyo nkiza biliya byose, jye ndi uwirega kandi wiregura. Niba hali n'uwo mvugira nkaba mvuga mu izina lye n'ibyanjye ababisi bali bubyumve. Nta wandeze ngo tuburane mbe nsinzwe none nkaba nsanye izo gutangaho icyiru cyangwa nkaba narajuliye nje guha umucamanza cyangwa abagabo banjye bituga ngo bashikane bamfashe mu bulyalya. Nta n'ubwo natsinze ngo mbe nje guhemba abagabo. Ibyo navugaga rero (yerekana murumuna we) Ni njye musa n'uliya muruzi kandi muzi. Ibyo twakoreye uliya mukecuru ntimwadufashije aliko namwe murabizi. Twagize nabi yee! nimwumve rero:

-Icya mbere iminani ntiyatunyuze dukora biliya byo kumwereka ko dufite ingufu akaba ali hahandi habo kuduha bike dushobora gufata n'ibisigaye, ko nzira inaramutse iteye sishobora kumurwanaho simukorera.

Ikindi tuzi ko umushumba waramukiwe afite gusekura inka ze buli gihe akaba ali n'inkuyu, akuka aca ibyalire... noneho akigira munsi y'inka ntihagire undi mushumba waharuye uyamuburanya. Twe rero urubu rwatinze kutugeraho dukoresha imilya. Imilima turayisukura dukuramo urwili dufumbira, urutoki turahingira turasasira... nk'uko uliya mushumba asukura inka ze, natwe turasarura ntitwamuha mbese byose nk'uwaramukiwe kuragira." Bakoma amashyi cyane. Arongera" Turashima uliya mukecuru utarashatse kwiteranya n'abajyambere, byo atigeze arota akinatubyirura. Tuliyunga na we hato atazahagama ngo arapfuye yasize imusozi bimeze nabi. Ntagapfane akaniga nk'umwana wenkereje nyina. Ni cyo cyatuzinduye." Umukecuru yumva Ijuru aralishyikiliye. Atekereza kuvuza impundu asanga ntaho bigikoreshwa, ashaka akalilimbo kalimo amajambo ashima arakabura mbese abura akantu kasesangura ibyishimo bye ku bulyo yasanze no gukoma amashyi bitamunogeye. Kubyina ntiyali kubishobora- Abura icyo akora areba hasi areba hejuru avutagura iminywa ateraguza amaboko abura ijambo. Ashatse guhaguruka abura akabando ke arakambakamba boshye ugiye kubyina u 'ihene isimbagulika. Byose abibura ifato aheba ibyo yakora. Abali aho bibotsa igitutu bashaka kugira icyoba ngo karapfuye noneho dore kasambye. Bagiye kubona babona ahereje umukono mukuru n'umuto bose abareba nta kubavugesha. Karabarekura ntikashirwa gakomeza kuvugishwa nk'akabonekewe inzoga ilinda ishira. Ku kindi kibindi Habiyakare acaho igicuma cy'amacupa icumi ku bw'impamvu baruzi. N'isigaye iza kubananira bayishyira mu cy'amacupa atanu hasaguka nk'abili Habiyakare ayakubita ku munywa." Ijambo lyavuzwe ntilyali kubura ibibazo libazwaho gusa bapfaga kumva icyabazinduye. Biliya byishimo umukecuru noneho bise agakecuru kubera kuvugishwa byagira byinshi bitubwira. Beyatrisa arakomeza. "Bukeye rero agakecuru karayafunga. Kawuhenera kavugaga kati: "Bana banjye ngiye mbizeye muzasangire ingendo.

Aliko ibyali byo byose muta... mutanshyize mu..nzu murabeho!" Ubwo bali bamukikije baje kumusura ngo baraganira. Yee! Baratinyutse batukuza amaso balira. Nawe kubona umuntu yinaga mwaganiraga! Se wavuga ko agiye hehe yali he? Uwo munsi bali bagateguliye akuzukuru ko kuzajya kamufasha, none karapfuye. Birateye kuko gasize igikorwa n'ubundi kali kuzapfa ntikali kuzuma. Biranababaje kuko ali bwo kali kagese aho kalyoshye. Batuma ku baturage no kuli mushiki wabo. Bazana ikibindi cy'urwagwa cyo gutanga. Inzu irasahurwa nk'uko bisanzwe, bacukura mu nzu nk'uko byavuzwe Habiyakare arahamba. Aba umutware uko byali byaranavuzwe na se kera. Baranywa Butitaweho, ati: "Erega agakecuru kasinziliye! -Habiyakare, nushaka uvuge ko kapfuye. Imigenzo se ko twayirangije. Intaho ni imwe bagabo. Ubu ni jye rutegereje. Urukenya ntirunalindira ko umuntu abyibuha ngo rulye akaljoshye! Ruratomboza rukajyana al'umwana al'umukecuru, al'urwaye macinya cyangwa ubuheli..) Abandi, bati: ni ko bimeze." Baza gutaha. Nyuma Habiyakare, we umutware, abagabangana ingaligali na we aliha. None mzmm muvandimwe nali nkikubwira; nta n'ubwo bagize icyo twita igisibo! -Ku mpamvu ki? -Habiyakare yababwiye abasobanulira neza ko ngo hali aho bibeshye mbese twe abantu twibeshya kandi nanjye nsanga ali iby'ukuli- Nta kuli kuli nk'aho- -Ngo bulya umugome gica yaba so wanyu yaba nyoko wanyu apfuye aba akwiye gusibilirwa nibura umwaka musima balya banywa. Ubwo uwo munyasi akaba arasibanganye akaba atanze amahoro n'ituze. Naho ngo uwagize neza n'umunsi umwe uba ali munini. Ntaba yaraguhangayishije ntacyo aba yaragutwaye, ahasigaye amasengesho menshi! Nvuze ntyo kuko abasabira abanzi babo ali ngerere. Sipesiyoza rero, umugabo ni we bukire bw'umugore. Ni igiti cye cy'ubugingo., wa akaba ishami lyacyo Ni we umushyitsa agatima hamwe. Aramuhoza akamumara impumu aliko myine b byose byose iyo yabyishakiye ubwe. Afite kukwica cyangwa kugukiza. Wihaba umwana nzaguhabura ndinde ngera i kuzimu, ntuzavunika tuli kumwe- Nzamwemerera ahali amfitiye urubavu". Beyatrisa amusezeraho. Ajya ku milimo ye ya buli munsi.

Muntu wese utazilikana ko wabyawe banza urebe uyu uko byam mugoye. Nangwa nawe yabonye ku mata no ku bikoma. Nk'utabibona se yamera kubyara akagumira aho akifuza icya sana sana mu nda yagiyemo igihuku urabona yagira aya he mahoro? Ababyeyi bose si kimwe kandi nizeye ko aho ava akagera agomba kuba alibwa. Hali abumva ba nyina bavuga uko babagoye bakabibonamo gupfa kuvuga! Wabonye ahanini abagore baganira ku ki? Iyo umwana yamutengushye akamusuzugura wabonye ababara akavuga iki? Ukuntu inda y'uwo mwana yamuluhije. Ntukifuze gutera umubyeyi wawe agahinda katuma yakwimanika yibutse uko wamubabaje umuraza ku ijoro uko bukeye. Ntukamutererane mwizilikeho umwihambireho aho akuganishije ugane aho umushyire igorora. Ibyo ukabirengaho gusa, uti: "Kaliya kantu gasa kuliya kasonzwe k'agatwakazi ngo karambyaye.

Shwi da!" Nyamara urebe igisetsa ni wowe wamuzonze akwingigira kandi kuvuga ngo ni agatwakazi nta gihinyu kilimo. Haba na mba! Wenda undi, ati: "Uliya twaherekeranya koko tukajya ahantu! Nkavuga ko al'uwaho ko akomoka he? Oya ntaho twajyana yalintesha se!" Uyu we aramwihakana. Kuki we atamwihakanye baje kumurebera ko yibye, yarwanye cyangwa yishe? Kuki atamwinubye amugira umusarane? Yamwitumagaho akamwihagalikaho ndetse yamubujije ubulyo amutaka... Nta wanga nyingo arwaye ubuheli. Yarakubyaye asanga ul'ishyano aliko aranga arakwonsa. Inda ibyaye ishyano iralyonsa. Yakwemeye uko uli nawe usamwemere uko ali. Gira so yiturwa indi. Nyina w'umuntu agira ake kesa. Nturebe ngo arazonswe aliko menya ko uliya nyina w'undi ubyibushye utal'umutwakazi hali icyo abuse ubona nyoko afite n'umwana w'ahandi akabona icyo nyina afite nyoko atagira.

Waowe mukobwa uhakana ko utabyawe wishingikilije ku ki? Ni ejo bundi ukarwibonera jya ureka abavuga bavuge. Urabalilisa ububyeyi icyali cyo nka Sipesiyoza? Reba igisobanuro yahawe nikitakunyura nawe utegereze kuzabyirebera. Gerageza buli munsi ujye ukura ibango ku biti wavuniye mu matwi wumve icyo ubwirwa n'uwo wizeye nk'umubyeyi wawe.

Mubyeyi, komeza umugambi wawe" "Nzagasiga nkanogere" Pfira abana bawe ku cyali cyo cyose.

AGAHINDA NGO MUTAHE.

Ubwo bukwe bugiye kuzaba bahangayika Sebuto yumva asa n'utabishaka kuko abona aliwe ugomba kubijyamo. Aza kubwira umugore ati: Ndakubaza ikibazo kimwe gusa (undi amutega amatwi). Ubu ko nta...ntagashobora buliya bukwe ko buliya yamwemereye? Uzi icyo bigomba kandi jye nta kuntu. Nta mafranga, nta nzoga. Ntabwo twareka Kabibi akaba ariwe ubijyamo? Beyatrisa ntiyibaza ko ntawabura inzoga kuko yakwitwerereza. Ntiyabura amafranga kubwa ziliya mpamvu. Gusa ati:"Sipesiyoza yali kuzamuzanira ubukungu. Bamukoye ntahandi yajya uretse kwa Sebuto. Amasuka ya Mbogo yose n'ibindi nk'ibyo niho byali kuyoboka. None umuntu ubashije kubirorera afite byinshi azakorera urugo rwacu. Wareba nawe ukabona kubyibusa atali ugukira birenze ahubwo bifite impamvu.). Nk'uko nanjye ntifuza umusaraba wo gukora ikidashobotse, nkubwiye ko ubigenza kuliya uvuze niyemera ni uko (ntakizabimubuza)" Sebuto abikojeje Kabibi undi ati:"Shyu.. Ibyo na byo. Ndabyemeye rwose." Beyatrisa reka atekereze kutya. Nta wo mu mulyango we afite wabilya. Ntawe na za nyirarume zirabanga zabaye rubanda. Reka za se wabo zo.. Nta musaza wa rubanda Butitaweho yarabibuze Habiyakare aramwanjama. Ubundi nta nkokokazi ibika isake ili aho. Niyo byakwangwa ntayo yakongeraho. Ahubwo Sebuto ni umuhebyi aha Habiyakare umulima hafi y'iwe ngo ntashaka ko abavandimwe batandukana. Nibyiza aliko n'ukigimye aba avuze nkanswe gutanga umulima. Inzu iruzura ya nyakatsi. Kabibi alitwerereza abona ibya ngombwa byose. Umukobwa arashyingirwa da.. Ntawe umenya uko azapfa. Ubukwe buratsha bushimisha buratangaza uwaliwe wes. Mu banezerewe Beyatrisa ararusha kubera ikintu yasanze kuwa kera yambaje hakaba hashize hafi imyaka ingahe. Ba Beyatrisa abo baza gutaha. Sebuto ati: "twanyoye turahaga, tubutashye neza pe. Mwe mwanaliye. Wumvise utulyo utaruhiye uko tulyoha? Wahora, uzi ko n'inzagwa numvise zimeze nk'amuki? Yewega ye.. Yaritwerereje yagize atu, ntacyo namuhaye. Ubu se yemwe yagize ngo ndamwanga? Ntacyo bitwaye. Niba kandi babona ko duhunitse amafranga badutwareho umwikomo. Oya brambabaje. Aliko nzabafasha kwishyura ninzaba nkiriho. Pu.. Byose n'ubusa. Turavuga ko byagenze neza siko? Rwose - oroha rero nihamara kabili abandi basore bazarongora abone ibye byali inyuma. Ahaaa.. Ubusore bwaramurangiranye iby'abasore ntacyo akibigenzuraho. Uko barongoranye umuntu yabagereranya n'intama ebyili zahabye ziza guhura. Sipesiyoza yali yaraguye mu busambanyi undi agwa mu menyo ya rubanda. Uzi neza ko akunda kwanduranya. Yarengêje urugero agera aho yali asigaye ajya gusaba bakamwirukanana inzoga ku mutwe. Abasore bandi rero nabo baza kurahira ko batazongera kumwikorerera inzoga.Bituma asaza imburagihe none dore. Buriya ntazamenya ko halimo ineza nyinshi kugirango twemere ko bashyingiranwa. Byose yarwanqga ku busa. Azicusa icyatumye amuzana. Umugore n'ikintu niyiziyi. Umugore n'umugome. Niyo nzoka mbi nabashije kubona. Yee.. Ubanza hahandi muli Bibiliya bavuga inzoka yashukanye baba bashaka kuvuga umugore. Umugore mukina agukinze umutima. Murararana, mugakina mukaganira ukizera umubwira utubanga twawe, ukamunezeza aliko ntabura kugushakira amarozi kandi abona ntacyo abura ugifite umufurahisha kuli byose. Nta kuntu wagirango azakwizere. N'iyo wateka ibuye ligatota. Abona akwifuriza amarozi akagirango nawe nuko. Umuntu ubasha no kukugambanira bakakwica. Reka nawe uraca igikuba da. Yemwe bagore muradukabiliza (arahigima). Intamenya y'agasore ikanira umugore. Mutuliho ye. Tubariho ndetse wowe uli nomero ya mbere. Natwe tubaliho kandi uli nomero ya mbere. Mbega da. Uguhiga ubutwari muratabarana. Bageze imuhira bararuhuka. Bakomeza imvugo yabo utasanga ahandi. Iminsi ikuliikiyeho bakomeza kujya basurana na Sipesiyoza. Limwe umugore abwira umugabo ati: ndashaka amafranga yo kugura agasabune ako nari naguze karashize.Undi ati: nushaka uvuge isabune. Rwose ntayo. Oya gerageza undebere, dore jye n'umwana turagenda tunukira inzira. Ibyahi byamaze kumera nabi cyane. Nkubwiye ko ali ntayo. Ikindi wifuza rero sinkizi (mu mutima ati: umukenya niyo azazira mwagaswa mwe). Nkomeze mare amafranga shitushitu ibyo bibaho? Kariya kagore kararwaye si kazima. Kumbwejaguraho kuliya.. Iskyi. "Amunagira atanu. Ngaho fata nayo utandoga imisure.

Urwaye hehe mbare naguhakaniliye? Ko mperuka wagiraga agatima waje kuturwa ryali ra? Ndabona utazjya wibwira. Utakurakarira wowe ntiwanezerwa. (undi ajya mu mugi Sebuto amukurikiza amaso). Agenda atekereza ku ibyo. Umugabo koko yali ataramureba nabi bigeze hariya. None akantu ngo gato katumye arakara akazinga umunya ati: ubanza ntayo afite. Arabara asanga umugabo akibitse ibihumbi cumi. Agasanga ali bike ku bana n'umugore afite bo gutunga. Yigira inama yo kuba akoresha ako mu gihe urutoki rutaramuruhura. Aragura arataha. Asanga umugabo ni mutaraga da. Yikuyemo akajinya yali yagize. Hashize iminsi ibitoki birakomera. Aratara uruboneye yaba yenze akaba yavumbye, akavunura yataze cyangwa se agatara yenze hakaba n'ubwo byose bikorerwa limwe agafashwa. Zose uko ahogoroye agaHa gake abivumbyi ataligeze abigira, yamavunuraga agatanga ikibindi cyose bakakinywa. Arasengera arabika. Kugirango umugore arusheho kumwizera aribwira ubwe agura amasabune atanu aramushyira. Koko kandi umugore arushaho kumwizera no kumukunda ndetse yicuza icyatumye bashaka gutonganira atanu gusa abwirwa ngo akanga kumva, akagononwa kwemera ko ngo ntayo. Barakomeza barasengera abika. Yilinda kujya mu tubali. Umugore nawe yasangaga ubusanzwe amafranga amarwa n'uduhatili kandi akabona umugabo ntakijyayo ati yarayabitse. Ni koko ntako yibeshye nibyo arabitse. Nahimana aza gucuka birarangira. Atwara indi ayitwarira limwe na Sipesiyoza. Abyara mu kwa mbere wa mirongo itandatu na kalindwi. Noneho ntiyabona na mba. Ntibyanamubabaje kubera akomye agatima ku cyabujije Sebuto akabali. Umugabo abonye yarabitse cyane asigara avuga ngo icyamuha radiyo n'imashini idoda. Beyatrisa yabyumva ati: "Ahoo.. sinabivuze. Afite icyo atekereza ntali ku busa. Arashinyaguye, uzi ukuntu nifuza akaradiyo? Iyo azayigura. Ukwo kwezi kugeze hagati Sipesiyoza arakomerezwa aratabaza barahurura, mu mutima ati: Ubu mba naragahubujemo simba ndushye ntya. Ubwo kakaba kamurayeho kamurya ku mugani we, none mu museke niko bamuriho. Nawe abyara agakobwa. Baka Sebuto ibihembo ati: mubaze n'uw'iwanjye ntacyo yabonye rwose. Barigeragereza baramuhemba. Umwe yabyaye nka none undi abyara ku munsi wa gatatu. Beyatrisa yita uwe Mukamwiza. Erega kwita niwe ubisigaranye. Uwa Sipesiyoza aba Nyiranama. Ubwo ba bana bakuru bali bageze muwa gatatu. Ni mu kiruhuko cyigihembwe wya mbere ali cyo cya Noheli. Abwira umugore ati: "kuva buh ubu nta babyeyi ufite ndabizi. Urabyara bikarangira aho. Jye rero nali mfite kwiyemeza kugajya nguhemba nkenga inzoga nkazitumirira nkababwira icyazo none ntibishoboka (ahonda agatoki yerekana ko bimubabaje). Ahubwo nzemera ngutungure. Umwanzi arakabura uko agira. Umuntu abure n'amafranga. Yekayo kubura ikintu wali usanganywe.(Umugore yumva utwo yatekerezaga ku ukudahembwa na mbere byatsinzwe k'igitekerezo ngo afite cyo kugura amaradiyo n'amamashini cyifatanyije n'ariya magambo ati: nawe avuze biriya abikuye ku mutima buliya ntacyo afite biragaragara ko yababaye) n'umutima mwiza ati: rwose nabikubwiye kera" nk'uko ntifuza ko nabwirwa gukora ikidashobotse, singomba kubitongera undi". Yiruka mu baturage atalisha abasobanurira neza ko ashaka iz'uruhembo rwa mugore we, ako arifuza kw'azimutunguza kugirango bizamushimishe cyane abe yabyifuliza undi. Uwo abwiye wese akamubuza kuzamuvamo. Ni mu kwa gatanu. Ni ku wa kane. Abaha ibyumweru bibili bitewe n'uko bose bali bafite ibitoki bikomeye kandi ko adashaka inzoga z'insigare. Ababwira ko kuwa gatanu w'icyo cyumweru bagomba kuzazikoranyirisa rero zgato ya komine Nyabisindu mu gitondo saa tatu noneho bakazikorera zikaza. Abwira abasore n' abakobwa ko byamubabaje kubona atabataramishije, ko noneho abalimo bakazisukura kul"uwo munsi ku iyo saha bakaza badasiganye. Bikazashoborwa n'uko bazakulira hamwe hazaba hari inzoga. Bamwaka isaha y'akagoroba arabahakanira. Ni abasore bawe bumvise akayoga n'inkumi zataraye urudehero.

Uwo munsi ku itariki makumyabiri n'enye in oga ziteranira aho, uzanye ebyili, imwe nka Butitaweho wayizanye iy'ubuki kubera ko yabibwiwe afite imineke mu rwina. Gusa agacibwa intege no kuyijyanayo akaba ali buyigarure. Umukungu ntabwirwa nabi. Birafuditse ariko arabigira. Abakobwa n'abahungu bagera aho nabo. Bakomeza guterana amagambo na ba nyir' inzoga babazwa aho bajya, ikibahagaritse aho n'ikibagenza. Bati: twashakaga abe

tuvumba none tubonye inzoga tuli buzikulikre. Bali bunazikurikire koko aliko ntibabizi abwira umugore ngo arundemo. Undi akomeza kumubaza utubazo twa kubera iki, ni iki cy'uyu munsi w'itaha bijunditse amacandwe, imilimo nali ngikora ndayireka, ndayikora nalimbye... Undi ntiyabyumva gusa ati: "kwumva gusa.. Kora, yewe? Kora ndebe. Hali n'aho ngannye ndaje.

-Byose biraba uko ubishaka- Rwose ugume aho ndaje mpagusange kandi". Hagenda we. Aramuka n'uwabo anabasangayo bose ati: "mugire mujye kuvumba iwanjye natuwe. Beyatrisa nsize yisukura. Mujyane n'intebe (yihererana Mbarubukeye: shyiramo utwambaro twawe vuba ushyitsemo dore ntushaje nka baliya, ugende ubwire Habiyakare ansange kuli Komine. Uhyaruke mu baturage xhauxixi ubabwire ko mfite amafunguro, uze kureba ngo ndaguhemba. Ukubaza utubazo two hirya no hino mureke. Untumikire gusa." Umwana arahagenda. Abikojeje Habiyakare amutura utubazo undi amubwira ko apfa kuba yumvise. Arahetura ajya kwa Sebuturo umugore amubaza ikimugenza.. undi ati: "nje kugusura". Ibyo gusa. Ahasigaye aramwihorera. Sebuturo we no kwa Sekereteri ati: "shahu burya uranshokoza hali ikintu nishakiraga - Cy'iki? Nali kuvuga ko ngiye kwandikisha abana kuli Komine. Uwo nteganya ko nazabura impamvu waranayimpaye burya sinayerekana nkomera kuli kiliya koko? Pe.. Ndetse dore saa moya ndagiye sinagukura ku kazi. N'ubundi icyantengushya akazi k'abandi cyaba gikomeye- Yee. Uze kuza nimugoroba ubone umwanya wawe(Simpunga akomeza kumusobanuza abwira umuyaga undi yamutse)" Asanga Habiyakare aramushakashaka. Amwereka ikibindi ati: "Ntukiruzi? (kimwe cya Butitaweho). Undi ati: ndakiruzi. Ukirebe wirebe ndakikugushinze uze gukurikira abandi ukingereze imuhira." Abwira Butitaweho ko abonye insimbura. Agende noneho ajye gutegura hanze abe nyir'inzu. Hagenda we. Arakora bamubaza bati: nimundeke yemwe igihe kiranshikana ntunganye iby'abandi. Sebuto aho akebutsw yasigaye yakebutse abona umukobwa mwafindura uwariwe. Ni Nyirabugingo Mariya. Afite akazuru keza akaba mugufi. Ntimubyumve mutyo ngo arasumbwa, ali aho si na muremure wo gucikamo. Inda ye ingana no mu manyankinya kandi umutwe we uteze imisatsi washyira ku mubare. Uramwumvira cyane aho ayiganishije niho ijya. Ni iyo yeruye navuga ngo washyiraxkuxmubare.ntihanda; s'urukara s'imibiri yombi, umwambaro we umugira mutoya akaberwa; wawugira munini bikaba ukwo nk'aho aliwe ubigira. Yarapfiliye arapfirwa. Yali yarampfiliye Sebuto nawe arampfira aliko sinzi ko n'ubu bagipfirana. Barahoberana birarangira. Barakomeza baraganira baturage baza kuvuga bati: "erega ufite ikiguhuza kiradutinza. Ati: ibyo nimubihigike. Ndavugana n'ibyansi. Nitwikorere icy'uyu munsi. Ngirango mwese muzi iwanjye. Niba kandi hali uwahibagiwe cyangwa utahazi kubera wenda ko yatumwe, nufite Habiyakare arabajyana no mu mbere. Nimwikorere mugende." Baragenda afata uwo mukobwa ukuboko ahasigaye arashyalinga agoneshya abo basigaranye ku mpamvu ze bwite; nta kintu kitagira impamvu. Ati: "Basore namwe nkumi, burya umwami ni ukuzi. Simpamya ko namwe mwese muzi iwanjye(barakomeza barasakuza arabihorera. Abonye ko abikorezi barenze arabahindukirira) None rero ndabajya imbere. Nizeye kandi ko ntali buyobe (havamo agasore karamuyogoya). N'uwo muntu mufatanye urutoki(...). Nanyemerera imandwa ziraba zasetse.(umukobwa araseka). Eh.. Noneho abasore nimunkurikire abakobwa nabo bateho. Nimugenda mukirana ibyo si kazi kanjye(babigira bwangu). Wowe rero witwa umusore uko bafatana urutoki wabibonye noneho dore uko bagerwa sha? " Ubwo baranagenda. Sebuto arambiwe aramurekura. Inzoga zagezeyo bwa kare bitari kare cyane. Zihura na Butitaweho watyaye mubyo kwakira babanywi. Yaciye amakoma, yatiliye imivure...Inzoga bazigeza mu nzu. Abikorezi bakirirwa aho hanze. Ba Beyatrisa aho bali bakomeza guterana amagambo. Yakomye agatima ku kiganiro cyerekeye guhemba agira byinshi amenya. Ibyishimo biramusaga aliko ntiyagira undi abivungulireho. Ageragaza kwishima buhoro nkabo. Atera akajisho ku ibyo bintu umwana we agiye guhabwa yishinga icyara. Mu kanwanya babona Sebuto nguwo n'umukobwa bongeye gufatana. Beyatrisa asa n'uwikunze yereka abandi abatungira urutoki ababwira ati: "nimurebe mwagacwa mwe.. Nimurebe Sebuto ukuntu yabaye agasore, ahali umenya al'uko ali kumwe na liliya zuba da.. Mukamihigà ati ubundi bwo yali ashaje he.. Ni umusore ye." Bakivuga ibyo babona abasore benshi bambaye neza baraje

bakurikiranye n'abakobwa balimbye nabo. Beyatrisa atangazwa n'abo bakobwa ngo basigaye bavumba bigeze haliya. Biyizira uruhuli bicara mbese nk'uko bali kwicazwa. Nyamugore - mvuge ntyo kuko ashobora kubyitwa - abaza abandi bagore aho uwo muco wo kuvumba waba barakomotse bati: ikili munsi y'ishyiga ntitukizi ye. Ntawabona uko agusobanurira. Hasigara haticaye umukobwa umwe wazanye na Sebuto. Uyu we akurubana Butitaweho mu nzu aramubwira ati: "umva ngusabye kuza kuvuga ijambo. Undi aramanjirwa rwose ati: ijambo ki? Ryerekeye iki? Umuntu utategujwe se ndamenya ndedemanga iki? Wakabyara we wikurikiranya ali nako uheka ugacutsa ugakuza, muvandimwe wanjye se uli buntwareho umwikomo ngo ndaguhemukiye? Kuko amukomakoma: humura ntibivunanye.. Yewe? Ahubwo ndakubwira ibyo uza kuvuga (undi alikiliza aliko bitali neza). Uze kugira uti: bavandimwe mu kanya umugabo (uti si ngoragora n'izina rye ni Sebuto) ambwiye agakuru kadaca umugongo nanjye ngiye kubagezaho. Ambwiye ko we na Mariya Nyirabugingo uliya (umwerekane ndaba nicaranye nawe) yashimanye na Sebuto nako nje kuvuga musanganywe. Uti aho bahuriye simpazi ndetse n'ubwira bakoreshaje sinibaza ko mugereranya uko bangana; ntitwasabye ntitwagize dute. Wongere uti ushaka kumenya umwirondoro w'uriya mukobwa nyine n'aho bahuliye (we na nyir'ukuntuma) aze kubibaza nyuma. Gusa uti jye mbifulije gukomeza buliya buzima. Noneho uti ahasigaye nimunfashe tubahe amashyi n'impundu. Butitaweho ashaka kubaza byinshi bilimo impamvu yatumye akora biliya n'iyatuma yemera ibi byose abwiwe byo kubwira abandi. Atinya anketi bibi. Ibyo bintu bisa n'ibyakorewe mu mwijima abona ko byazakora ku bantu bitamusize. Abura aho amuturuka. Usanzwe uvuga ijambo ntibili kukuzambane. Fata intebe nfate indi za mwegamirwa zisange uli hanze. Ubundi akazi wari wafashe karajyana Habiyakare." Barasohoka arabimubwira amubwira n'uko bili butangire. Asanga ntanubwo umukobwa yashihaguwe n'amaso ali hafi no gutukwa ngo arirata byabuze urugero. Aramurembuza uko ali batatu alicaza. Beyatrisa arabireba bimubera urujijo,n'amaso aza guhuma asigara arebesha umutima. Wo qe ki? Ntacyo wabasha kumusiganulira. Haterekwa amarwa mu kibindi cy'intango hamwe n'urwagwa mu munoga. Barushyira mu bicuma hose bakwiriranya imiheha. Abenshi aliko bakomeza kwirebera wamukobwa. Bamaze kwica isali Butitwaweho yaka ituze. Bararimuha avuga ijambo yahawe mbese amera nk'aho aliwe wasabiye Sebuto. Abantu bose baratangara cyane. Butitaweho byari byamubayeho kare. Beyatrisa we sinakubalira. Byamunyuzemo yanga gukekeranya ngo ali bubyirebere. None arabibonye amenye ibyalibyo. Yibaza uko azamera biramuyobera, bimumena umutwa arazindara, ibitekerezo biragenda birasobana ararara. Aliyumanganya anywa inzoga nk'utapfuna imvungure nazo zaboze kuko yumvise al'umururashashi. Abakobwa n'abahungu babona bahindutse abakwe mu bigezo icyo cyubahiro kirabashimisha. Nyamara basubiza amaso inyuma n'umutima inyuma ku byo babwiwe na Sebuto ubwe no ku kiganiro cyabereye kuli Komine bakayoberwa Sebuto uwaliwe. Bakayoberwa niba ali indyadya cyangwa ali umuhatanyi. Ababyeyi be batangazwa n'uko umuntu ashobora guhinduka mw'idakika limwe ugasanga yabaye undi wundi. Abandi bagore baraho bati rurlye abandi rutakwibagiwe uretse Sipesiyoza byatumye ababazwa n'uko yabaye umugore kandi hirya no hino baramurwaniraga. Yakwongera kwibaza agashimishwa n'uko yabonye ububyeyi icyo alicyo. Mbarubukeye yenda kwicana ati: nishyano kugirango mukuru wanjye arongore yisubilize jye nkili aho. Reka bibatangaze ni mugihe. Umuntu wateguye ibintu nka biriya ntihagire ubica iryera ku musozi woqe. Dore iyo abibwira Kabibi yali kumuhagarika kuko ubusanzwe yakundaga Beyatrisa. Uyu aho ali, mu mutima ati: iby'isi niko bigenda. Abakwe barasezererwa da. Ahasigaye abantu bose bariyanura. Nimugoroba Sebuto asanga Beyatrisa aho ali ku mbuga n'abana ati: Maweya rero, kiliya cyumba cyali icya ruzerefu ndakijyanye gifite umuryango utuma mu gikali haliya hali icyikoni. Kuhinjirira rero ushoka ubona inzugi ebyili hirya no hino, ndazijyana nazo. Wowe uzajya winjilira hano. Uzajya ukubitana n'imyango ibili yegeranye. Ni iyawe ubwo n'ibyumba bibili bisanga kiliya nduzi, ni bitatu kuli bitatu. Ngirango wahaze ntuzarengera. Asigaye ni aya Ndinda. Azagenda yisangira Mariya. Nta biryo bali bafite. Areba mu twana twari twandagaye hanze ati: abajye bari kure, hagire uza mutume, arababona arabatuma inyama mu bikombe, imigati na byeli.

Ubwana ni bubili n'umukuru umwe wo kwikorera iyo gasiyo. Baza kubizana. Abahemba urwagwa bafataha. Abasigaye baralya baranywa, nyamara ku ruhande abana barenda kwica Beyatrisa. Hikiwemo ibilyo abibakojeje bidashushye baramuhakanira. Sebuto aza kubwira Mariya ko hali icyo yibagiwe. Arasohoka no kwa Beyatrisa avuge ntyo, arasuhuza reka da! Shwi! Baralyam aho mu nzu babuze icyo bafata. Amakura haba ngo akajwi karanyanyalitsa mu matwi yabo. Alinjira n'umujinya woge, ati: n'ubundi ndasara. Mbese nakuraga iwanjye hali undi wundi uhategeka! Mbega aho ili s'ishyano! Ati: "Niko ye? Nyaku-- (azunguza umutwe alimyoza ahiniramo yanga guhinda ako kanya) Ni uko da! Iyo nduru se ni ivuga iki? Uraroze dore rore! (Aho hali agatebe bose bakundaga ali Beyatrisa ukicaydho) Mperesa gira x uzane iyo ntebe (aramuheresa arambura umusambi alicara mu mutima, ati: "Wenda zose uzikorere "Ubwo undi akimuli hejuru. Aza kugenda yikoroza)" Hasigara mu ituze nk'iliba mu mbeba zageswemo n'injangwe. Sebuto agezeyo umugore, ati: "Ni icyo wali wibagiwe se? -Undi avugana akajwi kanse: mi iki ni iki, ni cyo nta kindi, nicyo nali musigiye- Inyongera mbi ni igisebe:" Bakivuga batyo bumva umuntu arakomanze, bati: "Karibu (arakingura alinjira." Ni Simpunga Yakobo inshuti ya Sebuto ikaba na Sekereteri wa Komine Nyabisindu. Akaba yali yabwiwe kuza ni mugoroba. Aramukanya na Sebuto. Mu gihe agikengaguza ahsaka aho yicara abona undi muntu. Ashyira ikiganza ku mpanga aramuhengereza) -Eh! Eh! Eh! Uraho madamaze? (bararamukanya) Gira umugabo- -Yego (Sebuto aratulika araseka) -Simpunga: Seka shahu ntubeshye (intebe arayireka arakomeza areba uwo mukobwa) -Sebuto: Murebe matakureba umwihimure nawe ntumurebe- Yakobo: ibyo se nkabikunda? Mama we arororo!! Ngeze aha hilya bati: "Ali mu cyumba hilya iyo. "Nshaka kubabaza igituma abarama wenyine nkoma ko kwaba kubibuliza udutotsi ali nta n'icyo naba mbishakira namenye uwo nshaka aho ali. Yoo! Ubwo kandi wababujije kuza kukuvegeta! Yewe ga sha? Usigaye utumilira abakobwa hano pee! Se yemwe oroha njye kumuxxx reba da! (aragenda amukora ku matama yombi aramuraramisha. Undi aruma gihwa. Simpunga aza kumurekura agenza umugongo amwitegereza. Alicara arakomeza aramureba, Niko madamase? (Alikiliza) Bite? -By'iki? -By'ibyo§ ngibyo- Bya he? Byo kwa nde? -Byawe na Sebuto byo kwa Sebuto -Ibyo kwa Sebuto ntabyo nzi ntitubana sinamenya ibiba mu rugo rwe simugenzura. Naho ibyanjye na we ni ibi udusanzemo (simpunga aratangara) Nali nzi ko nzi kubaza none ndaraye! (azunguza umutwe undi/ araseka) Ni uko urakoze Madamaze- Sebuto, iyaba mwali mukomeje gucyocyorana ngo niyumvire (Simpunga aramuhindukilira) None se bite byawe na we? -Ni bityo -Ni bitya? -Ni bityo -Uko nambaye? Ni byiza nk'uko waberewe -Ibyo byiza ni byo nshaka kumenyaho. Nimumvunguli ku ibyo byiza byanju -Sebuto: Mari? -Karame -Muzanire ku ibyo byiza hilya aho (aragenda azana amacupa atatu ya byeli atereka ku meza Simpunga aliruhutsa arayakamata) -Ngiye gufuraha rero aliko munkinze byinshi -Mariya: ntabyo ye!

Ko ntasanze mukywa se ubu ni byo byiza mwali mulimo? -Ibyiza biruta ibi byaba ibihe bindi? (Sebuto abatesha inzira) -Ntuzi igihe naje kuli Komine wanshokoje koko? Eh! Se koko. Bulya njye ko nkukubasa washakaga kugera ku ki? -Nashakaga ngo umpe icyemezo gusa noneho irangamu-muntu nzabe nza kuyishyikira nendereho niyuzuliza programu -Programu ki? -Ahubwo nali kunakubwira ngo umpimbire umuvugo (Mariya aba arangije gusuka mu birahure) Ego wa mivugo we! Reka nisunikire akagwa k'abazungu (asomaho) Imivugo ki? -Ntuzi ko narongoye? Urabeshya! Oh! Nbe mbikenge. Byali byanyihishe rwose igituma utaraza umugore wawe umaze gukanguka nka kabili kose ali wenyine! -Ibyo byo yasinziliye kare. Ubundi bwo sinali kugukura mu kazi. Nawe ubwawe wabyivugiye, uti: "Icyantesha akazi k'abandi cyaba cyikaliye." Nkubwira umwanya wawe none ngushimiye uko kudatenguha. Ubundi rwose ibiroli byabaye byiza cyane uretse ko habuzemo umuvugo- Oh! Iyo mbimenya njye byali kunyorohera. Ntawe untuma utuzi sinjya gutashya singira nte. Mfite n'imashini iruhande rwanjye mfite impapuro nta mafaranga mbuze y'ikaramu. Umwana mu rugo we ntana kwilirwa abimukoza. Niba yalize amashuli mato gusa kugira ngo abone urupapuro byonyine yaba yirwanyeho cyane. Arakennye ntazabona ay'ikaramu. Azabiguha bifite umwanda ubirebe ubisesemwe kubeza ajya kwandika bati: "Kuvoma vuba!" Akagenda. Agatashya akaza akoga intoki akabura icyo yihanaguza akanduza bya bipapuro. Mu gihe yumvise bije ali byinshi mu mutwe iwabo, bati: "Tujye guhinga kavune umuheto. Urwo rudehero wihaye ni urwo kuvuga iki." Sebuto: nangwa n'uwo aba akorera umusa. Gukorera ubusa biragatsindwa! -Reka ye! Keretse nk'umwana. Ni we ukorera guhembwa cyangwa gushimwa- Genda data! Simba naraguzwe. Wakorera ubusa amaherezo akazaba ayahe? Numvise ubara ngo amamashini. Si kwal'ukugira ngo werekane ko uzi kuyandikisha? Oya None se washaka kuyikoresha utayifite ntiwahagokera. Tuvuge ali byo wabonye bikunogeye. Ntuzi ko watekereza byinshi ukabigabanya kubera nta kuntu- Bikababaza cyane rero kuko hal'ubwo ibyo ukuyemo ali bye byaba byali byiza- Nanjye ndacyabivuga muranakomerewe- Ntibyali kumbuza kubigukorera da!" Barakomeza baranywa. Biyongeza amacupa n'andi. Simpung aza gusezera baramuherekeza arataha. Mariya asigara abalilиза uwo mugabo uwa aliwe Sebuto, ati: "Nawe ntakuzi- Undi ati: nabishaka azamenya- Ntibitinze kandi ntibigoye. Ulya na we ni uwo mu Bunyambilili. Urahayobewe se siho ukomoka? Ni mwene wacu mu guturana ni byiza. Biranas shimishije kuko mukundana."

Nyamara Beyatrisa aho ali arumva afitiye amapfa akabyeli. Umutwe umaze kumera nk'ushize indihaguzi zawiliwemo abanza kwibuka igihe umugabo yajyaga amubwira, ati: "ubu nsigaye naramenye kubikiliza amafaranga. Akaba yaragize ngo ni ikindi kindi naho ni ukugugumiliza. Abyemeswa n'uko ejobundi yamwatse ay'isabune amubwira amagambo yerekana ko yali ntayo ntiyabyemera. Biramurakaza bukeye amuzanira menshi bimusobanulira ko yali ntayo binamwemesa ko ngo asigaye yarahindutse.

Ibyo bituma yilingirwa ahasigaye akayabika uruboneye ati: "hu! Byilingiro umbeshyera iki unshukira iki? Kwilingira kwibeshya ngo ndubatse ndi n'umuntu! Ejobundi ndi ku bise, ati: "Mfite byinshi bingondamiye. "Naho ni amagore yirukanka inyuma ndetse ejo byageze mu mahina atangira kujya yizererera nkagira ngo yagiye mu tubali nkabona aje Ibasinze bimanyobera. Ibyo byose kandi abirutisha umuntu usamba! Koko ibyo bihangayike kubimusha! Arongera xxx antoza imvugo irusha iy'ababyara kuzimiza ubwo anavugiramo. Ngo inzu ashobora kuyigabamo kabili ahe akahabanamo n'iheme nabajije ko induta maze njye nkaba ukwanjye! Abintukiramo angira rwakannye nde, aranshugusa arangosora... Gahinda ungarutseho urampora iki? Rwose ubuntunareba urusaku wateye umutima wanjye rwawuhubanganyije uko runyica! Urwo rwandiko Byilingiro yaguhaye Gahinda akumenyesha ko yamvuyeho ugomba kunyigarulira dore rwanteye intimba runyambura amahoro yose nali mfite. Nta kwizera nkigira nta busima nsigaranye. Ubul'imbere ndabona bunuka, butuma ivu n'isazi, butuma kurusha iminuko mibi yose ikoranyije. Iki gisebe cy'umufunzo nzajya nkinyuza he? Kizanyica kizandimbura, kizankuraho, kizanshamo. Kizandiza kimpogoze uko ngana uku. Kizandonda kibe akarande. Gahinda we? Mataho nta kuntu mfite nakugira, mbaza nta agatege. Wagiye hehe Byilingiro bitishuka ntibyigere byishunga? Ubu se noneho nilingiye iki? Ngiye he? Nganny̶e hehe? Urampemuki...ye Urampemukiye dore ko bavuga byinshi. Gahinda ntunica gusa ugira nkana. Byaravuswe ishavu lishira mu nda ilindi ligengarara. Ubwo alinjye hali n'ilindi likili litoto maweeeee// data weee!" Akubitaguza ibipfunsi ku bulili Sebuto aramwumva alimyoza. Uwa bene yegeka umusaya ashakisha udutotsi aranatubura. Mu gitondo Sebuto arongera aramutera bagabana amasahane, ibiyiko, inkono ndetse n'imyaka.

Ayo maganya arava he?
Nti umaze gupfa se?
Iyo nduru irava hehe
Ha hehe ko nta wakubiswe se!

Oroha se nkubwire
Nkubalire ya hoho,
Ya hogoza y'umugore
Itali kuzahama aho.

Urugamba rwamubayeho
Agambilira gutaha,
Ngo ntacyo ababayeho
Atazahaba ubutaha!

Yali yaragerageje
None ataye iminyago;
Abana bane yanogereje// Yisangira umulyango.

Ni bane ku bw'urupfu
Rwabamaliye ku icumu:
Rumusigira ilyo tepfu
Bali icumi nimpamo!

Bo se bazarama!
Bali bafite amacece
None agacutse kati ma?
Bose ngo ce!
Biragaragara rwose
Babungije imitima.
Akagimbutse muli bose
Kati hora urabona umutsima.

Wo kujya hehe
Yabuze nyina?
Gusa nannya ahehe
Mbese abe nka nyina.

Umutsima s'ibere
Liruta guteka.
Ntiligateke lili imbere
Nilihoreho iteka.

Yoo! Mu igenda yarabibese
Aragiza abana umukuru.
Ko yimereye nk'uli ku bise
Yatorokera kwa Sekuru?

Ni mu gihe?
Yakikiye alicara
Amererwa nabi. Ata igihe
Arahaguruka ra!
Ngo ni akwuka yishakira.
Umutima uramulya
Asuka amalira
Yumva nta nilya.

Se reka yizere
Anywe aze yagamye
Agambiliye umugore.
Ati: aho ntiwagasomye?

Nyoko ali he mwa?
Agahinda karamuzahaza
Uwadu ati ndakumva/ Ndetse akajinya karaza.

Aramusingira aratâkagura
Aramwabiza bikongeza abandi
Baralira barahogora;
Ni ya nduru idasa n'isindi.

Arabaza reka data,
Agiye guta amalira
Akandi kati umva data...
Birangiye gata andi malira
Kati none ntacyo nzimalira
Dore nzazira igi ntege
Kuko ubura kuryakira
Ahubwo ukansha intege.

Umugabo usubiza
Amaso inyuma arareba
Asanga bizamubiza
Nko guteka... aliheba.

Icyo yibagiwe ni iki?
Nijoro arakugendera
Yiyorosa iki?
Ali he Nyakwigendera?
Ubulingiti bw'indengera
Abugerekaho umuce.
Ntabwo yabuze kirengera
Abana bo ngo ce!

Reka arahagokera
Yambaza ily'umugore!
Bishyira kera
Abyuke yicare:
Amere n'usaze
Afate ingoli
Azisetse maze
Ahitwe n'sereli.

Umutwe ubasandara
Yandalira abana
Bashaka kwangara
Aranga arabagana.
Arabaliza ye!
Kandi iyo nyanjwa
Yarababyaye
Ifite n'ubwanwa!

Ayo maganya arava hehe?
Arava aho induru iva;
Ni abana igihe
Bacirwaga imva.
Nawe ubwe arabyumva
Ati: inkingi imwe bahungu
Ntigerwa inzu. Umva
Nujye mwemerana mu gihugu.

Aho si Beyatrisa ugiye? Oya. Umugambâ we turawuzi: "Gusiga kandi akanogereza ubwana bwe." Ubwo rero agomba no kubabambirwa. Uwasuze agirwa no kunutsa. Nvugâ ntyo kuko icyo umugabo yâmeje ahinga babi:i. Azabapfira yewe dore ejo bundi umugabo aherutse kuza we n'akagore ke gashya bataramira aho kwa Beyatrisa. Ka Nyirakililili kabaza nyina uwo muntu undi amubwira ko agomba kuzibaliza se. Karamubaza, kati: "Uwo muntu ni nde papa? (Baramwihorera) Ko mvigize nyinshi nyoni ra? (Banga guseka ngo kadahinduka ukundi nyiramama wanjye aratulika aratatamura) -Ngo twigâe iki? (Karamukanika) Nyinshi nyoni -Sebuto no guhinyura kwinshi: halya simperuka ngo uliga? -Kati: ye- Wiga iki? -Icyo wambajije kirananira ni ikihe? Kati: "Limwe gukuba kabili si kabili! -Sebuto, âbwo ku muntu wiga mu wa gatatu! Nyoni gukuba nyinshi ni kangahe? -Kati: ni nyoni nyinshi (na Beyatrisa araseka) -Sebuto, uzajye uvuga utyo rero- Kati yee! -Sebuto: uzajya uvuga ngo iki? -Nyoni nyinshi -Sebuto avuga buhoro: kino kigolyi. Yewe ga da!! Ati: (ul'uwa nyoko". Na mukeba ahali.!"

Aracyahali rwose hanashize ibyumweru bibili; Sebuto atarahagera! Ni ukuvuga ko uwa gatanu w'uguhalikwa warangiye hashira indi ya gatanu ibili. Bukeye bw'aho hali ku wa gatandatu. Araza mu ma saa yine gutoratoza kuli twinshi yiyenza. Nawe se umugabo muzima wabwiye umugore, ati: "Ese waba waramenye muka njye uko yitwa? (anivugisha gahoro) Rero ubwo wali mu byawe dore ko abantu nose bakubabaza (Ibye bihe cyangwa ibili haliya ni ibihe ko ali kimwe cyo guhalikwa kikaba kibabaza. Beyatrisa amukuruliye agatebe undi agatera umugeli, ati: "Aho ntiwagize ngo ni kamwe nakundaga sha?" Yagiye akagendana se! Beyatrisa ntiyasubira kumuâeba nyamara amubwira amusubiza nta agasuzuguro nta ki kuli cya kibazo urukundo rwonyine rugaragazwa n'imvugo yatuma umwiyegereza) -Nawe nigeze kukumenya (Sebuto amuciraho) Pu! Wijya kure nsubiza. Ati: "Kuvuga utabishaka wagonze urukanu! Rwo se ki? Rumeze nk'urwa magwene! No kunsubiza utandeba byonâine ni ishyano! Ni agasuguruo kabi (undi yubura amaso aramureba) -Naramwumvise ntibyangumamo (arongera yubika amaso) -Sebuto avuga aningura: Ntubeshye nyine byakwanze mu nda kandi indyalya yose ivuga nkawe (yongeza ijwi) Ngaho se mbwira (wumve nawe ikintu yakimagije nk'aho kumumenya cyangwa kutamumenya atali cyo kimwe) -Ati: numvise ko yitwa Mariya -(Sebuto aramukoba) Pagare we! Ni byo nyine, tuzajya tumwitabâsha Nyirabugingo bugingo bubanya bwo ubutanze. Ugufite uzamugira abugire ajye aburatira abandi. Ni bugingo bugororа imbwana bukagoreka imgeso mbi. Ndekeye aho. Wumvise? -Ubanza numvise (amusubira mu kanywa) -Ubanza numvise! Ngaho jya kureba abo ubwira nkwereke urutoki.

Ntibyali na ngombwa kubikubwira, aliko pfa kugenda. Uramenye ntubuze uwajyaga kuza! Uracyali gito urakanyagwa (amwumva agenda Sebuto amukulikiza amaso)" Asigara avuga, ati: "Worohe nzakubone sha! Nzagupfuragura nkwice urw'imbwa. Uzampungira he?" Ibi bigambo rwose bilica bikazonga awabura aho ujya ukaba wakwimanika koko cyangwa ugapfa gutorongera. Ibyo rero ntabishaka azaguma aho. Abantu bahageze ashorera bose n'abagore be. Urutoki arugabamo ibice bitangana kure! Ikinini agiha inkundwakazi. Bamubajije akoresha ingingo zipfuye zilimo n'ibitutsi ngo nta umutegeka mu rwe. Abagabo se kandi bakaba abo kumva gusa ntibarengamure! Bati: "Twe twitabye genza uko ubonye nyine ntitwagutegetse twabajije. Byice ubiruzi aliko twapfuye kubikumenyesha (aramwara yongeraho gato bisigara na none bitangana)- Ngaho da! Hatagira unyijoborerano amaso." Barataha. Nta nzoga yali ihali. Imilima yo amwereka mikeya, utera kandi ya kure. Umuntu utazagira mu nsi y'urugo ma! Yose ni iy'i Nyamagana. Arabireka ntiyakoma. Wowe utunzwe no guhinga baguha imilima nk'iliya ntucike intege? Reba abana agomba kugabulira; batanu! Ntawe uramenya guhinga. Kwigira aho bili wabihagalika? Mbwira. We yarahagaze ahama aho. Kandi no mu igabana ly'imyaka ni ko byagenze. Yaramuhenze ndetse n'ili mu milima barayigabanye. Apfa kuli twose aranga arahaguma avuga ko azatangira bundi bushya. Sebuto aramwanga yewe aranamwangisha, biramupfana. Akikundira Sipesiyoza uyu nawe witwaga ngo ni uwe aramwanga barangana. Rwose biraba asigara yirahira uwamuhaye umulima azi ko byanavuye mu maboko y'abali bagize urugo rw'uwamuhaye. Uretse n'ibyo arenga no ku nama uwo mukuru wo yamugiraga. Ntiyanibuka ibyishimo yagize amaze kumubwira ko yabonye umugabo: aroshywa barangana. Ni na we wageragejwe arashoborwa. Abandi bose b'ahandi bakomeje umubano na Beyatrisa. Sipesiyoza aho ali, ati: "Ni byo koko! Umugabo niwe bukire bw'umugore. Arararararara!!! Nzajya ngenderewa. Aliko byo byarabaye. Umusazi arasara akagwa ku ijambo. Nagende nsibana. Naca ibulyo nzagana ibumuso, niyunama nunamuke hafi no kutalyama yalyamye. Nace ukwe nzacya ukwanjye." Si no kumushuka bamushutse ahubwo ubwirasi bwabimuzanyemo vuba. Yarebye uko kicwa we anezerewe yumvā ni ako kwangwa koko. Az gutwara indi nda ibitekerezo byinshi bishaka kuyikuramo! Nta umuhingira nta ki, abana bagakora imilimo y'imuhira bakajya bakurakuranwa gusiba. Baralya gusa ntibahinga. Sipesiyoza aza kubimenya, ati: "Nikigende kijye kwerera ku musozi. Ko yashatse ikindi ashaka ni iki? "Arabyara noneho habe ngo arabona n'akajumba. Arazongwa sinakubalira! Abyara umuhungu bamwita TULIKUNKIKO. Hashize igice cy'ukwezi Sipesiyoza abyara umukobwa. Ubwo ba Nyirakililili bali bageze mu wa gatanu bawurangije. Ni muli mirongo itandatu n'icyenda mu kwa cumi. Baba abatindi cyane birumvikana aliko Sebuto yavuga, ati: "Uzaca inshuro yawe nzayi--ca ndetse nuyitahana uyirarane.." Beyatrisa yakwibuka ibifaranga balyamiye agacikamo. Mukeba nawe arabyara bamunezeza uko bigeze kubimukorera. Arareba arumirwa arabika. Utwo baboraguye bakajya utwo Sebuto asa n'uhacika akajya ahaza limwe cyangwa kabili mu kwezi nabwo azanywe no gushora intambara. Limwe Ayurugo azinduka ajya gukura ibijumba aje ajya mu rutoki akurura amashara yo kubitekesha. Kuko rero bacana kamwe Sebuto abona izo nkwi azirabukwa undi aziseserana.

Abonye bigurumanye arasa amusanga aho ali aramutuka ye! Ati: "Gafate ubusa gacike amaguru. Kiowe n'ibi na biliya! Ati: "None aha mbwira aho wakuye ibyo ucanye ntarakwesa. Vuga igahiye vuba! (Umwana aradagadwa abura ijwi. Sebuto agiye kumufata aliruka. Baliruka bageze iruhande rwa Beyatrisa abangura inkoni kumukubita mu bitugu abonye ko atali bumufate. Beyatrisa arayifata yabaye nk'umusazi akingira umwana we. Reka rero Sebuto azabe aliwe abona! Aramukubita inkoni iravinika asigara akoresha amakofe n'imigeli. Aranigagura akubita inshyi aterera agatumbi aho. Beyatrisa arambarara hasi na bwo yumva atonekara hose. Yabyimbaganye yacitse ibisebe ku maboko no ku mbguru. Intoki ugasanga zasigaye ku matama. Aratuka aravuma, ati: "Pu! Uragapfa utyo! Ni aho abagore babuze. sha! N'iyo nizanira Gatarina byose ni kimwe. Uratambikiza n'abahungu bawe hamwe n'abakobwa kulya muli cyo kimwe! Ndakubwiye ubwenge bwawe ntibwanagerwa mu rwara. Si n'urwara rubonetse rwose ndavuga urw'agahera. Umaze gushyikira utangira kwiha kuvuga ngo wamfashije kugura imilima. Wokohe noneho nzarebe wagakuba amaboko we. Gaheke amaboko gahore wipfumbata. Nta soni! Sinamenye sha!" Aramusimbukira afata mu nda arenga, akunda imbavu: abonye yataye ifuro aramureka amuciraho, ati: "Se wampaye isabune ra? Ukagira ngo hali ayo wali wambikije. Baroga barakabulya mama! Uwakurose ntiyakarabye njye nkubwire. Gafate ubusa. Kuva uyu munsi inzoka yı yanjye ikuvuyeho." Aragenda." Asize iki? Abana yabyaye. Bukeye ajya kwa Kabibi kubasaba utwaka ahasanga Mukarukaka. Ntamukubise amaso! Yumva biramubajе cyane. Balicara baraganira asa kumutekerereza uko yakubiswe. Mukarukaka ati: "Niko bimeze. Agutereye amashyiga wagira ute? Twe dusigaye twaranamutinye njye umuntu aramtuka nkabona ataba yabyitekerereje ubwe yaba yabikoze atabishaka akangilira nabi singire icyo mbyumvaho. Akali kera basajya bankekaho gusuzugura. Urambalira se ngo nkugenserese ute?" Asa kumubwira icyali kimuzanye. Aramuha arataha. Ngaho ra! Umuntu utangiye gusabiliza akagira n'iso nkoni uko bukeye akemera akahaguma! We ntaho asajya. Murumuna we yamwanze urunuka, ugasanga yiyahura, ati: "Mwene nyoko nabyara ubyare kuko atabyara ngo uheke. Biliya byana nareze bimbuza ubulyo none bikaba bisigaye binsuzugura. Kundasa ku ijoro mbirwaza byakalimbuka nkilirwa mbitekera ali nako kiliya kigore kindiho n'ibitutsi." Wowe mukobwa uwakugiliye neza wamwituye iki? Ntagaseke umupfakazi ntuba usi icyamwiciye umugabo. Niba umerewe neza shaka kugilira abandi neza kandi niba waragiliwe neza shaka inyiturano nziza kandi wifuze kubigilira abandi.

Beyatrisa we akomeza umutsi, ati: "Sinzatinya mfite umubyeyi none ngo Hitimana. Yita twali we wese ubwo ikaba umubyeyi wa bose. Njye nzaba iki? Ntacyo. Umubyeyi aratuma umwana agutumika. Imana yanshinze baliya bana. Ubwo rero izabambaza akali kera aho nzayitabira. Simpfe no ; kuba ndi impfubyi sinabura aho nerekera ndamutse ngiye. Aba bana bazamera bate? Nazavuga iki imbere y'Imana? Oya rwose sinzagoragora ngo ntuma abana banjye batatana. Umva ntacyo ngitese kuli Sebuto. N'ikilyamo ntacyo kandi umubi ni uwakirwanira. Ntahingira abana ntamenya ko barwaye. Ubu se azi baramutse bate? Ejo yamenye ko biliwe? Azi bali buramuke? Nzalya gake keza kandi kagabuye.

Nzemera mwubabeho mukururukeho ku bw'aba bana. Nanagira ate yet Nzahizingira gusa ngo abana batazira umukeno bakabura kirengera. Naba mbateye intimba itazashira. Nzizera nsabe nsabire n'abandi. Ugusaba nzakwongeraho urukundo. Mukeba w'umunti ni umubili we. Umuntu yangwa n'umubili we kandi iminsi umugabo amara kwa mukeba siyo yo mu kuzimu." Si we wagiye. Uwagiye ni Mukamihigo wa mugore wa Butitaweho umwe umaze iminsi acyulirwa ubusinzi n'ubundi tundi tuba mu rugo. Ajyanye iki? Ntacyo. Abana abasigiye nde? Umugabo! Reka ye. Icyo gikoko cyabalya. Keretse mukuru wabo abaye umunyabwenge akabarwanaho. Umugabo se data s'ukubahindamo nk'umujugujugu mu ihene! Umuntu ubyutswa no gukubita! Yabonye koko bimurangiliyeho afata ingoli arazisetsa ngo nta nyirazo zikigira. Bitewe na nde? Nawe. Kuva ubwo hehe n'akabali cyamgwa abandi bagabo! Yahindutse umugore utagize icyo yishoboreye. Utwana ni dutatu uwa kane ni wa musore Mugenzi ul'i Gitarama. Se yagiye gucyura umugore arahakana. Urebe n'uko biteretse yagiye amuvuga hose. Ntaho yabona undi. Yamukura he? Wowe wakumva ko yatanye n'uwo bashyingiranywe kandi batana bashaje ukilirwa ujya he? Ndetse yamaze kuboma ashobewe atuma ku muhungu we ngo azaze kubasura ngo nyina yararwaye naho byamugezeho kera. Ubwo yashakaga iki? Yagiraga ngo abone ubulyo yigira Bugande! Ubwo rero akabatoroka akabasigira uwo musore. Nyamara ataragenda yahoraga avuga, ati: "Bahu! Gushaka nabi birakanyagwa. Nk'uliya mukenya Leta ngo niba mwirukanye ngombe ngabane nawe ibyanjye! Ngo ni ishyano basore mutarashaka." Gupfa kwitera hejuru! Uruhinja rwo al'uruhinja mu rugo rubura akamaro! Yaramuzanye, aza imbokoboko yego aliko bara imyaka cyangwa amezi aba ali iwawe icyo yaba akoreye iwabo. Ndetse n'umunsi umwe uzana byinshi akanswe. Naho kuvuga ngo ni ishyano ibi n'ibi ntacyo yazanye biragoretse. Ko ujya kugenda iyo nzira uzilikana ko al'amaboko yawe kandi ukaba ushonje utageramo warahinze? Usanga udufaranga ubona n'imyaka ihava bihuliye he? Niba binaniranye umusore n'umukobwa bajye bahabwa bose iminani noneho mu gihe babaye umwe n'ibintu byabe bibe bimwe; bahulize hamwe iyo minani bayongeze gukora. Nanone umwe ashobora kuvuga, ati: "Ni njye wazanye byinshi!" Niba al'imilima bazane ibili ibili uwa myinshi uwo asaguye agurire umwihaliko. Igihe batandukanye buli muntu ajyane ibye buli muntu ibye bagabane imyungu. Utu tubazo twose tw'utuburagaciro nta muntu tutazabaho. Tuzamarwa n'iki? Umusore n'inkumi ubwabo. Bate? Batarongora bendeye ku bukire. Barongorana nta rukundo tuliya twose tukabatanga imbere. Abana babyaranye se? Niba batandukanye umugabo ntiyabasigarana bose kandi n'umugore ni uko ntiyabajyana bose. Umwe ntiyifuza ko bakiza umwe gusa. Hakaba n'ubwo biba impamvu y'uko umwe aba atabona ikibatunga. Ibyo ntibi nagora kuko abagore bakunda kubahara bakagenda uko baje. Noneho se nibagabane! Wenda umugabo asigarane abahungu -kuko umugore atamujyana ngo abe akinabonye ahandi yashaka umugore ajyane abakobwa. Umugabo rero arushinga ngo baramuhenze! Uko byamera kose gusa iyaba abe bana batabaga gito ngo niba akize yarasigaye kwa se abe ali we akiza gusa yiyibagize nyina wakomeje cyangwa waje gukena ngo ni uko ali ku wundi mugabo. N'uwajyanywe kandi yoye kwikatura se. Naho ubundi ubusanzwe umuhungu abomba kugumana na se. Turebye ibi dusanga no kwirukana umugore wagombaga impamvu nyayo.

Ubwo yaba ihali bikanyura mu butegetsi bakagabana bagatandukana aliko atagiye heru heru ngo agende amara masa. Waba umwirukanye nta mpamvu wishakira kumurushya gusa kandi al'ikiremwa ava amaraso nkawe umulyore. Nukamihigo aragiye. Agende abe ikirongore se umukecuru nyaminaga! Oya! Ni ukwisangira umulyango. Ni ukugenda akajya iwabo akicara akabahingira yikorera.

Beyatrisa kamubayeho ntikaherukaga. Agahinda karamutashya.

UMUSOZO.

Beyatrisa akomeza kubura umugabo amurusi yitwa ngo ni umugore. Arakena rwose birebeshwa amaso gusa asigara arengerwa n'abaturage. Ba bandi babazaga amazina ya mukeba barakura baba ibikumi n'ibisore ku mugani wa Sipesiyoza, bamenya ko bali ku sihuli barahatana. Nyirakilili agat. ngaswa n'uko kuva yatangira kwiga se atali yamubaza uko bimumereye uretse igihe yamubajije ma bwo acenga ngo "Mu ishuli mwiga iki?" Amaze gukora ikosa. Sipesiyoza abantu baramuhinyura cyane ntibaba bakihagenda uretse bamwe bakururuka bishakira kulya/ Beyatrisa asigara yifuza kutongera gutwara batal'ukwanga cyangwa guhararukwa,abana, ahubwo byo kulibwa atabona gihoswa. Umugore ntahoswa n'umugabo ku mugani we? Aranga Aratwita abyara umukobwa mu w'igihumbi magana cyenda mirongo ilindwi na kabili mu kwezi kwa kalindwi. Wa muhungu wundi yali yasoretse. Uyu bamwita Sebasaza. Beyatrisa we buli gihe akagira ilyo yita umwana mu mutima, ati: "Iyaba bongeraga gupfa kunyereka bambeshya ngo barankunda bampa icyubahiro kilyalya ngo mi nite umwana. Napfa kumuha ilya Semahali. Sebasaza! Sebasaza se nyabaki. Ni ukwigurutsa ibiliho yagenuza kwita." Ubwo Nyirakilili bali barangije uwagatandatu ndetse babaha rugoli barasibira kuko bali batsinzwe icya Leta. Barabareka balishyira balizana baranga barongera baratsindwa. Nyirakilili yigira kwiga mu ngoboka ho muli familiyali aho i Nyanza. Akabuza umukobwa insu baragendana ntibasigana. Ntagezeyo! Ku munsi wa mbere rwose ahura n'amakuba. Aragenda hamwe n'abandi bafata imyanya mu ishuli nyine. Yicarana n'undi mukobwa w'ahitwa i Kavumu. Uwo nyine agize ngo yerekeye hanze mu mwanya we haza undi. Nyirakilili aramwangira amusobanulira neza ko hafite nyiraho. Bituruka aho atwarwaho umwikomo. Nyiraho aje asanga hali amahane yigira ahandi. Abo uko ali babili balicarana. Uwo mukobwa Jerturuda amuteranya ko bo hepfo no ku bo haruguru. Ishuli lyose liza kumubona. Yamamara ko agira amahane aranga arahatana. Akojeje se ko babaka amafaranga, ati: "Kavume umuheto! Ikigolyi. Barakurata nawe ukuhongora. Amafaranga se wa gicucu we wagiye uyabaza nyoko (nyina se wa he?/ Umuntu utakigulirwa n'akunyu akaba nta n'akagutiya akibona akaba yarabaye iciro ly'imigani. Yewe! Iyo ataza kwigilira amaboko ntiyali gupfa kubaho. Ahinga ibijumba agahinga imyumbati. Nakaba ubwo yeza nk'ibijumba akabikuraho amafaranga akigeragereza mu ubwo bulyo. Yacitse ku bindi bihingwa akulikira ibyo. Ubwo Sebuto yaba ahageze akaba ali byo ahabwa, ati: "Singiye guhora ku ngaburo y'abana. "Akigira iyo bili) Simbona ahinga. Aranavunura nkanswe." Bimuyobeye alivamo kwa Sipesiyoza seumukobwa ye! Bamwusuzaho ibintu byinshi ngo ntiyali agisuhuza abantu yajenyeraga gusa agatambuka arusi umuntu... Nyima aza kumugira inama amurangira kwa wa musungu w'i Bujumbura. Yavuyeyo al'umwana ntahazi. Arahamurangira neza ajyayo. Arabibwira baramwishimira cyane. Arahakora akora akazi ko kumesa no gutera ipasi. Akajya yohereza nyina udufaranga amubera icyanzu atyo. Beyatrisa ashira impumu bitali bye cyang aliko asa n'ushize impumu ho bukeya.

Nuntu witwa umugore, umugabo afite kugukiza cyangwa kukwica. Ni nka ya mazi ali kuziko. Uruhande bacanyeho ni rwe rushyuha mbere. Mu bantu babana uwendereza undi ni nk'uliya muliro. Aramurakaza akarakara bakarakaranya. Mujye mumenya ko umuntu ali nk'undi, arakara uko nawe urakara, arababara nawe ukababara... Wabonye he amazi yanga gushyuha yabonye umuliro? Mwumvikane ndetse nakugilira nabi ako kanya urambure amaso umurebe, utanamusuzuguye umubwire udatsindagira, uti: "Ibyali byo byose urampemukiye." Simvuze kumureba neza uko utali usanzwe ureba kuko indoro isanzwe ali mbi nta kuntu wayihindura. Gusa ugeregeze umurebe neza ako kanya umubwire biliya kuko nubivuga igikorwa cyararangiye azavuga ko ubika inzika. Umugabo yagereranywa n'intindo ndende. Idahali nta kindi kintu cyagufasha ufite ntiwagera hakulya. Iyo ntindo niyo uba uhanze amaso. Sinibaza icyatuma muhitamo gusamirana buli gihe ngasanga mutondagirana nta kibaho nta ki. Nimujye mugerageza kwomerana mu gihugu.